- 19° **« Termes de référence »** signifie le document établi par l'entité de passation de marché et définissant clairement la nature du marché, les exigences et les moyens à mettre en œuvre et les résultats attendus;
- 20° **"Isoko ry'imirimo"** bivuga ibikorwa byose bijyanye n'ubwubatsi bisabwa n'Urwego rutanga isoko.
- 20° **"Works"** mean all activities related to the realisation of building or engineering works upon the request by the client.
- 20° **« Travaux »** signifie toutes les activités liées à la construction de bâtiments ou travaux de génie civil à la demande du Maître de l'ouvrage

Ingingo ya 2 : Ibirebwa n'iri tegeko

Iri tegeko rireba amasoko yose y'imirimo, ibicuruzwa bigemurwa, serivisi y'impuguke n'izindi serivisi bikenerwa n'Urwego rutanga isoko uretse ibivugwa mu ngingo ya 3 y'iri tegeko.

Article 2: Scope of application

This Law shall apply to all procurement of works, goods, consulting services or other services carried out by the procuring entity except the procurement provided for in Article 3 of this Law.

Article 2 : Champ d'application

La présente loi s'applique à tous les marchés des travaux, des fournitures et des services de consultants ou tout autre service commandé par l'entité de passation de marché sauf les marchés prévus par l'Article 3 de la présente loi.

Ingingo ya 3 : Ibitarebwa n'iri tegeko

Amasoko ya Leta yerekeye ibintu bigomba kugirirwa ibanga bijyanye no kurinda ubusugire bw'Igihugu cyangwa umutekano wacyo ntarebwa n'iri tegeko.

Mu gihe iri tegeko rinyuranyije n'ingingo z'ibiteganywa mu masezerano Leta y'u Rwanda yagiranye n'umuterankunga umwe cyangwa benshi, cyangwa ikindi cyose bumvikanyeho kirebena n'itangwa ry'amasoko, ibiteganywa muri ayo masezerano ni byo bikurikizwa. icyakora mu zindi ngingo zose, iri tegeko rirakurikizwa.

Ingingo ya 4: Amahame remezo mu itangwa ry'amasoko ya Leta

Gutanga amasoko ya Leta byubahiriza amahame remezo akurikira:

- 1° gukorera mu mucyo;
- 2° ipiganisha;
- 3° kuzigamira Leta;
- 4° gukora neza no kwihutisha akazi;
- 5° gutanga amahirwe angana;
- 6° kwirengera ibyemezo byafashwe.

Article 3: Exclusions from the Scope

This Law shall not apply to procurement of classified items meant for national defence and security.

To the extent that this Law conflicts with procurement of procurement rules of a multilateral or bilateral treaty or other form of agreement to which the Government of Rwanda is a party, the requirements of those agreements shall prevail; but in all other aspects the provisions of this Law shall prevail.

Article 4: Fundamental Principles in Public Procurement

Public procurement shall be governed by the following fundamental principles:

- 1° transparency;
- 2° competition;
- 3° economy;
- 4° efficiency;
- 5° fairness;
- 6° accountability.

Article 3 : Exclusions du champ d'application

La présente loi ne s'applique pas aux marchés publics d'Articles classés secrets se rapportant à la défense et à la sécurité nationales.

Par extension, en cas de contradiction de la présente loi avec les une disposition des marchés régis par des conventions bilatérales ou multilatérales ou toute autre forme d'accord dont le Gouvernement de la République du Rwanda est partie, les dispositions de ces accords prévalent ; mais dans tous les autres aspects, les dispositions de la présente loi prévaudront.

Article 4 : Principes fondamentaux régissant les marchés publics

La passation des marchés publics est soumise aux principes fondamentaux suivants :

- 1° transparence ;
- 2° concurrence ;
- 3° économie ;
- 4° efficience ;
- 5° équité ;
- 6° responsabilité.

Ingingo ya 5: Gushyira ahagaragara amategeko agenga amasoko ya Leta

Iri tegeko, amateka, ibitabo by'amabwiriza agenga ipiganwa n'amasezerano by'icyitegererezo bigomba gushyirwa ahagaragara.

Amabwiriza agenga amasoko, ibitabo by'amabwiriza agenga ipiganwa n'amasezerano by'icyitegererezo bishyirwaho n'iteka rya Minisitiri ufite itangwa ry'amasoko ya Leta mu nshingano ze.

Ingingo ya 6 : Igenamigambi ry'itangwa ry'amasoko

Buri rwego rushinzwe amasoko rugomba gutanga igenamigambi ry'itangwa ry'amasoko ry'umwaka rigaragaza ibyo rizageraho hakurikijwe amabwiriza agenga amasoko ya Leta.

Mu itegurwa ry'igenamigambi ry'itangwa ry'amasoko n'iry'ibitabo by'Amabwiriza agenga ipiganwa, urwego rushinzwe isoko rugomba kwitwararika ko hari ingengo y'imari ihagije yabigenewe kandi rukubahiriza amabwiriza agenga ikorehwa ry'ingengo y'imari.

Article 5: Accessibility of Procurement Legislation

This Law, orders, standard bidding documents and contracts shall be made available to the public.

Procurement regulations, standard bidding documents and bidding document shall be established by a Ministerial Order of the Minister in charge of Public procurement.

Article 6: Procurement Planning

Every procuring entity shall produce annual procurement plan indicating the objectives to be achieved in accordance with procurement regulations.

During the procurement planning process and the preparation of the bidding documents, the procuring entity shall ensure that there is sufficient budget allocation and shall respect regulations governing budget execution.

Article 5 : Disponibilité de la réglementation des marchés publics

La présente loi, les arrêtés, les modèles du Dossier d'Appel d'Offre et des contrats doivent être mis à la disposition du public.

Le manuel des procédures de passation des marchés publics, les modèles des Dossiers d'Appels d'Offres standard ainsi que les conditions générales des contrats sont déterminés par un Arrêté du Ministre ayant les marchés publics dans ses attributions.

Article 6 : Plans de passation des marchés

Chaque entité de passation des marchés doit élaborer un plan annuel de passation des marchés publics déterminant les objectifs à atteindre conformément à la réglementation de passation des marchés.

Durant le processus d'élaboration du plan de passation des marchés et la préparation des Dossiers d'Appels d'Offres, l'entité de passation des marchés doit s'assurer de l'existence du budget suffisant ainsi que du respect des règles d'exécution du budget.

Ingingo ya 7: Gukoresha inyandiko mu itangwa ry'amasoko ya Leta

Ibyo buri ruhande rwifuza kugeza ku rundi mu bijyanye n'itangwa ry'isoko bikorwa mu nyandiko.

Ingingo ya 8: Ishyinguranyandiko zijyanye n'itangwa ry'amasoko ya Leta

Urwego rutanga isoko rugomba kubika inyandiko zijyanye n'itangwa ry'amasoko zigizwe n'ibi bikurikira mu gihe kitari muni y'imyaka itanu (5) uherye igihe isoko ry'imirimo, iryo kugemura cyangwa irya serivisi ryatangirwe :

- 1° Igitabo cy'amabwiriza agenga ipiganwa ;
- 2° Inyandiko z'ipiganwa ;
- 3° Inyandikomvugo y'ifungurwa ry'inyandiko z'ipiganwa n'iy'isesengura ryazo ;
- 4° Inyandiko imenyekanisha uwatsindiye isoko ;
- 5° Kopi y'amasezerano yasinywe hagati y'Urwego rutanga isoko n'Uwegukanye isoko
- 6° icyemezo cyo kurangiza neza isoko;
- 7° Inyandiko yose yakozwe hagati y'Urwego rutanga isoko n'uwapiganwe;

Article 7: Communication in Public Procurement

Any communication between the procuring entity and the bidder shall be made in writing.

Article 8: Record of Procurement Proceedings

The procuring entity shall keep record of the procurement proceedings containing the following information for a minimum period of five (5) years from the period of the award of tender relating to works, goods or services:

- 1° Bidding document;
- 2° Bids;
- 3° Bid opening and evaluation reports;
- 4° Tender award notification;
- 5° A copy of the contract concluded between the procuring entity and the successful bidder;
- 6° Certificate of completion;
- 7° All correspondences between the procuring entity and the bidder;

Article 7: Communication dans les Marchés Publics

Toute communication entre l'entité de passation de marché et le soumissionnaire doit être faite par écrit.

Article 8 : Tenue de la documentation des marchés publics

L'entité de passation des marchés doit tenir une documentation des procédures des marchés publics comprenant les renseignements suivants pour une période d'au moins cinq (5) ans à compter de l'attribution de marché des travaux, des biens ou des services :

- 1° Dossiers d'Appels d'Offres ;
- 2° Offres ;
- 3° Procès- verbal d'ouverture des offres et rapport d'évaluation des offres ;
- 4° Notification d'attribution du marché ;
- 5° Une copie du contrat conclu entre l'entité de passation de marché et l'attributaire du marché ;
- 6° Attestation de bonne exécution ;
- 7° Toute correspondance entre l'entité de passation de marché et le soumissionnaire ;

- 8° Indi nyandiko yose itanga amakuru, amabwiriza na raporo kuri iryo soko.
- 8° Any other useful information, instructions and reports that are related to the tender.
- 8° Toute autre document contenant l'information utile, instructions et rapports relatif au marché.

Inyandiko zose ku itangwa ry'isoko rya Leta zishobora kurebwa aho zibitse n'umuntu wese ubishaka. Umuntu wese ubishaka ashobora guhabwa kopi y'izo nyandiko abanje kwerekana urupapuro yishyuriyeho amafaranga agenwa n'amabwiriza agenga ishyirwa mu bikorwa ry'iri tegeko.

Archived public procurement documents may be consulted from where they are kept by any person wishing to do so. Any person may also obtain a copy of those documents upon exhibition of a voucher ascertaining he or she has paid the amount determined by the regulations meant for implementing this Law.

Les archives des marchés publics peuvent être consultées par toute personne intéressée là où elles sont gardées. Toute personne peut également en obtenir une copie sur présentation du bordereau de paiement d'un montant fixé par les instructions d'application de la présente loi.

Ingingo ya 9: Igenzura ry'imitangire y'amasoko n'iry'iyubahirizwa ry'amasezerano

Article 9: Auditing the Conduct of Procurement Proceedings and Contract Execution

Article 9 : Audit des opérations de passation et d'exécution des marchés publics

Ikigo cy'Igihugu Gishinzwe Amasoko ya Leta kigomba gukora igenzura rihoraho hagamijwe kureba iyubahirizwa ry'amategeko agenga amasoko ya Leta.

Public procurement proceedings shall be subject to regular monitoring by the Rwanda Public Procurement Authority to ensure compliance with the prevailing Procurement legal framework.

Les opérations de passation des marchés sont soumises à un suivi régulier de l'Office National des Marchés Publics pour s'assurer qu'elles respectent le cadre légal des marchés publics.

Buri rwego rutanga amasoko n'undi wese ushinzwe ishyirwa mu bikorwa ry'amasezerano bagomba gufasha Ikigo cy'Igihugu Gishinzwe Amasoko ya Leta mu kurangiza iyo nshingano.

Every procuring entity and any body in charge of contract execution shall co-operate with Rwanda Public Procurement Authority in carrying out this mission.

Toute entité de passation de marchés et toute personne en charge de l'exécution des contrats sont tenus de coopérer avec l'Office Rwandais des Marchés Publics dans l'exercice de cette mission.

Ingingo ya 10: Ubwoko bw'amafaranga bukoresha mu ipiganwa

Ifaranga ry'u Rwanda cyangwa amafaranga y'amahanga yagenwe mu bitabo by'Amabwiriza agenga ipiganwa ni yo akoresha mu ipiganwa.

Iyo upiganwa yatanze inyandiko z'ipiganwa mu mafaranga y'amahanga, hakoresha ikigereranyo cy'ivunja ry'amafaranga cya Banki Nkuru y'Igihugu. Igitabo cy'Amabwiriza agenga ipiganwa gisobanura umunsi w'ikigereranyo ngenderwaho mu kuvunja amafaranga y'amahanga kizakoresha.

Ingingo ya 11: Ukwishyira hamwe kw'amasosiyete mu ipiganwa

Amasosiyete ashobora kwishyira hamwe mu ipiganwa kugira ngo ziyongerere amahirwe n'ubushobozi byo ipiganwa.

Icyakora, imwe mu masosiyete iyobora abishyize hamwe kandi ikabahagararira mu bikorwa byose bijyanye n'iryo soko. Inyandiko y'ipiganwa igomba kuba imwe kandi igatangwa mu izina ry'abishyize hamwe. Sosiyete imwe ntiyemerewe kujya mu mashyirahamwe abiri yapiganwe ku isoko rimwe. Nta sosiyete kandi yemerewe

Article 10: Currency used in bidding

Rwandan currency or any foreign currencies specified in the bidding document shall be used in any bidding.

When bidders provide the offers in foreign currency, the Central Bank shall be the source of exchange rates. The bidding document shall establish the date to be considered for the foreign exchange.

Article 11: Joint ventures

Companies may form joint ventures to increase their capacity and competitiveness for tendering purposes.

Nonetheless, one of the companies shall be considered as the lead company and serve as their representative in all activities under the tender. The bid shall be a single document and bear the name of the joint venture. One company shall not be allowed to participate in two different joint ventures in the same tender. No company shall also

Article 10 : Monnaie de soumission

Le soumissionnaire est tenu d'utiliser le Franc Rwandais ou toute monnaie étrangère spécifiée dans le Dossier d'Appel d'Offres.

Lorsque les soumissionnaires donnent leurs offres dans une monnaie étrangère, il est recouru au taux de change émis par la Banque Nationale pour permettre la comparaison des offres. Le Dossier d'Appel d'Offres détermine la date d'application de ce taux.

Article 11 : Groupement d'entreprises

Les entreprises peuvent se présenter en groupement en vue d'augmenter leur capacité dans la concurrence.

Toutefois, l'une de ces entreprises groupées est désignée comme représentante des autres dans toutes les opérations du marché. L'acte d'engagement au marché doit être un document unique et porter le nom du groupement d'entreprises. Une même entreprise ne peut pas figurer en deux groupements pour un même marché. En outre, elle ne peut pas participer en

gupiganwa yonyine no mu ishyirahamwe rya za sosiyete ku isoko rimwe.

be allowed to submit a bid both in its own name and as part of a joint venture for the same tender.

même temps à la concurrence à titre individuel et en groupement pour un même marché.

Amasosiyete yishyize hamwe mu ipiganwa agomba kuba yabyiyemeje imwe ku giti cyayo no muri rusange imbere y'Urwego rutanga isoko;

Companies participating in the joint venture shall be individually and collectively liable towards the procuring entity.

Les entreprises qui participent au groupement doivent être individuellement et solidairement responsables à l'égard de l'entité de passation de marché.

Ingingo ya 12 : Gukomatanyiriza hamwe ibice bigize isoko

Urwego rutanga isoko rushobora gukomatanyiriza hamwe ibice by'isoko binyuranye bishingiye ku nyungu z'amafaranga nko guteza imbere sosiyeti ntoya cyangwa kongera umubare w'abapiganwa. Igitabo cy'amabwiriza y'Ipiganwa gisobanura uburyo ibyo bice biteye n'uko iryo soko rizatangwa.

Article 12: Packaging tenders

The procuring entity may package tenders into different lots based on certain economic interests such as the promotion of small sized companies or the attraction of large number of bidders. The bidding document shall specify the nature of each lot and modalities for awarding the tender.

Article 12 : Allotissements du marché

L'entité de passation de marché peut recourir à l'allotissement du marché en fonction des intérêts économiques comme la promotion des petites entreprises ou l'appel à une plus large concurrence. Le Dossier d'Appel d'Offres doit spécifier la nature de chaque lot et les modalités d'attribution de ce marché.

Urwego rutanga isoko ntirushobora gucagagura isoko hagamijwe kutubahiriza amabwiriza agenga amasoko ateganywa n'iri tegeko.

Procuring entities shall not divide tenders in a manner aimed at avoiding the procurement procedures provided for by this Law.

L'entité de passation de marché ne doit pas fractionner le marché dans le but d'échapper aux procédures de passation de marchés déterminées par la présente loi.

Ingingo ya 13: Ikoreshwa ry'ikoranabuhanga mu masoko ya Leta

Igihe rihari, ikoranabuhanga rishobora gukoreshwa mu masoko ya Leta mu bijyanye n'ibi bikurikira :

Article 13: E-Public Procurement

Whenever available, Information Communication Technology (ICT) shall be used in Public Procurement in matters related to:

Article 13 : Publication des marchés publics par voie électronique.

Du moment qu'elle existe, la technologie de communication et de l'information peut être utilisée dans les marchés publics dans les cas suivants :

- | | | |
|--|---|---|
| 1° Itangazwa ry'itangazo rusange rimenyekanisha amasoko ; | 1° Publication of the General Procurement Notices; | 1° Publication des Avis Généraux des Marchés ; |
| 2° Itangazwa ry'amasoko ashobora kuzatangwa ; | 2° Advertisement of the procurement opportunities; | 2° Publicité des opportunités des marchés ; |
| 3° Itangazwa ry'incamake y'ibyavuye mu isesengura ry'inyandiko z'ipiganwa; | 3° Publication of a summary of the evaluation results; | 3° Publication d'un résumé des résultats d'évaluation ; |
| 4° Isabwa ry'amakuru ajyanye n'itangwa ry'amasoko; | 4° Requesting for information on the tender process; | 4° Demande d'éclaircissements sur les processus des marchés ; |
| 5° Imenyekanisha ry'amategeko n'amabwiriza ajyanye n'amasoko ya Leta. | 5° Dissemination of Laws and regulations related to public procurement. | 5° Diffusion des lois et règlements relatifs aux marchés publics. |

Ingingo ya 14 : Indimi zikoreshwa mu masoko ya Leta

Ku masoko apiganirwa ku rwego rw'Igihugu, Igitabo cy'amabwiriza agenga ipiganwa gitegurwa mu Kinyarwanda. Iyo kidateguwe mu Kinyarwanda gitegurwa mu ndimi zombi icyongereza n'Igifaransa.

Ku masoko apiganirwa ku rwego mpuzamahanga, Igitabo cy'amabwiriza agenga ipiganwa gitegurwa mu gifaransa no mu cyongereza.

Abapiganwa bashobora gutegura inyandiko z'ipiganwa mu rurimi bashatse muri eshatu zikoreshwa mu rwego rw'ubutegetsi mu Rwanda.

Article 14: Language used in Public Procurement

For local tenders, the bidding document shall be prepared in Kinyarwanda. If it is not the case, it shall be prepared in both English and French.

For international tenders, the bidding document shall be prepared in both French and English.

The bidder shall prepare their bid in a language of their choice among the three official languages in Rwanda.

Article 14 : Langue utilisée dans les marchés publics

Pour l'Appel d'offre national, le Dossier d'Appel d'Offres est établi en Kinyarwanda. Lorsqu'il n'en est pas le cas, il est établi à la fois en français et en anglais.

Pour l'Appel d'offre international, le Dossier d'Appel d'Offres est établi à la fois en français et en anglais.

Le soumissionnaire prépare son offre dans une langue de son choix parmi les trois langues officielles au Rwanda.

Ururimi uwegukanye isoko yateguyemo inyandiko z'ipiganwa ni na rwo rukoreshwa mu masezerano.

The contract shall be prepared in the language in which the successful bidder prepared his or her bid.

Le contrat est établi dans la langue dans laquelle l'attributaire du marché a rédigé sa soumission.

Icyiciro cya mbere: Imyitwarire y'abakora imirimo yo gutanga no gucunga amasoko

Section One: Code of conduct for procurement officials

Section première: Des normes de conduite des responsables des marchés publics

Ingingo ya 15 : Ingamba zo gukumira ruswa

Article 15: Anti-corruption measures

Article 15: Mesures anti-corruption

Birabujijwe gusaba ku buryo buziguye cyangwa butaziguye, guha umukozi cyangwa uwiyeze kuba umukozi w'Urwego rutanga isoko cyangwa Urwego rwa Leta inyoroshyo, uko yaba iteye kose, akazi cyangwa indi serivisi cyangwa ikintu cy'agaciro cyatuma abogama mu gikorwa cyangwa icyemezo kijyanye n'itangwa ry'amasoko ya Leta.

It is strictly prohibited to solicit directly or indirectly, offer to any official or a former employee of the procuring entity or other public authority, a bribe in any form, an offer of employment or any other service or anything of value meant to compromise someone with respect to any act or decision in connection with the procurement proceedings.

Il est strictement interdit de demander directement ou indirectement, d'offrir à tout agent ou ancien employé de l'entité de passation de marché ou à toute autre autorité publique, un pot-de-vin sous quelque forme que ce soit, une offre d'emploi ou tout autre service ou objet de valeur, en vue d'un acte ou d'une décision en relation avec les opérations de passation du marché.

Akanama gashinzwe gutanga amasoko kanga inyandiko z'ipiganwa z'uwapiganye mu gihe atahuweho ibikorwa bya ruswa cyangwa uburiganya igihe yapiganiraga isoko rya Leta. Urwego rutanga isoko rugomba kwihutira kumumenyesha icyo cyemezo.

The Tender Committee shall reject any bidder's offer where it is established that the latter was engaged in any corrupt or fraudulent practices while competing for a public procurement contract. The procuring entity shall promptly notify this rejection to the concerned bidder.

Le Comité de passation des marchés rejette l'offre de tout soumissionnaire s'il découvre que celui-ci s'est engagé dans des pratiques de corruption ou manœuvres frauduleuses dans le cadre d'un marché public. L'entité de passation de marché notifie dans les meilleurs délais le rejet au soumissionnaire concerné.

Ingingo ya 16 : Igongana ry'inyungu

Abagize Guverinoma, Abakuru b'Inzego zishinzwe amasoko n'abakozi ba Leta muri rusange ntibemerewe gupiganira amasoko ya Leta.

Itegeko ryihariye rigena ibibujijwe Abagize Inteko Ishinga amategeko, Abakuru ba Parike n'abacamanza mu ipiganwa ry'amasoko ya Leta.

Birabujijwe ko abagize Akanama gashinzwe gutanga amasoko cyangwa undi muntu wese ufite aho ahuriye n'itangwa ry'amasoko yajya mu itangwa ry'isoko ryapiganwe n'aba bakurikira :

- 1° uwo bafitanye isano kugera ku rwego rwa kabiri ;
- 2° uwahoze ari umukoresha we ;
- 3° uwo bafitanye inyungu z'amafaranga ;
- 4° uwapiganwe afite amasezerano nabo cyangwa ateganya kubona akazi cyangwa indi nyungu yahabwa n'uwapiganwe.

Impuguke yahawe akazi n'Urwego rutanga isoko ngo irufashe mu gutegura no gushyira mu bikorwa isoko cyangwa sosiyeti impuguke ifitemo imigabane

Article 16: Conflict of interests

Members of the Cabinet, Heads of procuring entities and Civil Servants in general shall not bid for public tenders.

Specific regulations shall determine incompatibilities in the tendering proceeding for Members of Parliament, Prosecutors and Judges.

It is prohibited for members of the tender committee or any other person involved in the procurement process to participate in the award of a tender in which the following persons are involved:

- 1° his or her relative up to the second degree;
- 2° his or her former employer;
- 3° a person with whom they have a financial interest;
- 4° the bidder has an agreement with them or s/he is expecting employment or any other benefit from the bidder.

A consultant who has been hired by a procuring entity to provide consulting services for the preparation or implementation of a tender or a company

Article 16 : Conflit d'intérêts

Il est interdit aux membres du Gouvernement, aux Responsables de l'entité de passation de marché et aux agents de l'Etat en général de prendre part à la soumission des marchés publics.

Un régime particulier détermine les incompatibilités des membres du Parlement, des Officiers du Ministère Public et des Juges en matière de marchés publics.

Il est interdit aux membres du Comité de passation des marchés ou à toute autre personne impliquée dans le processus de passation des marchés de prendre part à une opération de passation de marché dans lequel sont concernées les personnes suivantes:

- 1° une personne avec laquelle il a des liens de parenté jusqu'au second degré ;
- 2° son ancien employeur ;
- 3° une personne avec laquelle il a un intérêt financier ;
- 4° un soumissionnaire auprès duquel il est en démarche pour un emploi ou pour tout autre intérêt.

Un consultant qui a été recruté par l'entité de passation de marché pour prester des services relatifs à la préparation des études ou la surveillance du marché ou une société affiliée au

ivanwa mu ipiganwa ryo kugemura ibintu, ry'imirimu cyangwa serivisi y'impuguke ijyanye n'iryo soko.

affiliated to the consultant shall be disqualified from subsequently providing goods, works or services or consultant services directly resulting from or related to that tender.

consultant devra être en conséquence disqualifié pour la fourniture des biens, des travaux ou des services en résultant ou directement ayant trait à ce marché.

Umukozi w'Urwego rutanga isoko cyangwa ugize Inama y'Ubutegetsi cyangwa ugize Akanama gashinzwe gutanga amasoko ufite inyungu muri iryo soko :

An employee or agent of the procuring entity or a member of a Board of Directors or a member of the Tender Committee of the procuring entity who has interest with respect to a procurement:

Un employé ou un agent de l'entité de passation de marché ou un membre du conseil d'administration ou un membre du Comité de passation des marchés qui a intérêt dans un marché:

1° Ntagomba kujya mu itangwa ry'iryo soko kandi agomba kumenyesha Urwego rutanga amasoko inyungu arifitemo, kandi

1° shall not take part in the procurement proceedings and shall disclose interest to the procuring entity ; and

1° ne doit pas prendre part aux opérations dudit marché et doit déclarer l'intérêt à l'entité de passation de marché ; et

2° Nyuma y'itangwa ry'iryo soko ntagomba no gufata ibyemezo bijyanye n'ishyirwa mu bikorwa ry'amasezerano.

2° shall not, after a procurement contract has been entered into, take part in any decision relating to the contract execution.

2° ne doit pas, après que le contrat du marché soit entré en vigueur, prendre part dans la prise de décision liée à l'exécution du contrat.

Utubahiriza ibiteganywa ku igongana ry'inyungu bivugwa mu gika cya mbere n'icya gatatu by'iyi ngingo kugeza ubwo isoko rigahabwa uwo bafitanye isano cyangwa undi muntu bafitanye inyungu y'amafaranga ku buryo buziguye cyangwa butaziguye, atuma amasezerano aseswa n'Urwego rutanga isoko.

Any person contravening the provisions relating to the conflict of interests described in paragraphs one and 3 of this Article to the extent that a contract is awarded to the their relative or to another person in whom they had a direct or indirect pecuniary interest, shall have their contract be declared null and void by the procuring entity.

Toute personne contrevenant aux dispositions relatives au conflit d'intérêts visés aux alinéas premier et 3 au point d'attribuer le marché à une personne ayant des liens de parenté avec lui ou à une autre personne avec qui il a un intérêt financier direct ou indirect, verra le contrat déclaré, par l'entité de passation de marché, nul et non avenu.

Iseswa ry'amasezerano n'Urwego rutanga isoko rivugwa mu gika kibanza ntirivanaho ibindi bihano Urwego rutanga isoko rufitiye uburenganzira.

The annulment of the contract referred in the preceding paragraph by the procuring entity does not exclude other sanctions which may be imposed by the procuring entity.

L'annulation d'un contrat visé à l'alinéa précédent par l'entité de passation de marché n'exclut pas les autres formes de sanctions pouvant être imposées par l'entité de passation de marché.

Ingingo ya 17 : Ibanga mu mitangire y'amasoko ya Leta

Article 17: Confidentiality

Article 17 : Confidentialité

Mu itangwa ry'amasoko cyangwa nyuma yaryo, Urwego rutanga isoko, umukozi warwo, ugize Inama y'ubutegetsu cyangwa ugize Akanama gashinzwe gutanga amasoko k'Urwego rutanga isoko agomba kugira ibanga kuri ibi bikurikira :

During or after procurement proceedings, no procuring entity and no employee or agent of the procuring entity or member of a Board of Directors or member of Tender Committee of the procuring entity shall disclose the following:

Durant et après les opérations des marchés publics, aucun responsable de l'administration, aucun employé ou agent de l'entité ou membre du Conseil d'Administration ou membre du Comité de passation des marchés ne doit divulguer ce qui suit :

1° amakuru ajyanye n'isoko ashobora gutuma amategeko atubahirizwa cyangwa abangamiye inyungu rusange z'igihugu ;

1° information relating to a procurement whose disclosure is likely to impede the respect for the Law or jeopardise public interest;

1° l'information relative à un marché dont la divulgation est de nature à nuire au respect de la loi ou à l'intérêt public ;

2° amakuru ajyanye n'isoko ashobora gutuma uburenganzira bw'uwapiganwe bujyanye n'inyungu z'ubucuruzi bubangamirwa cyangwa yakwica ihame ryo guha amahirwe angana abapiganwa ;

2° information relating to a procurement whose disclosure would prejudice a bidder's legitimate commercial interest or inhibit fair competition;

2° l'information relative à un marché dont la divulgation pourrait porter préjudice aux intérêts légaux et commerciaux du soumissionnaire ou compromettre la concurrence équitable;

3° amakuru ajyanye n'isesengura n'igereranya ry'inyandiko z'ipiganwa cyangwa ibisobanuro ku isoko;

3° information relating to the evaluation, comparison of bids or clarification on tenders;

3° l'information relative à l'évaluation, à la comparaison des offres ou aux éclaircissements sur le marché ;

| | | |
|---|---|--|
| 4° Ibigize inyandiko y'ipiganwa. | 4° the content of bids. | 4° le contenu des offres. |
| Iyo kimwe muri ibi bikurikira kibaye ntigifatwa nko kumena ibanga : | The following cases shall not be considered as the disclosure of information: | Les cas suivants ne sont pas considérés comme divulgation d'information : |
| 1° guha amakuru ushinzwe gusinya amasezerano y'isoko ; | 1° the disclosure of information to the Accounting Officer; | 1° la divulgation d'information au Responsable des marchés publics ; |
| 2° gutanga amakuru ku mpamvu zo kubahiriza amategeko ; | 2° the disclosure of information for the respect for the Law; | 2° la divulgation d'information à des fins du respect des lois ; |
| 3° gutanga amakuru ku mpamvu y'ubujurire, igenzura ry'itangwa ry'amasoko cyangwa mu bundi buryo buteganywa n'iri tegeko | 3° the disclosure of information for the purpose of a review, a procurement audit or for any other reasons provided for by the Law. | 3° la divulgation d'information à des fins de recours, d'audit de passation des marchés ou à d'autres fins prévues par la présente loi ; |
| 4° gutanga amakuru bisabwe n'icyemezo cy'urukiko. | 4° the disclosure of information is pursuant to a court decision; | 4° la divulgation ordonnée par une décision judiciaire. |

Icyiciro cya 2: Ihezwa mu masoko ya Leta

Section 2: Debarment of bidders

Section 2: Exclusion des marchés publics

Ingingo ya 18 : Ihezwa mu masoko ya Leta

Article 18: Debarment of bidders

Article 18: Exclusion des marchés publics

Nyuma yo kumenyesha mu nyandiko uwapiganwe impamvu zose no kumva ibisobanuro yatanze, Ikigo cy'Igihugu Gishinzwe Amasoko ya Leta gifite ububasha bwo kumuheza mu mapiganwa y'amasoko ya Leta.

After reasonable notice to the bidder involved, reasonable opportunity for that bidder to be heard, the Rwanda Public Procurement Authority shall have the power to exclude a bidder from participation in public procurement.

Après notification écrite faite au soumissionnaire concernant les raisons de son exclusion et après audition de ses explications, l'Office National des Marchés Publics a le pouvoir de l'exclure de la participation aux marchés publics.

| | | |
|--|--|--|
| <p>Icyemezo cyo guheza mu masoko ya Leta gishingira gusa ku bivugwa mu gika cya (3) cy'iyi ngingo. Icyemezo cyo guhezwa kibanzirizwa no guhagarikwa mu masoko ya Leta.</p> | <p>A decision to debar a bidder from participation in public procurement may be taken only on the grounds referred to in paragraph 3 of this Article. The decision shall be preceded by a suspension of the right to participate in public procurement proceedings.</p> | <p>La décision d'exclure un soumissionnaire de participer aux marchés publics n'est prise que pour les cas visés à l'alinéa 3 du présent Article. La décision d'exclusion est précédée par une suspension des droits de participer aux marchés publics.</p> |
| <p>Upiganwa mu masoko ya Leta ahezwa kubera impamvu zikurikira :</p> | <p>A bidder may be debarred from participation on the following grounds:</p> | <p>Un soumissionnaire est exclu de la participation aux marchés publics pour des motifs ci - après :</p> |
| <p>1° gutanga amakuru atari yo mu ipiganwa cyangwa ipiganwa ribanjirijwe n'ijonjora. Icyo gihe ahezwa mu gihe ntarengwa cy'imyaka ibiri ;</p> | <p>1° providing false information in the process of submitting a bid or pre-qualification application. In that case, the debarment shall be for a maximum period of two (2) years;</p> | <p>1° fausse information fournie au cours de la soumission ou d'une proposition de présélection. Dans ce cas il est exclu pour une période n'excédant pas deux (2) ans ;</p> |
| <p>2° akagambane k'upiganwa n'abakozi ba Leta mu gutegura isoko cyangwa Ibitabo by'amabwiriza agenga ipiganwa cyangwa akagambane hagati y'abapiganwa mu gihe cyo gusura ahakorerwa imirimo hagamijwe kubuza ipiganwa risesuye hagati y'abapiganwa. Icyo gihe ahezwa mu gihe ntarengwa cy'imyaka itatu (3);</p> | <p>2° collusion between the bidder and a public official concerning the formulation of terms of reference or the bidding document, or connivance to interfere with the participation of competing bidders in a site visit. In that case, the debarment shall be for a maximum period of three (3) years;</p> | <p>2° connivance entre un soumissionnaire et un agent de l'Etat dans l'élaboration des Termes de Référence ou du Dossier d'Appel d'Offres, ou la connivance entre soumissionnaires en vue de faire obstacle à la concurrence pendant la visite des lieux. Dans ce cas il est exclu pour une période n'excédant pas trois (3) ans ;</p> |
| <p>3° uburiganya mu guhanika ibiciro, akagambane hagamije kubuza ipiganwa risesuye hagati y'abapiganwa. Icyo gihe ahezwa mu gihe ntarengwa cy'imyaka itatu (3);</p> | <p>3° fraudulent pricing, connivance in order to interfere with fair participation of competing bidders. In that case, the debarment shall be for a maximum period of three (3) years;</p> | <p>3° manœuvres frauduleuses dans la surestimation des prix, connivance entre soumissionnaires en vue de faire obstacle à la concurrence. Dans ce cas il est exclu pour une période n'excédant pas trois (3) ans ;</p> |

- | | | |
|--|--|---|
| 4° igihe bigaragaye ko hari amategeko yishwe hagamijwe gushaka isoko. icyo gihe ahezwa mu gihe ntarengwa cy'imyaka itatu (3); | 4° in case of breach of Laws in order to obtain a contract or subcontract. In that case, the debarment shall be for a maximum period of three (3) years; | 4° en cas de violation des lois en vue d'obtenir un contrat. Dans ce cas il est exclu pour une période n'excédant pas trois (3) ans ; |
| 5° kurangiza nabi cyangwa kutarangiza amasezerano ku mpamvu zidaturutse ku rwego rutanga isoko. icyo gihe ahezwa mu gihe ntarengwa cy'umwaka umwe; | 5° for poor or non-performance of a procurement contract for reasons that are not linked with the procuring entity; for a maximum period of one year. | 5° mauvaise exécution ou défaut d'exécution du contrat pour des raisons non attribuables à l'entité de passation de marché. Dans ce cas il est exclu pour une période n'excédant pas une année. |
| Isubiracyaha rihanishwa guhezwa burundu. | Recidivism shall lead to indefinite debarment | Le cas de récidive conduit à l'exclusion définitive. |

Ingingo ya 19: Uko guheza mu masoko ya Leta bikorwa

Icyemezo cy' Ikigo cy'Igihugu Gishinzwe Amasoko ya Leta cyo guheza mu mapiganwa ku masoko ya Leta gifatwa gusa nyuma y'imenyeshya mu nyandiko ry'uwo kireba kandi ku mpamvu zasobanuwe hejuru.

Icyemezo kivugwa mu gika cya mbere kigomba kumenyeshya upiganwa uburenganzira afite bwo kwisobanura mbere yo gufatirwa icyemezo. Ikigo cy'Igihugu Gishinzwe Amasoko ya Leta kimwoherereza inyandiko igaragaza igihe n'ahantu kwisobanura bizabera.

Article 19: Procedures for debarment

A decision by the Rwanda Public Procurement Authority to debar a bidder from participation in procurement proceedings shall only be taken after a written notice to the concerned bidder and on the grounds provided for hereabove.

The notice referred to in paragraph one of this Article shall inform the bidder of his or her right to hearing prior to any decision to debar. The Rwanda Public Procurement Authority shall send to the concerned bidder a written notice indicating the time and place for hearing.

Article 19: Procédures d'exclusion des marchés publics

La décision prise par l'Office National des Marchés Publics pour exclure un soumissionnaire de la participation aux marchés publics n'est prise qu'après notification écrite faite au soumissionnaire concerné et pour des motifs ci-haut mentionnés.

La décision visée à l'alinéa premier doit informer le soumissionnaire de son droit de s'expliquer avant la prise de décision de son exclusion. L'Office National des Marchés Publics doit notifier par écrit au soumissionnaire l'heure et le lieu d'audition.

| Amabwiriza agomba gukurikizwa: | Procedures to be applied: | Les procédures à suivre: |
|---|---|---|
| 1° Upiganwa afite uburenganzira bwo guhagararirwa n'umwunganira mu by'amategeko ; | 1° the bidder has the right to be represented by a Lawyer; | 1° le soumissionnaire a le droit de se faire représenter par un juriste; |
| 2° Kwisobanura bigomba gukorerwa inyandiko kandi ibimenyetso byose byatanzwe bikabikwa ; | 2° the hearing shall be recorded and all evidence presented shall be preserved; | 2° l'audition doit être consignée par écrit et toutes les preuves présentées doivent être gardées ; |
| 3° Abatangabuhama bagomba kurahira. | 3° witnesses shall take oath. | 3° les témoins doivent prêter serment. |
| Imenyeshya rivugwa mu gika cya mbere rigomba kumenyeshya icyemezo cyo guhagarika uwegukanye isoko cyangwa uwapiganwe mu gihe cyo gukora iperereza. Icyo gihe ntikigomba kurenga amezi atandatu (6). | The notice referred to in paragraph one of this Article shall indicate to the successful bidder or the bidder that he or she has been suspended for the period of investigation. This period of time shall not exceed six (6) months. | La notification visée à l'alinéa premier doit informer l'attributaire ou le soumissionnaire de la décision de les suspendre pendant la période d'investigations. Cette période ne doit pas dépasser six (6) mois. |
| Upiganwa afite uburenganzira bwo kumva ibyo aregwa no kugira icyo avuga ku ihagarikwa. Uko kumvwa gukurikiza amabwiriza avugwa mu gika cya gatatu cy'iyi ngingo. | The bidder has the right to a hearing and the right to defense. The hearing shall be held in accordance with the procedures referred to in paragraph 3 of this Article. | Le soumissionnaire a le droit à l'audition et à la défense contre sa suspension. L'audition doit être faite conformément aux procédures visées à l'alinéa 3 du présent Article. |
| Ihagarikwa rishyirwa mu bikorwa nyuma y'urwandiko rumenyeshya ihagarikwa nyuma y'uko upiganwa yasobanuye kandi akumvwa nk'uko bitegenywe mu gika cya kabiri cy'iyi ngingo. Abapiganwa bahagaritswe ntibemerewe kupiganira amasoko ya Leta. Ihagarikwa rirangirana | The suspension shall take effect upon issuance of a written decision to debar, after the bidder has had an opportunity to request for and obtain a hearing referred to in paragraph 2 of this Article. Bidders that are suspended are ineligible for bidding for public tenders. The suspension shall cease | La suspension prend effet à partir de la notification écrite de la décision de suspension, après que le soumissionnaire a été entendu conformément à l'alinéa 2 du présent Article. Les soumissionnaires suspendus ne sont pas éligibles à soumissionner aux marchés publics. La suspension ne prend fin qu'avec la période visée |

n'igihe kivugwa mu gika cya kane cy'iyi ngingo, uhereye igihe icyemezo cyo guhagarikwa cyatangiwe n'Ikigo cy'Igihugu Gishinzwe Amasoko ya Leta.

to be effective upon the expiry of the period referred to in paragraph 4 of this Article as of the issuance of a debarment decision by the Rwanda Public Procurement Authority.

à l'alinéa 4 du présent Article, à partir de la date de notification de la suspension par l'Office National des Marchés Publics.

Icyemezo cyo guhezwa gifatwa mu minsi mirongo itatu (30), upiganwa amaze kwiregura. Icyo cyemezo kigira agaciro guhera igihe gisohokye kugeza gisheshwe n'Akanama k'ubujurire kigenga cyangwa n'urukiko rubifitiye ububasha cyangwa igihe cyagenwe kirangiye. Icyemezo cyo guhezwa kimenyeshwa uwo kigenewe

A debarment decision shall be taken within thirty (30) days after the bidder's defence. Such decision shall be effective as of its issuance up to its annulment by an Independent Review Panel or by a competent court, or up to the expiry of the debarment period. The debarment decision shall be notified to the concerned bidder.

La décision d'exclusion est prise dans les trente (30) jours, après que le soumissionnaire ait présenté ses moyens de défense. Cette décision est valable à partir de sa notification jusqu'à son annulation par un Comité Indépendant de Recours ou une juridiction compétente, ou jusqu'à l'expiration de la période prévue. La décision d'exclusion est notifiée au soumissionnaire concerné.

Ikigo cy'Igihugu Gishinzwe Amasoko ya Leta gikora urutonde rw'abahejwe mu masoko kandi rugatangazwa mu binyamakuru.

The Rwanda Public Procurement Authority shall maintain and publicise a list of debarred bidders through newspapers.

L'Office National des Marchés Publics doit dresser et publier dans les journaux une liste des soumissionnaires exclus des marchés.

UMUTWE WA II: IMITERERE Y'INZEGO ZISHINZWE AMASOKO YA LETA

CHAPTER II: ORGANIZATION OF PUBLIC PROCUREMENT ORGANS

CHAPITRE II: ORGANISATION DES ORGANES DE PASSATION DES MARCHES PUBLICS

Ingingo ya 20 : Ikigo cy'Igihugu Gishinzwe Amasoko ya Leta

Article 20: Rwanda Public Procurement Authority

Article 20 : Office National des Marchés Publics

Itegeko ryihariye rigena imiterere, ububasha n'inshingano by'Ikigo cy'Igihugu Gishinzwe Amasoko ya Leta.

A specific Law shall determine the organization, powers and responsibilities for the Rwanda Public Procurement Authority.

Une loi spécifique détermine l'organisation, les pouvoirs et les attributions de l'Office National des Marchés Publics.

Ingingo ya 21 : Utunama tw'ubujurire twigenga

Hashyizweho Akanama k'ubujurire kigenga ku rwego rw'Igihugu n'utunama tw'ubujurire ku rwego rw'uturere, hagamijwe imitunganyirize y'ubujurire bwigenga bujyanye no kutishimira cyangwa guhinyuza uburyo bukoreshwa igihe cy'itangwa ry'amasoko. Ubujurire ku byemezo byafashwe n'Umujyi wa Kigali n'uturere tuwugize bijurirwa ku Kanama k'ubujurire kigenga ku rwego rw'igihugu.

Utunama tw'ubujurire twigenga tugizwe n'abantu batanu (5) batoranywa mu nzego za Leta, mu bikorera ku giti cyabo, no mu miryango itegamiye kuri Leta. Igihe cyose abahagarariye inzego za Leta ntibagomba kurenga abantu babiri (2).

Abagize Akanama k'ubujurire kigenga ku rwego rw'Igihugu bashyirwaho n'Iteka rya Ministiri ufite amasoko ya Leta mu nshingano ze, naho utunama tw'ubujurire twigenga ku rwego rw'uturere dushyirwaho n'Inama Njyanama z'Uturere mu gihe kitarenze iminsi 60 nyuma y'uko iri tegeko ritangira gukurikizwa.

Article 21: Independent Review Panels

There is hereby established an Independent Review Panel at the National level and Independent Review Panels at all district levels for the purpose of conducting independent administrative reviews of complaints and challenges of the procurement process. Appeals against the decisions taken by the City of Kigali and the districts thereof shall be referred to the Independent Review Panel at the National Level.

The Independent Review Panels shall be composed of five (5) members drawn from public institutions, Private sector and civil society. At all times members from public institutions shall not exceed two (2).

Members of the Independent Review Panel at the National level shall be appointed by a Order of the Minister in charge of public procurement while those of the different Independent Review Panels at districts level shall be appointed by the District Council within sixty (60) days after this Law comes into force.

Article 21: Comités Indépendants de Recours

Il est créé un Comité Indépendant de Recours au niveau national ainsi que des Comités Indépendants de Recours au niveau des Districts dans le cadre d'organiser des recours indépendants relatifs à la non satisfaction et à la vérification des procédures de passation des marchés. Les recours contre les décisions prises au niveau de la Ville de Kigali et de ses Districts sont adressés au Comité Indépendant de Recours au niveau national.

Les Comités Indépendants de Recours sont composés de cinq (5) personnes désignées parmi les organes de l'Etat, du secteur privé et de la société civile. Le comité de recours ne comptera aucune fois plus de deux (2) membres des organes de l'Etat.

Les membres du Comité Indépendant de Recours au niveau national sont nommés par Arrêté du Ministre ayant les marchés publics dans ses attributions. Les membres des Comités Indépendants de Recours au niveau des districts sont nommés par les Conseils de Districts endéans soixante (60) jours à compter de la date d'entrée en vigueur de la présente loi.

Abagize Utunama tw'ubujurire twigenga bamara igihe cy'imyaka ine (4) mu mirimo yabo. Babiri (2) mu bagize inama y'ubujurire basimburwa buri myaka ibiri (2).

Utunama tw'ubujurire tugenerwa ingengo y'imari ikwiye ituma dushobora kurangiza neza inshingano zatwo. Ku rwego rw'Igihugu, Akanama k'Ubujurire kigenga gahabwa ingengo y'imari n'Ikigo gishinzwe amasoko ya leta; naho utunama tw'ubujurire twigenga ku rwego rw'uturere ingengo y'imari yatwo igenwa na buri Karere. Ibiro by'Akanama k'ubujurire kigenga ku rwego rw'Igihugu bibarizwa mu kigo cy'Igihugu gishinzwe amasoko ya Leta, naho ibiro by'utunama twigenga tw'ubujurire ku rwego rw'uturere bibarizwa mu Karere buri kanama gakoreramo.

Bitewe n'urwego imirimo ibarizwa mo, Minisitiri ufite amasoko ya Leta mu nshingano ze n'Inama Njyanama y'Akarere basezerera uwo ari we wese mu bagize inama y'ubujurire yigenga ugaragayeho ubushobozi buke, imyitwarire idahwitse cyangwa kunanirwa kuzuza inshingano ze.

The term of office for members of the Independent Review Panels shall be of four (4) years. Two (2) members of the panel shall be replaced every two (2) years.

The Independent Review Panels shall be provided with an adequate budget in order for them to perform their duties. The budget for the Independent Review Panel at the National level shall be provided by the Rwanda Public Procurement Authority while that for the Independent Review Panels at districts level shall be provided by each District. The offices of the panels both at national and district levels shall be located within the Rwanda Public Procurement Authority and Districts respectively.

The Minister in charge of public procurement and the District Council respectively shall dismiss any member of the panel following incompetence, misconduct or failure to perform his or her duties.

Les membres des Comités Indépendants de Recours ont un mandat de quatre (4) ans. Deux (2) membres des Comités Indépendants de Recours sont remplacés tous les deux (2) ans.

Les Comités Indépendants de Recours doivent avoir un budget suffisant leur permettant de réaliser leur mission. Le budget du Comité Indépendant de Recours au niveau national est donné par l'Office National des Marchés Publics. Le budget des Comités Indépendants de Recours au niveau des Districts est déterminé par chaque District. Le bureau du Comité Indépendant de Recours au niveau national se trouve à l'Office National des Marchés Publics tandis que les bureaux des Comités Indépendants de Recours au niveau des Districts se trouvent au District dans lequel le Comité opère.

Compte tenu de l'institution en charge des travaux, le Ministre ayant les marchés publics dans ses attributions et les Conseils de Districts mettent fin aux services de tout membre du Comité Indépendant de Recours pour incompétence, mauvaise conduite ou incapacité de remplir ses fonctions.

Ingingo ya 22: Ishyirwaho ry'Ishami Rishinzwe Amasoko

Urwego rutanga isoko rushyiraho, aho ritari, Ishami rishinzwe amasoko rifite inshingano zikurikira :

- 1° gukora igenamigambi ry'itangwa ry'amasoko ;
- 2° gutegura Ibitabo by'Amabwiriza Agenga ipiganwa ;
- 3° gutangaza no gukwirakwiza inyandiko ihamagarira ipiganwa ;
- 4° kwakira no kubika neza inyandiko z'ipiganwa ;
- 5° gusaba ababifitiye ububasha ibyemezo ku myanzuro y'itangwa ry'isoko;
- 6° gutegura inyandiko imenyeshya Uwegukanye isoko;
- 7° gukurikirana ishyirwa mu bikorwa ry'amasezerano afatanyije n'Urwego rurebwa n'iryo soko;
- 8° guha amakuru n'inyandiko Ikigo cy'Igihugu Gishinzwe Amasoko ya Leta;
- 9° indi nshingano iteganywa n'amabwiriza agenga amasoko.

Article 22: Establishment of a Procurement Unit

The procuring entity shall establish, if not already existing, a procurement unit to carry out the following functions:

- 1° procurement planning;
- 2° preparation of bidding document;
- 3° publication and distribution of invitations to bid;
- 4° receipt and safe keeping of bids;
- 5° obtaining approvals for the award recommendations from competent authorities;
- 6° preparation of notification of tender award;
- 7° ensuring adequate contract execution in collaboration with the beneficiary department;
- 8° providing information and documents requested by the Rwanda Public Procurement Authority, and
- 9° any other functions specified in the procurement regulations.

Article 22 : Mise en place d'une Unité de Passation des Marchés Publics

L'entité de passation de marchés publics doit instituer, si elle n'existe pas, une Unité de passation des Marchés Publics dont les fonctions sont les suivantes :

- 1° faire le plan d'actions de passation des marchés ;
- 2° préparer les Dossiers d'Appels d'Offres ;
- 3° publier et distribuer des avis d'appels d'offres ;
- 4° réceptionner les offres et les garder en un endroit sécurisé ;
- 5° obtenir des autorités compétentes des non objections sur les propositions d'attribution des marchés ;
- 6° préparation de la lettre de notification du marché ;
- 7° assurer le suivi de la bonne exécution du contrat en collaboration avec l'organe bénéficiaire ;
- 8° fournir des renseignements à l'Office Rwandais des Marchés Publics ;
- 9° toute autre tâche prévue par les procédures de passation des marchés.

Ishami rishinzwe amasoko rifite inshingano yo gutunganya ibijyana n'amasoko kuva ku igenamigambi kugera amasezerano arangiye.

The Procurement Unit shall be responsible for carrying out the procurement process from the planning process to the completion of the contract execution.

L'Unité de passation des marchés publics est responsable de la conduite du processus des marchés publics, à partir de la planification des marchés publics jusqu'à l'exécution complète du contrat.

Urwego rutanga isoko rushyiraho Akanama gashinzwe gutanga amasoko gashinzwe gufungura, gusesengura inyandiko z'ipiganwa no gutanga umwanzuro w'itangwa ry'isoko. Amabwiriza agenga amasoko akena imiterere n'inshingano byako.

The procurement entity shall put in place a Tender Committee to conduct the bids opening, evaluation and recommend for award of procurement contracts. Procurement regulations shall determine its organization and functioning.

L'entité de passation de marché public met en place un Comité de passation des marchés dont le rôle est de faire l'ouverture des offres, l'évaluation des offres et la proposition d'attribution du marché. Les procédures de passation des marchés déterminent son organisation et ses attributions.

Urwego rutanga isoko rushobora gukoresha impuguke ngo zirufashe mu itangwa ry'amasoko.

The procuring entity may seek assistance from the consultants it hires in the procurement process.

L'entité de passation des marchés publics peut engager des consultants qui l'assistent dans le processus des marchés publics.

UMUTWE WA III: UBURYO BWO GUTANGA AMASOKO YA LETA

CHAPTER III: PROCUREMENT METHODS

CHAPITRE III : METHODES DE PASSATION DES MARCHES

Ingingo ya 23 : Ipiganwa risesuye

Article 23: Open Competitive Bidding

Article 23 : Appel d'Offres Ouvert

Urwego rutanga isoko rugomba gutanga amasoko yo kugemura, ay'imirimo cyangwa aya serivisi binyuze mu ipiganwa risesuye, uretse igihe biteganyijwe ukundi muri uyu mutwe.

Except where provided otherwise by this chapter, the procuring entity shall apply open competitive bidding to supplies, works, goods, and other services.

Sauf disposition contraire du présent chapitre, l'entité de passation de marché doit faire recours à l'appel d'offres ouvert pour l'acquisition des travaux, des biens et d'autres services.

Mu ipiganwa risesuye, ababyifuza baturutse mu bindi bihugu binyuranye bemerewe gupiganwa.

Bidders from different foreign countries shall be allowed to participate in the Open Competitive bidding if they are willing to do so.

Lors de l'appel d'offres ouvert, les soumissionnaires sans considération de leur nationalité sont autorisés à participer au processus de passation des marchés.

Icyiciro cya mbere: Amabwiriza rusange

Section one: General principles

Section première : Principes généraux

Ingingo ya 24: Itangazo rihamagarira ipiganwa

Article 24: Invitation to tender

Article 24: Avis d'Appel d'Offres

Urwego rutanga isoko rutegura itangazo rihamagarira ipiganwa rikubiyemo ingingo zikurikira :

The procuring entity shall prepare an invitation to tender that sets out the following :

L'entité de passation de marché prépare un avis d'appel d'offres qui comprend les éléments ci-après :

1° Izina n'aderesi by'Urwego rutanga isoko ;

1° the name and address of the procuring entity;

1° le nom et l'adresse de l'entité de passation de marché ;

2° Inomero y'isoko izakoreshwa mu itangwa ryaryo igenwa n'Urwego rutanga isoko ;

2° the tender number assigned to the procurement proceedings by the procuring entity;

2° le numéro de référence donné au marché déterminé par l'entité de passation de marché ;

3° Inyandiko ngufi isobanura ibigemurwa, imirimo cyangwa serivisi byifuzwa harimo n'igihe bikenewemo;

3° a brief description of the goods, works or services needed including the expected time for delivery or completion.

3° une description sommaire des fournitures, des travaux ou des services à acquérir y compris le temps souhaité pour la livraison ou l'exécution ;

4° Uko Ibitabo by'Amabwiriza agenga ipiganwa biboneka n'ikiguzi cyabyo ;

4° an explanation of how to obtain the tender documents, including the amount of any fee;

4° la manière d'obtenir le Dossier d'Appel d'Offres et son coût ;

- | | | |
|---|---|--|
| 5° Ahantu n'igihe inyandiko z'ipiganwa zigomba gushyikirizwa, ahantu n'igihe izo nyandiko zizafungurirwa ; | 5° an explanation of where and when tenders must be submitted and where and when the tenders will be opened; | 5° le lieu et le temps de remise et d'ouverture des offres ; |
| 6° Ingingo igaragaza ko abatanze inyandiko z'ipiganwa cyangwa ababahagarariye bemerewe kwitabira umuhango w'ifungura. | 6° a statement that those submitting tenders or their representatives are allowed to attend the opening of tenders. | 6° une disposition indiquant que les soumissionnaires ou leurs représentants peuvent assister à la séance publique d'ouverture des offres. |

Ingingo ya 25: Amabwiriza agena imiterere y'ibigemurwa, imirimo na serivisi

Mu buryo bwose bushoboka, ibisobanuro byerekeye ibigemurwa, imirimo na serivisi, ibishushanyo mbonera n'ibindi bishushanyo bisobanurwa bikanakorwa mu buryo butuma igikenewe cyumvikana neza kandi ibyo bisobanuro ntawe bigomba kubogamiraho.

Ibyo bisobanuro ntibigomba gushingira ku bwoko runaka bw'ikintu, ku izina ryacyo ry'ubucuruzi, ku gishushanyo, ku nkomoko byacyo cyangwa ku ruganda rwagikoze keretse iyo nta bundi buryo bushoboka bwo kusobanura ibigemurwa, imirimo na serivisi ikenewe. Icyo gihe bongeraho amagambo nka "cyangwa ibisa na cyo".

Article 25: Rules concerning description of goods, works and consultant services

To the extent possible, any specifications, plans, drawings, designs, requirements or descriptions of goods, works or consultant services shall be based on objective technical and quality characteristics of the goods, works or consultant services to be provided.

There shall be no requirement of or reference to a particular brand, trademark, trade name, patent, design type, specific origin or producer unless there is no other sufficiently precise way of describing the characteristics of the goods, works or consultant services to be provided. In that case the words such as "or equivalent" shall be added on.

Article 25: Réglementation concernant la description des fournitures, des travaux et des services

Dans tous les cas possibles, les spécifications relatives aux fournitures, aux travaux, aux services, aux plans, schémas et dessins, doivent clairement définir les résultats attendus avec objectivité et neutralité que possible.

Les spécifications ne doivent pas être basées sur une marque particulière, un nom commercial, un modèle, une origine spécifique ou usine de fabrication à moins qu'il n'y ait d'autres moyens de spécifier les caractéristiques des fournitures, des travaux et des services à acquérir. Dans ce cas, le terme « ou l'équivalent » est ajouté à ses spécifications.

Ingingo ya 26 : Ibitabo by'Amabwiriza Agenga Ipiganwa

Ishami rishinzwe amasoko ritegura Ibitabo by'amabwiriza agenga ipiganwa rishingiye kuri iri tegeko n'amabwiriza agenga amasoko.

Ibitabo by'Amabwiriza Agenga Ipiganwa bigomba kuba bikubiyemo amakuru yose yatuma habaho ipiganwa ridafite uwo ribogamiyeho mu bifuzaga gupiganwa.

Ibitabo by'Amabwiriza Agenga Ipiganwa bigomba kuba bikubiyemo ibi bikurikira :

1° ibikenewe bijyanye n'ibigemurwa, imirimo cyangwa serivisi isoko rigamije n'igihe ntarengwa cy'igemura n'irangiza ry'imirimo;

2° niba ari isoko ry'imirimo, ibishushanyo n'ingano y'ibikenewe ;

3° amabwiriza rusange n'ayihariye azagenga amasezerano, niba hataganyijwe ingwate yo kurangiza neza imirimo;

4° inomeru y'isoko izakoreshwa mu itangwa ry'isoko itangwa n'Urwego rutanga isoko ;

Article 26: Bidding Documents

The Procurement Unit shall prepare bidding documents in accordance with this Law and the procurement regulations.

The bidding documents shall contain enough information to allow fair competition among those who may wish to submit tenders.

The bidding documents shall set out the following:

1° the specific requirements relating to the goods, works or services being procured and the time limit for delivery or completion;

2° if works are being procured, relevant drawings and bills of quantities;

3° the general and specific conditions governing the contract, if the performance security is provided;

4° the tender number assigned to the procurement proceedings by the procuring entity;

Article 26 : Dossier d'Appel d'Offres

L'Unité des marchés publics prépare le Dossier d'Appel d'Offres conformément aux dispositions de la présente loi ainsi qu'aux règles de passation des marchés.

Le Dossier d'Appel d'Offres doit contenir des renseignements suffisants pour une concurrence équitable.

Le Dossier d'Appel d'Offres est constitué des éléments suivants :

1° les exigences spécifiques des fournitures, des travaux ou des services à acquérir et le délai de livraison et d'exécution ;

2° s'il s'agit des plans et devis estimatif et quantitatif pour les travaux;

3° les conditions générales et spécifiques régissant le contrat, si la garantie de bonne exécution est prévue;

4° le numéro de référence donné au marché à des fins des procédures des marchés par l'entité de passation de marché;

- | | | |
|---|--|---|
| 5° amabwiriza asobanura uko inyandiko z'ipiganwa zitegurwa n'uko zitangwa harimo : | 5° instructions for the preparation and submission of tenders including : | 5° les instructions relatives à la préparation et à la soumission des offres comprenant : |
| a) inyandiko y'ipiganwa y'icyitegererezo; | a) the bid form; | a) les modèles de soumission ; |
| b) umubare w'amakopi azatangwa hamwe n'inyandiko y'ipiganwa y'umwimerere ; | b) the number of copies to be submitted with the original bid; | b) le nombre de copies à remettre avec l'original de la soumission ; |
| c) ibisabwa nk'ingwate y'ubwishingizi bw'inyandiko y'ipiganwa, icyitegererezo n'ingano y'iyo ngwate ; | c) any bid security required, the form and amount of such security; | c) la garantie de soumission à fournir, le modèle et le montant d'une telle garantie ; |
| d) ibyemezo bigaragaza ubushobozi bw'upiganwa. | d) any proof evidencing the bidder's qualifications. | d) les pièces attestant la qualification du soumissionnaire ; |
| e) ahantu n'igihe inyandiko z'ipiganwa zigomba gushyikirizwa; | e) a statement of where and when tenders shall be submitted, | e) le lieu et la date de remise des offres ; |
| f) ahantu n'igihe izo nyandiko zizafungurirwa; | f) a statement of where and when the tenders shall be opened; | f) le lieu et la date d'ouverture des offres; |
| 6° ingingo igaragaza ko abatanze inyandiko z'ipiganwa cyangwa ababahagarariye bemerewe kwitabira umuhango w'ifungura; | 6° a statement of whether those submitting tenders or their representatives shall be allowed to attend the tender opening session; | 6° une disposition indiquant que les soumissionnaires ou leurs représentants peuvent assister à la séance publique d'ouverture des offres ; |
| 7° ingingo igaragaza igihe inyandiko z'ipiganwa zimara zifite agaciro ; | 7° a statement of the period during which tenders shall remain valid; | 7° une disposition indiquant la durée de validité des offres ; |

| | | |
|---|--|---|
| 8° amabwiriza n'ibigenderwaho mu isesengura n'igereranya ry'inyandiko z'ipiganwa; | 8° the procedures and criteria for bid evaluation and comparison; | 8° les procédures et les critères d'évaluation et de comparaison des offres ; |
| 9° ingingo igaragaza ko Urwego rutanga isoko rushobora gusesa inyandiko z'ipiganwa igihe cyose isoko ritatangwa ; | 9° a statement that the procuring entity may cancel the bids at any time before the signing of the contract; | 9° une disposition indiquant que l'entité de passation de marché peut, à tout moment, annuler le processus d'attribution du marché, aussi longtemps que le contrat n'est pas encore signé ; |
| 10° ikindi gishobora gusabwa mu Gitabo cy'Amabwiriza Agenga Ipiganwa hakurikijwe ibiteganywa n'iri tegeko cyangwa amabwiriza agenga amasoko ya Leta. | 10° anything else as may be provided for by the bidding document in accordance with this Law or public procurement regulations. | 10° toute autre information à mettre dans le Dossier d'Appel d'Offres conformément aux dispositions de la présente loi ou de la réglementation de passation des marchés publics. |
| Ibyagombwa bisabwa abapiganwa bigomba gushingira ku mategeko y'ibihugu bakomokamo. | Administrative documents required for foreign bidders shall refer to the Laws in force in the bidders' home countries. | Les documents fournis par les soumissionnaires sont basés sur les lois en vigueur dans leurs pays respectifs. |
| <u>Ingingo ya 27 : Ihindurwa ry'ingingo z'Ibitabo by'Amabwiriza Agenga Ipiganwa</u> | <u>Article 27: Modifications to Bidding Documents</u> | <u>Article 27 : Modifications du Dossier d'Appel d'Offres</u> |
| Urwego rutanga isoko rushobora guhindura Ibitabo by'Amabwiriza Agenga Ipiganwa igihe cyose mbere y'igihe ntarengwa cyo gutanga inyandiko z'ipiganwa hakoreshejwe inyandiko y'inyongera. | The procuring entity may amend the bidding document at any time before the deadline for submitting tenders by issuing an addendum. | L'entité de passation de marché peut modifier le Dossier d'Appel d'Offres par la publication d'un addendum, à tout moment avant la date limite de remise des offres. |

Iryo hindurwa rikorwa ku cyemezo cy'Urwego rutanga isoko cyangwa biturutse ku mpungenge z'abifuzaga gupiganwa.

Such an amendment may be made on the procuring entity's own initiative or in response to the bidders' concerns.

Cette modification se fait sur décision de l'entité de passation de marché ou en réponse aux soucis des soumissionnaires.

Urwego rutanga isoko rwihutira guha kopi y'inyandiko y'inyongera abantu bose bahawe Igitabo cy'Amabwiriza Agenga Ipiganwa.

The procuring entity shall promptly provide a copy of the addendum to each person to whom the procuring entity provided copies of the tender documents.

L'entité de passation de marché fournit immédiatement une copie de l'addendum à toutes les personnes à qui une copie du Dossier d'Appel d'Offres a été donnée.

Inyandiko y'inyongera ifatwa nk'iyigize Igitabo cy'Amabwiriza Agenga Ipiganwa

The addendum shall be deemed to be part of the tender documents.

L'addendum est considéré comme faisant partie du Dossier d'Appel d'Offres.

Ingingo ya 28 : Gutangaza isoko

Article 28: Advertisement

Article 28: Publication

Urwego rutanga isoko rutangariza abantu bose bifuzaga gupiganira isoko nk'uko biteganwa n'iri tegeko.

The procuring entity shall bring the invitation to tender to the attention of those wishing to submit tenders as provided for by this Law.

L'entité de passation de marché lance un avis d'appel d'offre à l'intention de tous les soumissionnaires conformément aux dispositions de la présente loi.

Iyo agaciro k'isoko ry'ibigemurwa, imirimo cyangwa serivisi bipiganirwa kangana n'agaciro kagenwa n'amabwiriza agenga amasoko, Urwego rutanga isoko rutanga itangazo rihamagarira ipiganwa nibura mu kinyamakuru kimwe gisomwa n'abantu benshi no ku rubuga rwa enterineti iyo ruhari.

If the estimated value of the goods, works or services being procured is above the threshold established by the procurement regulations, the procuring entity shall advertise the invitation to tender in at least one newspaper of nation-wide circulation and, if the procuring entity has a website, on its website.

Si la valeur de marché des fournitures, des travaux ou des services à acquérir équivaut à la valeur fixée par la réglementation régissant les marchés publics, l'entité de passation de marché publie l'avis d'appel d'offres dans au moins un journal de grande diffusion et sur le site web, s'il existe.

Ingingo ya 29 : Igihe cyo gutegura inyandiko z'ipiganwa

Igihe kigenewe gutegura inyandiko z'ipiganwa ku ipiganwa risesuye ntikigomba kujya mu nsi y'iminsi mirongo itatu (30), habariwemo ibyumweru n'iminsi y'ikiruhuko, uhereye igihe itangazo ry'ipiganwa ryasohokeye mu kinyamakuru.

Iyo Igitabo cy'Amabwiriza Agenga Ipiganwa gihinduwe hasigaye igihe ntarengwa cyo gutanga inyandiko z'ipiganwa kitageze kuri kimwe cya gatatu (1/3) cy'iminsi yagenewe ipiganwa, Urwego rutanga isoko rwongera igihe kugira ngo ibyahinduwe bishobore kugenderwaho mu gutegura inyandiko z'ipiganwa.

Ingingo ya 30: Gushyira ahagaragara Ibitabo by'Amabwiriza Agenga Ipiganwa

Urwego rutanga isoko rugomba gushyira ahagaragara Ibitabo by'Amabwiriza Agenga Ipiganwa nk'uko biteganywa mu itangazo rihamagarira ipiganwa.

Article 29: Time for preparing tenders

The time allotted to the preparation of tenders for open competitive bidding must not be less than thirty (30) calendar days from the time the notice is published through a newspaper.

If the bidding document is amended, when the time remaining before the deadline for submitting tenders is less than one third (1/3) of the time allotted to the preparation of tenders, the procuring entity shall extend the deadline in order to allow the amendment of the tender documents to be taken into account in the preparation of tenders.

Article 30: Provision of Bidding Document

The procuring entity shall provide copies of the bidding document in accordance with the invitation to tender.

Article 29 : Délai de préparation des offres

Le délai autorisé pour la préparation des offres pour l'appel d'offres ouvert ne doit pas être inférieur à trente (30) jours calendriers à compter de la date de parution de l'avis d'appel d'offres au journal.

Si le Dossier d'Appel d'Offres est modifié pendant que le temps restant avant la date limite de remise des offres est en dessous d'un tiers (1/3) du temps autorisé pour la préparation des offres, l'entité de passation de marché prolonge la date limite de remise des offres pour permettre aux soumissionnaires potentiels de prendre en considération les modifications apportées dans le Dossier d'Appel d'Offres, dans la préparation des offres ou dans la modification des offres.

Article 30: Disponibilité du Dossier d'Appel d'Offres

L'entité de passation de marché doit rendre disponible les copies du Dossier d'Appel d'Offres et conformément à l'avis d'appel d'offres.

Urwego rutanga isoko rushobora kugurisha Ibitabo by'Amabwiriza Agenga Ipiganwa. Amabwiriza agenga amasoko agenga ikiguzi cy'iby'Bitabo.

The procuring entity may charge a fee for obtaining copies of the bidding document. The procurement regulations shall establish such a fee.

L'entité de passation de marché peut exiger le paiement des copies du Dossier d'Appel d'Offres. Les procédures des marchés publics déterminent le coût d'acquisition de ces documents.

Ikiguzi cy'Igitabo cy'Amabwiriza agenga ipiganwa kigomba kuba kingana gusa n'amafaranga yatanzwe cyangwa agomba gutangwa mu kugitunganya, kugikoramo kopi nyinshi no kucyohereza upiganwa.

The cost of the tender document shall only be equivalent to the amount of money required for preparing, photocopying and sending it to the bidder.

Le coût d'acquisition du Dossier d'Appel d'Offres doit correspondre aux seuls frais engagés pour sa préparation, pour sa reproduction et pour sa transmission au soumissionnaire.

Ingingo ya 31 : Ingwate y'Inyandiko y'Ipiganwa

Article 31: Tender Security

Article 31 : Garantie de soumission

Amasoko yose atangwa binyuze mu ipiganwa risusuye cyangwa ipiganwa rigenewe abapiganwa bake atangirwa ingwate.

All tender proceedings conducted under open competitive bidding and restricted bidding shall request for a bid security.

Tous les marchés attribués suivant la méthode d'appel d'offres ouvert ou l'appel d'offres restreint sont subordonnés à une garantie de soumission ;

Urwego rutanga isoko rushobora kugena icyitegererezo cy'ingwate y'inyandiko y'ipiganwa no kugena umubare w'amafaranga wayo. Umubare w'amafaranga y'ingwate ushobora gushingira ku ijanisha ku mubare w'amafaranga yose yatanzwe mu nyandiko y'ipiganwa cyangwa se ikaba umubare w'imbumbwe. Uko byagenda kose, ntugomba kurenga kabiri ku ijana (2%) ry'igiciro cy'inyandiko y'ipiganwa.

The procuring entity may determine the form and amount of the tender security. The amount of tender security shall be a percentage of the bid price or a fixed fee. Nonetheless, such a security shall not exceed two percent (2%) of the tender price.

L'entité de passation de marché détermine le modèle et le montant de la garantie de soumission. Le montant de la garantie peut être un pourcentage du montant de l'offre ou un montant forfaitaire fixe. Toutefois, une telle garantie de soumission ne doit pas dépasser deux pour cent (2%) du coût de l'offre.

| | | |
|--|---|--|
| Ingwate y'inyandiko y'ipiganwa igomba gufatirwa iyo upiganwa : | Tender security shall be seized if the bidder: | La garantie de soumission est saisie si le soumissionnaire : |
| 1° yisubiyeho nyuma y'igihe ntarengwa cyo gutanga inyandiko z'ipiganwa ariko n'igihe inyandiko y'ipiganwa igomba kumara igifite agaciro kitararangira; | 1° withdraws the tender after the deadline for submitting tenders but before the expiry of the period during which tenders must remain valid; | 1° retire l'offre après la date limite de remise des offres mais avant l'expiration de la période de validité des offres ; |
| 2° yanze kwemera ibyavuye mu ikosora ry'imibare yari yibeshyeho; cyangwa; | 2° rejects a correction of an arithmetic error; or | 2° refuse des corrections arithmétiques des erreurs constatées dans l'offre ; ou |
| 3° yanze gusinya amasezerano y'isoko nk'uko bisabwa cyangwa se akananirwa kuzusa inshingano yo gutanga ingwate yo kwishingira ko azarangiza neza ibikorwa. | 3° refuses to enter into a written contract as required or fails to furnish any required performance security. | 3° refuse de signer le contrat ou ne parvient pas à fournir la garantie de bonne exécution. |
| Urwego rutanga isoko rugomba guhita rusubiza ingwate y'inyandiko y'ipiganwa iyo : | The procuring entity shall immediately release the tender security if: | L'entité de passation de marché remet immédiatement toute garantie de soumission lorsque : |
| 1° ibikorwa byo gutanga isoko byasheshwe ; | 1° the procurement proceedings are cancelled; | 1° le processus d'attribution du marché est annulé ; |
| 2° Urwego rutanga isoko rusanze mu bapiganwe bose ntawujuje ibisabwa; | 2° the procuring entity realises that none of the submitted tenders is responsive; | 2° l'entité de passation de marché constate qu'aucun soumissionnaire ne remplit les conditions requises; |
| 3° amasezerano y'isoko yamaze gusinywa | 3° a contract for the procurement is entered into. | 3° le contrat de marché est déjà signé. |

Ingingo ya 32 : Itangwa n'iyakirwa ry'inyandiko z'ipiganwa

Inyandiko y'ipiganwa igomba kuba isinye kandi iri mu ibahasha ifunze neza;

Ibahasha inyandiko y'ipiganwa ifunzemo igomba kuba ifite inomeru y'isoko yatanzwe n'urwego rutanga isoko.

Inyandiko y'ipiganwa igomba gutangwa mbere y'igihe ntarengwa cyagenwe kandi inyandiko y'ipiganwa yose ije nyuma y'icyo gihe igomba gusubizwayo idafunguwe ;

Urwego rutanga amasoko rugomba gukora ku buryo ahagomba gutangirwa inyandiko z'ipiganwa haba hafunguye, hagaragarira buri wese kandi hanateguwemo ahantu hafite umutekano habikwa inyandiko z'ipiganwa zakiriwe.

Ingingo ya 33 : Ihindurwa ry'inyandiko z'ipiganwa

Mbere y'isaha ntarengwa yo gutanga inyandiko z'ipiganwa, upiganwa yemerewe guhindura cyangwa gusubizwa inyandiko y'ipiganwa iyo abisabye mu nyandiko kandi hakurikijwe amabwiriza y'itangwa ry'inyandiko z'ipiganwa.

Article 32: Submission and receipt of tenders

A tender shall be duly signed and well sealed in an envelope.

The envelope containing the tender must bear the tender number assigned to the procurement proceedings by the procuring entity.

A tender must be submitted before the deadline for submitting tenders and any tender received after that deadline shall be returned unopened.

The procuring entity shall ensure that the place where tenders must be submitted is open and accessible and shall provide in that place a secure area for safe keeping of received bids.

Article 33: Changes to bids

Before the deadline for submitting bids, a bidder may change or withdraw upon a written request thereof in accordance with the procedures for submitting tenders.

Article 32 : Remise et réception des offres

L'offre doit être signée et remise sous pli fermé.

L'enveloppe contenant l'offre doit porter le numéro de référence du marché attribué par l'entité de passation de marché.

L'offre doit être déposée avant la date limite de remise des offres et toute offre présentée après la date limite doit être retournée au soumissionnaire sans être ouverte.

L'entité de passation de marché s'assure que le lieu de dépôt des offres est ouvert et accessible à tous et doit aménager dans ce lieu un endroit sécurisé pour y garder des offres reçues.

Article 33 : Modification des offres

Avant la date limite de dépôt des offres, le soumissionnaire peut modifier ou retirer son offre sur demande écrite et conformément aux procédures de dépôt des offres.

Nyuma y'igihe ntarengwa cyo gutanga inyandiko z'ipiganwa, uwatanze inyandiko y'ipiganwa ntiyemerewe kuyihindura cyangwa ngo agire icyo ayongeraho.

After the deadline for submitting bid, the bidder shall not change it, or make any addendum thereon.

Après la date limite de dépôt des offres, un soumissionnaire ne peut plus modifier l'offre ou y apporter des ajouts.

Ingingo ya 34 : Ifungurwa ry' inyandiko z'ipiganwa

Article 34: Bids opening

Article 34 : Ouverture des offres

Akanama gashinzwe gutanga amasoko kagomba gufungura mu ruhame inyandiko z'ipiganwa mu gihe kitarenze isaha imwe nyuma y'igihe ntarengwa cyo kuzakira. Abantu batatu (3) nibura bari mu bagize Akanama gashinzwe gutanga amasoko barahagije kugira ngo bakore umuhango wo gufungura inyandiko z'ipiganwa.

The Tender Committee shall publicly open the bids no later than one hour after the deadline for the submission of bids. At least three (3) members of the Tender Committee shall be sufficient to conduct a bid opening session.

Le Comité de passation des marchés doit procéder à l'ouverture des offres en séance publique endéans une heure après l'heure limite de dépôt. Au moins trois (3) membres du Comité de passation des marchés suffisent pour procéder à l'ouverture des offres.

Abatanze inyandiko zabo z'ipiganwa cyangwa ababahagarariye bashobora kwitabira umuhango w'ifungura.

Those submitting tenders or their representatives may attend the bid opening.

Les soumissionnaires ou leurs représentants peuvent assister à la séance publique d'ouverture des offres.

Kuri buri nyandiko y'ipiganwa ifunguwe, ibi bikurikira bigomba gusomwa mu ijwi riranguruye kandi bigashyirwa mu nyandikomvugo y'ifungura:

As each bid is opened, the following shall be read out and recorded in the bid opening report :

Pour chaque offre ouverte, les informations suivantes doivent être lues à haute voix et consignées dans le procès-verbal d'ouverture des offres :

1° Izina rya nyir'inyandiko y'ipiganwa n'ibindi bimuranga by'umwihariko;

1° the name of the person or firm submitting the tender and their particulars;

1° le nom du soumissionnaire et d'autres informations particulières sur son identité;

| | | |
|---|--|--|
| 2° Umubare w'amafaranga harimo n'ibyahindutse cyangwa icyo yagabanije ku giciro cya mbere y'uko igihe ntarengwa cyo gutanga inyandiko z'ipiganwa kigera ; | 2° the total price of the tender including any modifications or discounts received before the deadline for submitting tenders; | 2° le montant total de la soumission y compris toute modification ou rabais de prix proposé avant la date limite de dépôt des offres; |
| 3° Ingwate y'inyandiko y'ipiganwa yatanzwe, niba isabwa. | 3° where applicable, what has been given as tender security. | 3° la garantie de soumission donnée si elle est exigée. |
| Urwego rutanga isoko, iyo rubisabwe, rugomba gutanga kopi y'inyandikomvugo y'ifungura. | The procuring entity shall, upon request, provide a copy of the bid opening report. | L'entité de passation de marché fournit, sur demande, une copie du procès-verbal d'ouverture des offres. |
| Buri muntu mu bagize akanama k'ifungura agomba gushyira umukono : | Each member of the tender committee shall sign: | Chaque membre du Comité de passation des marchés doit apposer sa signature sur : |
| 1° ku nyandiko y'ipiganwa y'umwimerere; | 1° the initial the original bid, | 1° l'offre originale ; |
| 2° ku nyandikomvugo y'ifungura. | 2° the bid opening report. | 2° le procès- verbal d'ouverture des offres. |
| <u>Ingingo ya 35 : Igihe inyandiko z'ipiganwa zimara zigifite agaciro</u> | <u>Article 35: Bid validity period</u> | <u>Article 35 : Période de validité des offres</u> |
| Igitabo gikubiyemo amabwiriza y'ipiganwa kigena igihe inyandiko z'ipiganwa zimara zigifite agaciro. | The Bidding document shall determine the bid validity period. | Le Dossier d'Appel d'Offres détermine la période de validité des offres. |
| Mbere y'uko igihe inyandiko z'ipiganwa zimara zigifite agaciro kirangira, urwego rutanga isoko rushobora gusaba ko cyongerwa. | Before the expiry of the bid validity period, the procuring entity may request bidders to extend that period. | Avant l'expiration de la période de validité des offres, l'entité de passation de marché peut demander de prolonger la période de validité des offres. |

Urwego rutanga isoko rugomba kumenyeshya iryo yongerwa ry'igihe buri wese watanze inyandiko y'ipiganwa.

The procuring entity shall give notice of such an extension to each person or firm that submitted a bid.

L'entité de passation de marché notifie la prolongation à chaque soumissionnaire ayant déposé son offre.

Igihe inyandiko z'ipiganwa zimara zigifite agaciro ntikigomba kurenga iminsi ijana na makumyabiri (120) keretse byemewe n'upiganwa.

The bid validity period shall not exceed one hundred and twenty (120) days unless accepted by the bidder.

Le délai de validité des offres ne doit pas excéder cent vingt (120) jours, sauf s'il est accepté par le soumissionnaire.

Ingingo ya 36: Inyandiko y'ipiganwa yujuje ibisabwa

Article 36: Responsiveness of bids

Article 36 : Offres conformes

Inyandiko y'ipiganwa yujuje ibisabwa kugira ngo isuzumwe ni irimo ibyangombwa byose nk'uko byasabwe mu gitabo cy'amabwiriza agenga ipiganwa.

A bid is responsive if it conforms to the requirements specified in the bidding document.

Une offre est conforme si elle contient tous les éléments nécessaires exigés dans le Dossier d'Appel d'Offres.

Ingingo ya 37 : Ibikenerwa kugira ngo inyandiko y'ipiganwa ibe yujuje ibyangombwa byasabwe

Article 37: Bidder's Qualifications

Article 37: Qualification du soumissionnaire

Upiganwa aba yujuje ibisabwa kugira ngo ahabwe isoko iyo yujuje ibi bikurikira :

A bidder is qualified to be awarded a tender only if he or she meets the following criteria:

Un soumissionnaire est qualifié pour être attributaire du marché lorsqu'il remplit les conditions suivantes:

1° kuba afite abakozi bafite ubushobozi, ibikoresho, uburambe n'amafaranga byatuma akora isoko ripiganirwa ;

1° having qualified personnel, equipment, experience, and financial capacity to provide what is being procured;

1° disposer du personnel qualifié, des équipements, de l'expérience et des capacités financières pour exécuter le marché ;

2° kuba yemererwa n'amategeko gukora amasezerano y'amasoko ;

2° having the legal capacity to enter into a procurement contract;

2° avoir la capacité juridique de signer le contrat des marchés ;

- | | | |
|--|--|---|
| 3° ntagomba kuba atakigira ubwishyu, atari mu gihe cy'iseswa, atari mu gihombo cyangwa ngo abe ari mu marembera cyangwa ngo abe akurikiranywe n'inzego z'ubutabera ; | 3° not being insolvent, in liquidation, bankrupt or in the process of being wound up or subject to any legal proceeding; | 3° ne pas être dans une situation d'insolvabilité, de faillite ou dans une procédure de liquidation judiciaire ou ne pas faire l'objet d'une poursuite judiciaire ; |
| 4° ntagomba kuba yarahagaritswe mu mirimo y'amasoko ; | 4° having not been debarred from participating in procurement proceedings; | 4° ne pas être en état d'exclusion de la participation des marchés publics ; |
| 5° n'ibindi byakenerwa n'urwego rutanga isoko nk'uko biba byasobanuwe mu bitabo by'amabwiriza agenga ipiganwa. | 5° such other criteria as the procuring entity considers appropriate as prescribed in the bidding document. | 5° tout autre condition exigée par l'entité de passation de marché tel que décrit dans le Dossier d'Appel d'Offres. |

Urwego rutanga amasoko rushobora gusaba upiganwa gutanga ibyemezo cyangwa ibisobanuro bihamya y'uko yujuje ibisabwa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo;

The procuring entity may require a bidder to provide evidence or information to establish that the criteria under paragraph one of this Article are met.

L'entité de passation de marché peut exiger au soumissionnaire de fournir des preuves ou informations attestant qu'il remplit les conditions exigées à l'alinéa premier du présent Article.

Ibisabwa mu gika cya mbere n'ibiteganywa mu gika cya kabiri by'iyi ngingo bigomba kuba bigaragara mu gitabo cy'ipiganwa cyangwa mu nyandiko ihamagarira impuguke gupiganwa cyangwa mu nyandiko isaba ibiciro cyangwa se mu itangazo rikubiyemo ibyo urwego rutanga amasoko rwifuza, iyo ipiganwa ribimburiwe n'ijonjora;

The criteria specified in paragraph one of this Article and the provisions of paragraph two of this Article shall be set out in the bid or the request for proposals or quotations or in the prequalification documents.

Les conditions exigées à l'alinéa premier et deux du présent Article doivent figurer dans le Dossier d'Appel d'Offres ou Demande de Propositions ou sollicitation des prix ou dans l'avis de présélection si la procédure de présélection des soumissionnaires est exigée.

Ibyasabwe mu gitabo cy'ipiganwa cyangwa mu itangazo rikubiyemo ibyifuzwa mu ipiganwa ribimburiwe n'ijonjora ni byo byonyine bigomba gukoreshwa mu gihe cy'isesengura.

Only such criteria stated in the bidding and prequalification documents shall be applied during the evaluation process.

De telles conditions exigées dans le Dossier d'Appel d'Offres ou avis de Présélection sont les seules utilisées dans l'évaluation.

Urwego rutanga amasoko rushobora guhita rusiga inyuma inyandiko y'ipiganwa y'umuntu wabeshye, watanze amakuru ajijisha cyangwa atuzuye ku birebana no kuba yujuje ibisabwa.

The procuring entity may disqualify a bidder, at any time for submitting false, materially inaccurate or materially incomplete information about their qualifications.

L'entité de passation de marché peut rejeter l'offre pour fausse information, pour informations confuses ou incomplètes sur sa qualification.

Iyo ipiganwa ritabimburiwe n'ijonjora, urwego rutanga amasoko rugomba kubanza gusuzuma neza niba upiganwa afite ubushobozi bwababwira mu gitabo cy'ipiganwa.

If prequalification proceedings are not conducted, the procuring entity shall verify whether the bidder meets criteria stated in the bidding document.

Si la procédure de présélection n'a pas eu lieu, l'entité de passation de marché doit d'abord procéder à la vérification de la capacité exigée dans le Dossier d'Appel d'Offres.

Ingingo ya 38: Gusaba ibisobanuro

Article 38: Clarifications request

Article 38: Demande d'éclaircissements

Urwego rutanga isoko rushobora gusaba mu nyandiko ibisobanuro byarufasha gusesengura no kugereranya inyandiko z'ipiganwa ;

The procuring entity may request for any helpful clarification in writing in the evaluation and comparison of bids.

L'entité de passation de marché peut demander des éclaircissements par écrit pour faciliter l'évaluation et la comparaison des offres.

Ibisobanuro ntibigomba guhindura na gato imiterere y'inyandiko y'ipiganwa.

In any case, clarifications shall not change the substance of bids.

Les éclaircissements ne doivent en aucun cas changer la substance de l'offre.

Ingingo ya 39: Isesengurwa ry' inyandiko z'ipiganwa

Akanama gashinzwe gutanga amasoko kagomba gusesengura no kugereranya inyandiko z'ipiganwa zujuje ibyasabwe ;

Isesengura n'igereranywa bigomba gushingira gusa ku ngingo zikubiye mu gitabo cy'amabwiriza agenga ipiganwa kandi ntagishobora kwiyongeraho cyangwa ngo kivanywemo ;

Uwegukanye isoko ni uwujuje ibyasabwe kandi afite igiciro gito kandi gihuje n'ukuri kurusha izindi nyandiko z'ipiganwa;

Akanama gashinzwe gutanga amasoko kagomba gukora raporo y'isesengura ikubiyemo muri make ibyakozwe mu isesengura n'igereranya ry'inyandiko z'ipiganwa nk'uko iteganywa n'amabwiriza agenga itangwa ry'amasoko;

Ingingo ya 40 : Kwanga inyandiko zose z'ipiganwa

Akanama gashinzwe gutanga amasoko gashobora kwanga inyandiko zose z'ipiganwa igihe cyose ku mpamvu zikurikira :

Article 39: Evaluation of bids

The Tender Committee shall evaluate and compare the responsive bidders.

The evaluation and comparison shall be based only on the procedures and criteria set out in the bidding document.

The successful bidder shall be the lowest responsible bidder.

The tender committee shall prepare an evaluation report containing a summary of the evaluation and comparison of bids as provided for in the procurement regulations.

Article 40: Rejection of all bids

The Tender Committee may reject all the bids at any time due to any of the following reasons:

Article 39 : Evaluation des offres

Le Comité de passation des marchés doit évaluer et comparer des offres conformes.

L'évaluation et la comparaison des offres doivent être seulement faites sur base des critères définis dans le Dossier d'Appel d'Offres et rien ne peut y être ajouté ou supprimé.

L'attributaire du marché est le soumissionnaire dont l'offre conforme est évaluée la mieux-disante.

Le Comité de passation des marchés doit faire un rapport d'évaluation contenant un résumé de l'évaluation et de la comparaison des offres tel que prévu par les procédures de passation des marchés.

Article 40 : Rejet de toutes les offres

Le Comité de passation des marchés peut rejeter toutes les offres à tout moment dans les cas suivants :

- | | | |
|--|--|--|
| 1° iyo habaye impamvu zituma igihe isoko rigomba gutangwamo kirenga kandi ritagikenewe ; | 1° when procurement proceedings have been over taken by events and are no longer required; | 1° si pour l'une ou l'autre raison le délai d'attribution du marché est dépassé ou si le besoin à pourvoir ne se justifie plus ; |
| 2° iyo ibiciro byose biri hejuru y'umubare w'amafranga ateganijwe ku ngengo y'imari ; | 2° if prices offered are higher than the planned budget; | 2° si les prix offerts sont plus élevés que le budget disponible; |
| 3° iyo bigaragaye ko habayemo uburiganya no kudatanga amahirwe angana mu mitangire y'isoko ; | 3° if it is established that there was fraud and lack of fairness in tendering process; | 3° s'il est constaté qu'il y a eu la tricherie et manque d'équité dans le processus d'appel d'offres; |
| 4° iyo inyandiko z'ipiganwa zose zitasubije neza ku bisabwa. | 4° if all bids are considered non responsive. | 4° si toutes les offres ne répondent pas aux critères exigés. |

Uko byagenda kose, urwego rutanga isoko ntrushobora kuryozwa ingaruka izo ari zo zose zaterwa n'ibikubiye muri iyi ngingo ;

In any case, the procuring entity shall not, be liable to any consequences resulting from the provisions of this Article.

Dans tous les cas, l'entité de passation de marché ne peut être tenu responsable d'aucune conséquence découlant de la mise en application du présent Article.

Urwego rutanga isoko rugomba kumenyesha abapiganwe bose icyo cyemezo mu nyandiko.

The procuring entity shall inform all the bidders in writing of the decision.

L'entité de passation de marché doit informer par écrit tous les soumissionnaires de cette décision.

Ingingo ya 41 : Amahirwe yisumbuyeho ku bo mu karere turimo

Article 41: Local Preference

Article 41: Préférence locale

Amahirwe yisumbuye atarenze icumi ku ijana (10%) ashobora guhabwa amasosiyete afite ibyangombwa by'ubucuruzi byatangiwe mu Rwanda, abanyarwanda n'abapiganwa bandi bafite ibyangombwa

Local preference not exceeding 10% may be granted to companies registered in Rwanda or to Rwandan nationals and bidders in regional economic integration bodies member states. Such local

Une préférence locale ne dépassant pas dix pourcent (10%) peut être accordée aux sociétés de droit rwandais, aux Rwandais et aux autres soumissionnaires immatriculés aux registres de commerce des pays membres des organisations

by'ubucuruzi byatangiwe mu bihugu biri mu Miryango yo guteza imbere ubukungu bw'ibihugu byo mu karere. Ayo mahirwe yisumbuyeho agomba kuba akubiye mu gitabo cy'amabwiriza agenga ipiganwa kandi ateganyijwe mu mabwiriza agenga itangwa ry'amasoko ya Leta.

preference shall be included in the bidding document and defined in the procurement regulations.

d'intégration économique régionale. Une telle marge de préférence n'est accordée que si elle est prévue dans le dossier d'appel d'offres et définie dans les procédures de marchés publics.

Ingingo ya 42 : Gukosora amakosa y'imibare

Article 42: Correction of arithmetic errors

Article 42: Correction des erreurs arithmétiques

Urwego rutanga isoko rugomba gukosora ikosa ry'imibare rigaragaye mu nyandiko y'ipiganwa.

The procuring entity shall correct any arithmetic error once it occurs in a bid.

L'entité de passation de marché doit corriger des erreurs arithmétiques dans l'offre.

Urwego rutanga isoko rugomba kumenyeshya uwapiganwe ikosa ryakosowe.

The procuring entity shall notify the bidder of the correction made.

L'entité de passation de marché doit notifier le soumissionnaire des erreurs qui ont subi la correction.

Igiteranyo cyose n'ibiciro by'ikintu kimwe biri mu nyandiko z'ipiganwa bigomba kwandikwa mu mibare no mu nyuguti. Iyo igiciro mu mibare no mu nyuguti bitangukanye, hitabwaho ibyanditse mu nyuguti.

The total price and the itemised prices in the bid shall be written both in figures and in words. If the price in figures is different from the price in words, the latter shall prevail.

Le montant total et le prix unitaire dans l'offre doivent être écrits en chiffres et en lettres. Si le prix en chiffres diffère du prix en lettres, ce dernier fait foi.

Iyo upiganwa yanze ibyakosowe, inyandiko y'ipiganwa ikurwa mu ipiganwa n'ingwate y'inyandiko y'ipiganwa igafatirwa igihe yatanzwe.

If the bidder rejects the correction, the bid shall be rejected and the bid security shall be seized if it has been provided.

En cas de refus de la correction par le soumissionnaire, l'offre est rejetée et la garantie de soumission est saisie si elle a été déposée.

Ingingo ya 43 : Kumenyeshya itangwa ry'isoko

Mbere y'uko igihe inyandiko z'ipiganwa zimara zigifite agaciro kirangira, urwego rutanga isoko rugomba kumenyeshereza rimwe uwatsinze n'abatsinzwe iby'agateganyo byavuye mu isesengura ;

Iyo nyandiko y'imenyeshya isobanura neza ko iby'ingenzi byashingiweho mu itangwa ry'iryo soko byahabwa abapiganwe babisabye kandi ko bafite iminsi irindwi (7) ngo babe bagize ibyo banga, niba bihari, mbere y'uko uwegukanye isoko asinya amasezerano ;

Uwegukanye isoko asabwa ingwate y'irangizwa neza ry'akazi hakurikijwe amabwiriza agenga amasoko. Bene iyo ngwate ntishobora kurenga icumi ku ijana (10%) y'igiciro cy'isoko ;

Amasezerano y'isoko akimara gusinywa, urwego rutanga isoko rugomba guhita rumenyeshya abandi ko inyandiko zabo z'ipiganwa zitatsinze.

Article 43: Notification of Contract Award

Before the expiry of the bid validity period, the procuring entity shall simultaneously notify the successful and the unsuccessful bidders of the provisional outcome of the bid evaluation.

The notification shall specify that the major elements of the procurement process would be made available to the bidders upon request and that they have seven (7) days in which to lodge a protest, if any, before a contract is signed with the successful bidder.

The successful bidder shall be required to provide a performance security in accordance with the procurement regulations. Such a security shall not exceed ten per cent (10%) of the contract price.

Upon signature of a procurement contract, the procuring entity shall notify other bidders that their bids were not successful.

Article 43 : Notification d'attribution du marché

Avant l'expiration du délai de validité des offres, l'entité de passation de marché doit notifier en même temps l'attributaire et les soumissionnaires non retenus des résultats provisoires de l'évaluation des offres.

La notification doit préciser que les motifs de la décision d'attribution du marché peuvent être livrées aux soumissionnaires qui en font la demande dans un délai ne dépassant pas sept (7) jours pour faire des recours, s'il y a lieu, avant la signature du contrat avec l'attributaire.

L'attributaire du marché fournit une garantie de bonne exécution conformément aux procédures de passation des marchés. Une telle garantie ne doit pas dépasser dix pour cent (10 %) du coût du marché.

Dès la signature du contrat de marché, l'entité de passation de marché doit informer les autres soumissionnaires que leurs offres n'ont pas été retenues.

Ingingo ya 44 : Amasezerano y'isoko

Uwegukanye isoko n'urwego rutanga isoko bagomba gushyira umukono ku masezerano yanditse ashingiye ku gitabo cy'amabwiriza agenga ipiganwa, ku nyandiko y'ipiganwa y'uwatsindiye isoko, ku bisobanuro byatanzwe no ku byaba byakosowe ;

Nta masezerano aba ari hagati y'uwegukanye isoko n'urwego rutanga isoko igihe nta masezerano yanditse arasinywa. Ariko kandi iyo inyandiko isaba kugemura yatanzwe nyuma y'itangwa ry'isoko ryakurikije amabwiriza ifatwa nk'amasezerano hakurikijwe umubare w'amafaranga yagenwe n'amabwiriza agenga amasoko ;

Ingingo ya 45: Kwanga gusinya amasezerano y'isoko

Iyo uwegukanye isoko adashoboye gushyira umukono ku nyandiko y'amasezerano, urwego rutanga isoko rushobora kuriha uwa kabiri wujuje ibyasabwe.

Ibikubiye mu gika kibanziriza iki ntibikurikizwa iyo igihe inyandiko z'ipiganwa zimara zigifite agaciro cyarangiyeye.

Article 44: Procurement contract

The successful bidder and the procuring entity shall enter into a written procurement contract based on the bidding document, the successful bid, any clarifications received and any corrections provided.

No contract shall be formed between the successful bidder and the procuring entity until the written procurement contract is entered into. However, a purchase order issued after the conduct of procurement proceedings shall suffice for contracts below a threshold established by the procurement regulations.

Article 45: Refusal to sign contract

If the successful bidder fails to enter into a written procurement contract, the procuring entity may award the tender to the qualified bidder that ranked second.

The provisions of the preceding paragraph shall not apply if the period during which tenders must remain valid has already expired.

Article 44 : Contrat de marché

L'attributaire du marché et l'entité de passation de marché doivent signer un contrat de marché tenant compte du Dossier d'Appel d'Offres, de l'offre retenue, de tout éclaircissement reçu et de toute correction effectuée.

Il n'existe pas de contrat entre l'attributaire du marché et l'entité de passation de marché tant qu'un contrat écrit n'est pas signé. Toutefois, un bon de commande émis à l'issue d'un processus d'attribution du marché est considéré comme contrat selon le seuil établi par les procédures de passation des marchés.

Article 45 : Refus de signer le contrat

Lorsque l'attributaire ne parvient pas à signer le contrat, l'entité de passation de marché peut attribuer le marché au second soumissionnaire qualifié.

Les dispositions de l'alinéa précédent ne s'appliquent pas si le délai de validité des offres a déjà expiré.

Ingingo ya 46: Guhindura ibyo buri ruhande rusabwa mu masezerano

Urwego rutanga isoko ntirushobora gusaba cyangwa ngo rutegeke uwapiganwe kugira ibyo yemera bindi bitateganyijwe mu gitabo gikubiyemo amabwiriza agenga ipiganwa kugira ngo abone guhabwa isoko.

Ingingo ya 47: Ipiganwa ku rwego mpuzamahanga

Ipiganwa mpuzamahanga risesuye rikoreshe hashingiwe kuri ibi bikurikira:

- 1° ubunini bw'isoko;
- 2° ubushobozi butaboneka n'ubuhanga butamenyerewe mu gihugu.

Iyo ari ipiganwa mpuzamahanga ibi bikurikira bigomba kubahirizwa:

- 1° inyandiko ihamagarira ipiganwa n'ibitabo bikubiyemo amabwiriza agenga ipiganwa bigomba kuba mu cyongereza no mu gifaransa;
- 2° Urwego rutanga isoko rugomba gucisha itangazo rihamagarira ipiganwa mu kinyamakuru mpuzamahanga gisomwa na benshi nibura kimwe, n'ubundi buryo bw'itangazamakuru;

Article 46: Changing responsibilities of parties to a contract

The procuring entity shall not request or require, as a condition of awarding a procurement contract that a bidder who submitted a tender undertake responsibilities not set out in the bidding document.

Article 47: International tender

An open international tender shall be carried out on the basis of the following:

- 1° size of the tender;
- 2° technical capacity and know how that may not be available in the country.

In case of open international tender, the following shall apply:

- 1° the invitation to tender and the bidding document shall be prepared both in English and French;
- 2° the procuring entity shall advertise the invitation to tender in at least one international newspaper with the most widespread circulation or with any other means of communication;

Article 46: Modification des obligations contractuelles

L'entité de passation des marchés publics ne doit pas demander ou poser comme condition préalable à l'attribution du marché au soumissionnaire ayant soumis l'offre, d'assumer des responsabilités qui ne sont pas prévues dans le Dossier d'Appel d'Offres.

Article 47: Appel d'offres international

Il est procédé à un appel d'offres international ouvert dans les circonstances suivantes :

- 1° la taille du marché ;
- 2° le manque des capacités et d'expertise des sociétés nationales.

En cas d'appel d'offres international, les points suivants sont tenus en considération:

- 1° l'Avis d'Appel d'Offres et le Dossier d'Appel d'Offres doivent être en Anglais et en Français ;
- 2° l'entité de passation de marché publie l'Avis d'Appel d'Offres au moins dans un journal international de grande diffusion ou dans d'autres moyens de communication;

- | | | |
|---|--|---|
| <p>3° iyo ari itangazo mpuzamahanga rihamagarira abantu gupiganwa, igihe cyo kubitangaza mu kinyamakuru mpuzamahanga gisomwa na benshi kiri hagati y'iminsi mirongo ine n'itanu (45) na mirongo icyenda (90), hakurikijwe akamaro n'uburemere bw'isoko ritangwa, uhereye umunsi ikinyamakuru gisohokeye ;</p> <p>4° ibipimo ngenderwaho mpuzamahanga bikoreshwa mu bucuruzi mpuzamahanga bigomba kubahirizwa. Ibipimo ngenderwaho byo mu Rwanda iyo bihwanyije cyangwa birushijeho ubwiza ni byo bigomba gukoreshwa ;</p> <p>5° ingingo rusange cyangwa yihariye igenga amasezerano y'isoko igomba kuba imeze nk'izikoreshwa muri rusange mu bucuruzi mpuzamahanga;</p> | <p>3° for an international tender, the period of its publication in an internationally most widely read newspaper shall be between forty five (45) and ninety (90) calendar from the day on which the newspaper is issued, depending on interest and importance of the tender.</p> <p>4° international standards widely used in international trade shall be observed. In cases where the Rwandan Standards requirements are equal or better than the international standards, the former shall apply;</p> <p>5° any general and specific conditions to which the contract will be subject shall be of a kind generally used in international trade.</p> | <p>3° en cas d'avis d'appel d'offres international, la période de publication dans un journal international de grande diffusion est comprise entre quarante cinq (45) jours et quatre vingt dix (90) jours calendrier à compter de la date de parution du journal, compte tenue de l'intérêt et de l'importance du marché ;</p> <p>4° les normes internationales utilisées dans le commerce international doivent être respectées. Si les normes utilisées au Rwanda sont égales ou supérieures à celles internationales, celles utilisées au Rwanda sont d'application.</p> <p>5° toutes conditions générales et spécifiques régissant le contrat doivent être similaires à celles utilisées dans le commerce international.</p> |
|---|--|---|

Ingingo ya 48 : Amabwiriza agenga ipiganwa ribimburiwe n'ijonjora

Ipiganwa ribimburiwe n'ijonjora riba ngombwa gukoreshwa igihe hagomba gutangwa isoko ry'imirimo rinini cyangwa y'urusobe hakenewe kugurwa ibintu bifite agaciro kanini cyane cyangwa biteye ku buryo bw'urusobe. Urwego rutanga isoko rugomba kujya mu gikorwa cy'ijonjora rugamije kubanza gushakisha abashoboye mbere y'itangazo rihamagarira gupiganwa.

Article 48: Prequalification proceedings

Prequalification shall be used for the procurement of large or complex works and acquisition of high value or complex goods. The procuring entity may engage in prequalification proceedings, with a view to identifying qualified bidders before issuing an invitation to bid.

Article 48 : Procédures de présélection

La présélection intervient pour les marchés des travaux d'une grande étendue ou complexes et d'acquisition des biens d'une grande valeur ou complexes. L'entité de passation de marché doit engager un processus de présélection en vue d'identifier des soumissionnaires qualifiés avant de les inviter à soumettre leurs offres.

Urwego rutanga isoko rugomba guha igitabo gikubiyemo ibisabwa mu ijongora abagaragaje bose ko bashaka kwitabira iryo jongora. Bene icyo gitabo kigomba kuba gikubiyemo ibintu byose bya ngombwa byatuma umuntu ategura neza inyandiko ye y'ijongora, hakaba hanarimo n'ibizashingirwaho mu ijongora;

The procuring entity shall provide prequalification documents to all bidders responding to the invitation to prequalify. Such prequalification documents shall provide bidders with the information required to prepare an application for prequalification and the prequalification criteria.

L'entité de passation de marché adresse le dossier de présélection à tous les soumissionnaires qui ont manifesté l'intérêt de participer à la présélection. Un tel dossier de présélection doit contenir toutes les informations nécessaires à une bonne préparation sa proposition de présélection ainsi que les critères de présélection.

Isesengura rigomba gushingira gusa ku bisabwa bigaragara mu itangazo rihamagarira ijongora bishobora kuba birimo:

The evaluation shall be only based upon the evaluation criteria set in the tender notice which may include:

L'évaluation ne doit être basée que sur des critères mentionnés dans l'avis de présélection qui comprennent :

1° ubushobozi bw'abakozi upiganwa afite;

1° qualifications of the bidder's personnel;

1° les qualifications du personnel proposé par le soumissionnaire ;

2° ubushobozi bushingiye ku bikoreho upiganwa afite;

2° qualifications based on the bidder's equipment;

2° les qualifications basées sur des équipements du soumissionnaire ;

3° ubushobozi bushingiye ku mari upiganwa afite;

3° qualifications based on the bidder's financial capacity;

3° les qualifications basées sur les capacités financières du soumissionnaire;

4° uburambe mu mirimo isa n'ikenewe gukorwa upiganwa afite.

4° bidder's similar experience.

4° l'expérience du soumissionnaire dans l'exécution des travaux similaires à ceux requis.

Hakurikijwe ibivuye mu isesengura, urutonde rw'abujuje ibyasabwe ku buryo bushimishije rushyirwa ahagaragara bakaba ari nabo bonyine bohererezwa n'igitabo cy'amabwiriza agenga ipiganwa bahamagarirwa kuzana inyandiko zabo z'ipiganwa ku muni n'isaha byagenwe.

Following the evaluation, only short listed bidders shall be provided with the tender documents inviting them to submit their bids on a specified date and time.

Suivant les résultats d'évaluation, une liste des soumissionnaires remplissant les conditions requises est rendue publique et seuls les soumissionnaires présélectionnés reçoivent le Dossier d'Appel d'Offres en vue de soumettre leurs offres à la date et heure prévues.

Ingingo ya 49 : Ipiganwa mu byiciro bibiri

Ibiteganijwe muri iyi ngingo bigomba gukoreshwa mu ipiganwa mu byiciro bibiri, keretse mu gihe hari izindi ngingo zinyuranye n'iyi.

Mu cyiciro cya mbere abapiganwa bahamagarirwa kuzana inyandiko zabo z'ipiganwa z'ibanze zishingiye ku kuntu bumva ibintu byakorwa mu rwego rwa tekini nta giciro kigaragaramo.

Igitabo cy'amabwiriza agenga ipiganwa gishobora gusaba inyandiko y'ipiganwa ijyanye n'ibya tekini, n'ubwiza cyangwa ibindi byihariye biranga ibicuruzwa byifuzwa, n'imirimo y'ubwubatsi ari ibijyanye n'ingingo zashyirwa mu masezerano ari no mu buryo ibintu byatangwamo, aho bikenewe, n'ubushobozi mu kazi ndetse n'ubuhanga muri tekini by'abapiganwa.

Inyandiko z'ipiganwa zujuje muri rusange ibisabwa, urwego rutanga isoko rurazifata kugira ngo ruzishingireho runononsora igitabo gikubiyemo amabwiriza agenga ipiganwa.

Article 49: Two-stage tendering

The provisions of this Article shall apply to two-stage tendering proceedings except to the extent those provisions are derogated from in this Article.

The bidding document shall call upon bidders to submit, in the first stage of the two-stage tendering proceedings, initial bids containing their proposals without a bid price.

The bidding document may request for bids relating to the technical, quality or other characteristics of the goods, construction as well as to contractual terms and conditions of supply, and, where relevant, the professional and technical competence and qualifications of the bidders.

Bids that are substantially responsive will be retained by the procuring entity in order for it to make adjustments on the bidding document.

Article 49 : Appel d'offres en deux étapes

Les dispositions du présent Article doivent s'appliquer à un appel d'offres en deux étapes, sauf en cas d'autres dispositions contraires au présent Article.

Au cours de la première étape, les soumissionnaires sont appelés à présenter leurs offres initiales techniques sans prix.

Le Dossier d'Appel d'Offres peut solliciter des offres liées aux aspects techniques, qualitatifs ou des spécifications des biens à acquérir et des travaux de construction, aux termes et conditions contractuels, de livraison ainsi qu'aux compétences techniques professionnelles et la qualification des soumissionnaires.

Les offres remplissant les conditions requises en général sont retenues par l'entité de passation de marché pour servir de base dans la finalisation du Dossier d'Appel d'Offres

Mu cyiciro cya kabiri, ba nyirinyandiko urwego rutanga isoko rwahisemo basabwa gutanga inyandiko y'ipiganwa ya nyuma irimo n'ibiciro bashingiye gusa ku bisabwa mu gitabo cy'amabwiriza agenga ipiganwa kinononsoye. Mu myandikire y'ibyatoranjwe bisabwa muri icyo gitabo, urwego rutanga isoko rushobora guhindura ibyasabwaga mu gitabo cya mbere. Ibyahinduwe cyangwa ibyongewemo bimenyeshwa abapiganwa mu nyandiko ibasaba inyandiko z'ipiganwa za nyuma.

Uwaba adashaka gutanga inyandiko y'ipiganwa ye ya nyuma, ashobora kuva mu ipiganwa nta nkurikizi y'uko ingwate y'isoko ye yafatirwa igihe yaba yarasabwe gutangwa. Inyandiko za nyuma z'ipiganwa zigomba gusesengurwa kandi zikagereranywa kugira ngo haboneke utsindira isoko.

Ingingo ya 50: Impamvu zituma hakoreshwa ipiganwa mu byiciro bibiri

Urwego rutanga isoko rushobora gukoresha uburyo bw'ipiganwa mu byiciro bibiri iyo:

In the second stage of the two-stage tendering proceedings, the procuring entity shall invite bidders whose bids were retained to submit final bids with prices with respect to a single set of specifications. In formulating those specifications, the procuring entity may modify any aspect, originally set forth in the bidding document. Any such modification or addition shall be communicated to bidders in the invitation to submit final bids.

A Bidder not wishing to submit a final tender may withdraw from the tendering proceedings without forfeiting any bid security that they may have been required to provide. The final bids shall be evaluated and compared in order to ascertain the successful bidder.

Article 50: Conditions for use of two-stage tendering

The procuring entity may engage in procurement by means of two-stage tendering when:

A la seconde étape, les soumissionnaires dont les offres ont été retenues par l'entité de passation de marché sont invités à donner leurs propositions des prix basés uniquement sur les spécifications techniques du Dossier d'Appel d'Offres. Dans l'élaboration des spécifications techniques, l'entité de passation de marché peut modifier les aspects prévus dans le Dossier d'Appel d'Offres initial. Toute modification ou addition doit être communiquée aux soumissionnaires dans la lettre d'invitation à soumettre l'offre finale.

Un soumissionnaire qui ne veut pas donner l'offre finale peut se retirer du processus de compétition sans perdre la garantie de soumission au cas où celle-ci aurait été demandée. Les offres finales sont évaluées et comparées pour déterminer le soumissionnaire retenu.

Article 50: Conditions d'utilisation de l'appel d'offres en deux étapes

L'entité de passation de marché peut engager le processus d'appel d'offres en deux étapes lorsque :

- | | | |
|--|---|--|
| <p>1° urwego rutanga isoko rudashobora ubwarwo mu buryo burambuye kandi bwumvikana gusobanura imiterere y'ibintu cyangwa inyubako rukeneye rugamije kugira ngo rubone igisubizo kinyuze ku miterere y'icyo rwifuzza kugura;</p> | <p>1° it is not feasible for the procuring entity to formulate detailed specifications for the goods or works in order to obtain the most satisfactory solution to its procurement needs.</p> | <p>1° l'entité de passation de marché ne peut élaborer des spécifications techniques détaillées des biens ou des travaux en vue d'obtenir la solution la plus satisfaisante à ses besoins en passation des marchés.</p> |
| <p>2° mu gihe igikorwa cyo guhamagarira abantu gupiganwa cyakozwe ariko ntihagire ucyitabira cyangwa inyandiko z'ipiganwa zose Akanama gashinzwe gutanga amasoko gasanze nta n'imwe yujuje ibisabwa, mu gihe kandi Akanama gashinzwe gutanga amasoko kabona ko kongera gusubirishamo ipiganwa amahirwe yo kubona uwatsindira isoko ari nta yo.</p> | <p>2° when tendering proceedings have been engaged in but no tenders were submitted or all tenders were rejected by the tender committee and when, in the judgement of the tender committee, engaging in new tendering proceedings would be unlikely to result in a procurement contract.</p> | <p>2° le processus d'appel d'offres est engagé mais qu'aucune offre n'a été reçue ou toutes les offres sont rejetées par le Comité de passation des marchés en raison de non-conformité aux exigences requises; et que selon le jugement du Comité de passation des marchés, engager un nouveau processus de passation des marchés, aboutirait à des résultats semblables ne permettant pas l'attribution du marché.</p> |

Section 2: Ubundi buryo bukoreshwa mu gutanga amasoko

Ingingo ya 51: Ipiganwa rigenewe abapiganwa bake

Iri piganwa riba rigenewe gusa abapiganwa bagaragara ku nyandiko ibatumira.

Section 2: Other procurement methods

Article 51: Restricted tendering

This method is open to only bidders appearing on the invitation to bid.

Section 2: Autres methodes de passation des marchés

Article 51: Appel d'offres restreint

Cette méthode est ouverte uniquement aux soumissionnaires invités à soumettre leurs offres.

Ingingo ya 52: Impamvu zituma hakoresha ipiganwa rigenewe abapiganwa bake

Urwego rutanga amasoko rushobora gukoresha ipiganwa rigenewe abapiganwa bake mu gihe:

1° ibintu bikeneye kugurwa cyangwa imirimo y'ubwubatsi, kubera imiterere yabyo ihanitse cyangwa bikaba biteye ku buryo bwihariye, cyangwa se bikaba biboneka gusa ku bacuruzi cyangwa abubatsi bake; cyangwa

2° igihe n'ikiguzi byatwara mu isuzuma n'isesengura ry'umubare munini w'inyandiko z'ipiganwa bitajyanye n'agaciro k'ibintu, inyubako cyangwa serivisi y'impuguke birebwa n'isoko rigomba gutangwa hakurikijwe umubare ntarengwa w'amafaranga ateganywa mu mabwiriza agenga amasoko;

Ibigomba kubahirizwa mu ikoresha ry'uburyo bw'ipiganwa rigenewe abapiganwa bake ni ibi bikurikira:

Article 52: Conditions of use of restricted tendering

A procuring entity may use restricted tendering for a procurement, if either:

1° the goods or construction by reason of their highly complex or specialized nature, or otherwise are available only from a limited number of suppliers or contractors; or

2° the time and cost required to examine and evaluate a large number of bids would be disproportionate to the value of the goods, construction or services to be procured in accordance with the threshold set in the procurement regulations.

The following procedures in relation to restricted tendering shall be applied:

Article 52 : Conditions d'utilisation de l'appel d'offres restreint

L'entité de passation de marché peut utiliser l'appel d'offres restreint dans les cas ci-après :

1° les biens ou travaux en raison de leur nature hautement complexe ou particulière ou encore disponibles seulement chez un nombre limité des fournisseurs ou constructeurs ; ou

2° le temps et le coût financier pour examiner et évaluer un si grand nombre des offres sont disproportionnels par rapport à la valeur estimée des biens, des travaux et des services à acquérir conformément au seuil défini par les procédures de passation des marchés.

Les conditions requises pour l'utilisation d'appel d'offres restreint sont les suivantes :

- | | | |
|--|--|---|
| <p>1° mu mwanya wo gutanga itangazo rihamagarira ipiganwa ku buryo busesuye, urwego rutanga isoko rutumira mu ipiganwa nibura batatu mu bapiganwa bari ku rutonde rw'abapiganwa bajonjowe, rukabahitamo mu buryo bunyuze kandi budashingiye ku ivangura iryo ariryo ryose;</p> | <p>1° the procuring entity shall, instead of advertising the invitation to tender, give the invitation to tender to at least three bidders selected in a fair and non-discriminatory manner from a list of prequalified bidders;</p> | <p>1° l'entité de passation de marché doit, au lieu de publier l'avis d'appel d'offres, donner l'invitation à soumissionner à au moins trois soumissionnaires choisis de manière équitable et non discriminatoire et figurant sur la liste des soumissionnaires présélectionnés ;</p> |
| <p>2° iyo ku rutonde rw'abajonjowe harimo abava mu bihugu by'amahanga, ntihazobora gutumirwa abapiganwa barenze babiri baturuka mu gihugu kimwe;</p> | <p>2° when bidders based in foreign countries are short listed, only two bidders in the same country should be contacted.</p> | <p>2° lorsque les soumissionnaires provenant des pays étrangers figurent sur la liste restreinte, plus de deux soumissionnaires d'un même pays ne peuvent pas être invités ;</p> |
| <p>3° ihamagarwa ry'abashaka gushyirwa ku rutonde rw'abajonjowe rigomba gutangazwa nibura buri mwaka kandi mu kinyamakuru nibura kimwe gisomwa n'abantu benshi ku rwego rw'igihugu.</p> | <p>3° an invitation to apply for inclusion on the prequalified list shall be advertised, at least annually, in at least one newspaper of the largest nationwide circulation.</p> | <p>3° l'avis de présélection doit être publié au moins annuellement, dans au moins un journal national de grande diffusion.</p> |

Ingingo ya 53 : Gusaba ibiciro

Urwego rutanga isoko rushobora kubona ibiciro biturutse mu bapiganwa benshi ariko ntibajye muni ya batatu nibura aho bishoboka.

Article 53: Request for Quotations

The procuring entity may obtain quotations from as many bidders as possible, but not less than three.

Article 53 : Demande de cotation

L'entité de passation de marché peut solliciter des prix auprès de plusieurs soumissionnaires autant que possible mais pas moins de trois.

Buri muntu wasabwe gutanga igiciro agomba kumenyeshwa niba hari ibindi birenze ku giciro cy'ikintu cyangwa imirimo y'ubwubatsi ubwayo, nk'ibijyanye n'ubwikorezi, ubwishingizi, amahoro ya gasutamo n'indi misoro, bigomba gushyirwa mu giciro.

Amasezerano y'isoko agomba guhabwa uwatanze igiciro gito kijyanye n'igihe urwego rutanga isoko rukeneyemo ibyo rwifuzaga kugura;

Ingingo ya 54: Impamvu zituma hakoresha uburyo bwo gusaba ibiciro

Urwego rutanga isoko rushobora gukoresha uburyo bwo gusaba ibiciro mu gihe rushaka gutanga isoko ry'ibintu cyangwa imirimo y'ubwubatsi bisanzwe ku isoko n'ubwiza bwabyo bukaba busanzwe busobanutse kandi igiciro cyabyo kikaba ari gito kijyanye n'amafaranga ntarengwa ateganywa mu mabwiriza agenga amasoko.

Urwego rutanga isoko ntirushobora gucamo ibice isoko kugira ngo rubashe gukoresha ibivugwa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo.

Each bidder from whom a quotation is requested shall be informed whether any elements other than the charges for the goods or works themselves, or any other element related to transportation and insurance charges, customs duties and taxes, shall be included in the price.

The procurement contract shall be awarded to the bidder that gave the lowest-priced quotation meeting the delivery period of the procuring entity.

Article 54: Conditions for using quotation request

The procuring entity may engage in procurement by means of a request for quotations for the procurement of readily available goods or works that have standard specifications for which there is an established market and are of a very low cost in accordance with a threshold specified in the procurement regulations.

The procuring entity shall not split its tender into separate contracts for the purpose of applying the provisions of paragraph one of this Article.

Chaque soumissionnaire sollicité doit être informé, s'il y a lieu, sur d'autres éléments que le prix des biens, des travaux eux-mêmes, comme les frais de transport et d'assurance, des droits d'entrée et taxes, faisant partie du prix.

L'entité de passation de marché doit attribuer le marché au soumissionnaire le moins disant et dont le délai de livraison est conforme à celui exigé.

Article 54 : Conditions d'utilisation de la demande de cotation

L'entité de passation de marché peut utiliser la méthode de demande de cotation pour un marché d'acquisition des biens ou des travaux largement disponibles sur le marché, dont les spécifications sont standard et d'une valeur inférieure conformément au seuil défini dans les procédures de passation des marchés publics.

L'entité de passation de marché ne doit pas fractionner le marché en plusieurs marchés différents en vue d'appliquer les dispositions de l'alinéa premier du présent Article.

Ingingo ya 55 : Gutanga isoko nta piganwa ribayeho/ubwumvikane butaziguye

Urwego rutanga isoko rushobora kugura ibintu cyangwa imirimo y'ubwubatsi cyangwa serivisi rusabye ibiciro umuntu umwe ubifitiye ubushobozi.

Ingingo ya 56 : Impamvu zituma hakoreshwa itangwa ry'isoko nta piganwa ribayeho

Urwego rutanga isoko rushobora gukoresha uburyo bwo gutanga isoko nta piganwa ribaye mu gihe:

- 1° ibitangwa kuri ayo masoko bitarenze amafaranga yose hamwe ashyirwaho mu gihe cya ngombwa n'iteka rya Minisitiri ufite amasoko ya Leta mu nshingano ze;
- 2° akazi k'inyongera kadashobora, ku mpamvu za tekini, gutandukanywa n'isoko ry'ibanze. Agaciro k'inyongera ntikarenga makumyabiri ku ijana (20%) y'amafaranga akoreshwa mu isoko ry'ibanze kandi ayo masoko akorerwa amasezerano y'inyongera;

Article 55: Single-source procurement/Direct contracting

The procuring entity may procure the goods or works and services by soliciting a price quotation from a single qualified bidder.

Article 56: Conditions for use of single-source procurement

The procuring entity, may engage in a single-source procurement when:

- 1° the total cost does not exceed the total amount which is determined by an order of the Minister in charge of public procurement;
- 2° additional works that cannot be technically separated from initial tender. The value of additional works shall not exceed twenty per cent (20%) of the initial tender value. The additional works shall be subject to additional contract,

Article 55 : Entente directe/Gré à gré

L'entité de passation de marché peut acquérir des biens, des travaux et des services par la méthode de demande d'une cotation des prix à un soumissionnaire unique.

Article 56 : Conditions d'utilisation de la méthode d'Entente directe/Gré à gré

L'entité de passation de marché peut passer un marché sans appel d'offres dans les cas suivants :

- 1° les marchés dont la dépense totale n'excède pas le seuil fixé par Arrêté du Ministre ayant les marchés publics dans ses attributions ;
- 2° les prestations supplémentaires qui, techniquement, ne peuvent être séparées du marché principal. La valeur supplémentaire n'excède pas vingt pourcent (20%) des dépenses du marché principal et ces marchés font l'objet d'avenants ;

- 3° byihutirwa bitewe n'impamvu zidasanzwe kandi ntarengwa. Izo mpamvu zateye uko kwihutirwa zipfa kuba zidaturutse ku rwego rutanga isoko cyangwa ngo zituruke ku burangare bwarwo. Ibigemurwa, imirimo y'ubwubatsi cyangwa serivisi bikenewe byonyine kugira ngo ikibazo gikemuke ni byo byemerewe gutangwa muri ubwo buryo;
- 3° there is a case of force majeure. The circumstances giving rise to the urgency should not be neither foreseeable by the procuring entity nor the result of dilatory conduct on its part. The procurement shall only be in respect of those goods, works or services that are necessary to cater for the emergency;
- 3° en cas de force majeure. Les circonstances donnant lieu à l'urgence ne doivent pas être la conséquence du fait ou de la négligence de l'entité de passation de marché. Seuls les fournitures, les travaux ou services nécessaires à acquérir pour répondre à l'urgence peuvent faire l'objet du gré à gré ;
- 4° ku masoko areba ibintu bigurishwa n'umuntu umwe cyangwa sosiyete imwe gusa.
- 4° procurement related to items that are available only from a monopolist.
- 4° les marchés relatifs à des objets dont une seule personne ou une société détient le monopole de vente ;

Gutanga isoko nta piganwa ribaye ntibishobora gushingira gusa ko umuntu umwe ari we ufite ubushobozi cyangwa uburenganzira bwihariye bwo gukora cyangwa kugemura ibikenewe, gukora imirimo y'ubwubatsi cyangwa serivisi iyo hari ibigemurwa bishobora gukora kimwe, imirimo y'ubwubatsi cyangwa serivise bishobora kuboneka ku bandi bantu, bihuje n'ibyo nyir'igikorwa yifuza.

Single source procurement shall not be justified on the grounds that only one bidder has the capacity or the exclusive right to manufacture or deliver goods, works or services if functionally equivalent goods, works or services from other bidders would meet the needs of the procuring entity.

La méthode d'entente directe ne doit pas se justifier par le fait qu'un seul soumissionnaire a la capacité ou le droit exclusif de fabriquer ou de livrer des biens, des travaux ou des services s'ils sont, du point de vue fonctionnement, équivalents des biens, des travaux ou des services des autres soumissionnaires et pourraient satisfaire les besoins de l'entité de passation de marché.

Ingingo ya 57: Reji

Isoko rya Leta rishobora gukorwa n'abakozi bwite ba Leta bakoresheje ibikoresho bya Leta. Ubu buryo bushobora gukoreshwa iyo :

Article 57: Force Account

Public procurement may be carried out through force account by making recourse to the civil servants and using public equipment. This method shall be used where:

Article 57 : Régie

Le marché public peut être exécuté par le personnel propre de l'Etat en utilisant les équipements de l'Etat. Cette méthode intervient lorsque:

- | | | |
|--|--|--|
| 1° ingano y'imirimo igomba gukorwa idashobora kugenwa mbere y'igihe ; | 1° quantities of work involved cannot be defined in advance; | 1° la quantité des travaux concernés ne peut pas être définie à l'avance ; |
| 2° imirimo igomba gukorwa ari mike kandi itatanye cyangwa iri ahantu hagoye kugera ku buryo hashobora kutaboneka abubatsi babishoboye bayikora ku giciro gikwiye ; | 2° works are small and scattered or in remote locations for which qualified construction firms are unlikely to bid at reasonable price ; | 2° les travaux sont peu importants et dispersés ou localisés dans des zones d'accès difficile de sorte qu'il ait peu de chances que des entreprises de construction qualifiées présentent des offres à des prix raisonnables ; |
| 3° imirimo y'ubwubatsi igomba gukorwa ku buryo butabangamiye indi mirimo ihakorerwa ; | 3° work is required to be carried out without disrupting ongoing operations; | 3° les travaux doivent être réalisés sans perturber des opérations en cours ; |
| 4° hari ibyihutirwa cyane bigomba gukorwa vuba na bwangu | 4° there are emergencies needing prompt attention; | 4° une situation d'urgence exige d'intervenir le plus tôt possible ; |
| 5° bibaye ngombwa ko Urwego rutanga isoko rukomeza imirimo yadindijwe n'uwegukanye isoko nyuma yo kumwihaniza ntibigire icyo bitanga. | 5° the procuring entity is to complete works delayed by the contractor after the written warnings did not yield any tangible results. | 5° en cas de besoin d'achever l'exécution d'un marché dont l'attributaire est dans l'impossibilité d'exécution après une mise en demeure restée sans suite. |

Ingingo ya 58 : Gukoresha abaturage

Abaturage igikorwa kigenewe bashobora kugira uruhare mu gutanga serivisi mu masoko ya Leta mu buryo busobanurwa n'amabwiriza agenga amasoko ;

Ubu buryo bugomba gukoreshwa iyo bigaragara ko bifite icyo byongerwa mu bukungu, bitanga akazi kandi bigatuma abaturage bigenewe babigiramo uruhare.

Article 58: Community participation

The beneficiary community may participate in delivery of services within the context to be defined by the procurement regulations.

This method shall be used if it is established that, it will contribute to the economy, create employment and involvement of the beneficiary community.

Article 58: Participation communautaire

La population bénéficiaire peut participer à la livraison des services dans les marchés publics suivant les conditions définies dans les procédures de passation des marchés.

La méthode est utilisée s'il est établi qu'elle contribuera à l'économie, à la création d'emploi et à la participation active des populations bénéficiaires.

Ingingo ya 59: Igihe cyo gutegura inyandiko z'ipiganwa hakoreshejwe uburyo bwunganira

Igihe gihabwa abapiganwa mu ipiganwa rigenewe abapiganwa bake kingana n'igiteganyijwe mu ngingo ya 47 y'iri tegeko. icyo gihe gishobora kugabanuka ariko ntigomba kujya munsi y'iminsi makumyabiri n'umwe (21) iyo ari ipiganwa rigenewe abapiganwa bake ku rwego mpuzamahanga na 14 ku rwego rw'igihugu.

Igihe gihabwa abapiganwa basabwe gutanga ibiciro ni nibura iminsi itatu (3) y'akazi.

Igihe gihabwa abapiganwa gitangira kubarwa uherye umunsi upiganwa yakiriye ubutumire.

Icyiciro cya 3 : Itangwa ry'amasoko ya serivise zitangwa n'impuguke

Ingingo ya 60: Urutonde rw'abapiganwa no kugaragaza ubushake bwo gupiganwa

Urwego rutanga isoko rugomba guhamagarira abapiganwa kugaragaza ubushake rushyira itangazo mu

Article 59: Time limits for bid submission under other methods

For restricted tendering, the time limit for the preparation of tenders shall be as provided for by Article 47 of this Law. Such time limit may be reduced but shall not be less than twenty-one (21) calendar days for an international restricted tender and fourteen (14) calendar days for the national restricted tender.

The time limit given to the bidders for them to request for quotations shall be at least three (3) working days.

Such time shall be counted from the date of receipt of the invitation to tender by the bidder.

Section 3: Procurement of consultants' services

Article 60: Short listing and expressions of interest

A procuring entity shall call for expressions of interest by publishing a notice in a national and international newspaper of

Article 59 : Délai de remise des offres sous les autres méthodes de passation des marchés

Le temps de préparation des offres accordé aux soumissionnaires en cas d'appel d'offres restreint est égal à celui prévu à l'Article 47 de la présente loi. Ce délai peut être réduit mais ne peut aller en dessous de vingt et un (21) jours calendrier en cas d'appel d'offres international restreint et de quatorze (14) jours calendrier en cas d'appel d'offres national restreint.

Le temps de préparation des offres accordé aux soumissionnaires en cas de sollicitation des prix est au moins de trois (3) jours ouvrables.

Le temps court à partir de la date de réception par le soumissionnaire de la lettre d'invitation à soumettre l'offre.

Section 3 : Passation des marchés de services des consultants

Article 60: Liste restreinte et Manifestation d'intérêt

L'entité de passation de marché doit inviter les soumissionnaires à une manifestation d'intérêt en publiant un avis dans un journal national et

binyamakuru bisomwa cyane mu gihugu no mu rwego mpuzamahanga cyangwa ikinyamakuru cyabigize umwuga kugira ngo hakorwe urutonde rw'abapiganwa. Amabwiriza agenga imitangire y'amasoko akena urugero rw'amasoko ashobora gutangwa bitanyuze mu itangazwa bitewe n'igiciro cyayo cyangwa imiterere yihariye.

wide circulation or professional journal in order to establish a short list of bidders. The procurement regulations shall determine the threshold for tenders that shall not be awarded through the expression of interest.

international de large diffusion ou un journal professionnel en vue d'établir la liste restreinte des soumissionnaires. Les procédures de passation des marchés déterminent le seuil des marchés qui ne doivent pas faire l'objet d'appel d'offres avec manifestation d'intérêts.

Urwego rutanga isoko rugomba gushyira ku rutonde rw'abapiganwa, abantu bafite ubushobozi bwo kuzakora neza serivisi zikenewe. Urutonde rushobora kubaho umubare w'impuguke ukwiye ariko utari muni y'eshatu.

The procuring entity shall establish a shortlist comprising of bidders with capacity to perform the required services. The shortlist shall have as many consultants as possible but no less than three.

L'entité de passation de marché établit la liste restreinte des soumissionnaires ayant la capacité de remplir les services demandés. La liste restreinte doit avoir autant que possible plusieurs consultants mais pas moins de trois.

Itangazo rihamagarira kwimenyekanisha rigomba kuba rigaragaramo ibi bikurikira:

The notice inviting expressions of interest shall set out the following:

L'Avis de Manifestation d'Intérêt doit ressortir ce qui suit :

1° izina ry'urwego rutanga isoko n'aho rubarizwa;

1° the name and address of the procuring entity;

1° le nom et l'adresse de l'entité de passation de marché;

2° imiterere muri make ya serivisi zigomba gutangwa;

2° a brief description of the services to be provided;

2° une description sommaire des services à acquérir ;

3° ubushobozi busabwa kugira ngo isabwe kuzana inyandiko y'ipiganwa;

3° the qualification necessary to be invited to submit a proposal;

3° la qualification requise pour être invité à soumettre la proposition ;

4° ahantu n'igihe inyandiko igaragaza ubushake bwo gupiganwa zigomba gutangwa.

4° a statement of where and when the expression of interest shall be submitted.

4° l'indication du lieu et du jour de la remise des propositions ;

Impuguke, ishobora kuba umuntu ku giti cye cyangwa ikigo. Inyandiko ihamagarira ipiganwa ishobora gushyikirizwa impuguke zigenga cyangwa ibigo ariko ibyo byiciro byombi ntibishobora guhurizwa mu isoko rimwe.

Ingingo ya 61 : Igitabo cy'amabwiriza agenga ipiganwa

Urwego rutanga isoko ruha igitabo cy'amabwiriza agenga ipiganwa impuguke ziri ku rutonde rw'abapiganwa bake, rubasaba kwemeza niba bazitabira ipiganwa.

Inyandiko ihamagarira impuguke ipiganwa igomba kuba irimo, nibura, ibi bikurikira :

- 1° izina ry'urwego rutanga isoko n'aho rubarizwa ;
- 2° imiterere, igihe n'ahantu bya serivisi zigomba gutangwa, inyandiko nsobanuramiterere y'isoko, akazi kagomba gukorwa n'umusaruro ugomba kuvamo ;
- 3° ingingo rusange n'izihariye zizagenga amasezerano y'isoko ;

Consultants shall be individuals or firms. Requests for proposals shall be addressed to either individual consultants or firms, but not both under the same tender.

Article 61 : Request for proposals

The procuring entity shall issue the request for proposals to the short listed consultants, asking them to confirm their participation.

The request for proposals shall include, at a minimum, the following information:

- 1° the name and address of the procuring entity;
- 2° the nature, time frame and location of the services to be provided, terms of reference, required tasks and outputs ;
- 3° the general and specific conditions to which the contract will be subject;

Le consultant peut agir à titre individuel ou en Bureaux. L'avis d'appel d'offres doit être adressé soit aux consultants individuels soit aux Bureaux, mais non aux deux à la fois pour un seul marché.

Article 61 : Demande de propositions

L'entité de passation de marché met à la disposition des consultants figurant sur la liste restreinte la demande de propositions, leur demandant de confirmer leur participation.

La demande de propositions doit comprendre, au moins, les informations suivantes :

- 1° le nom et l'adresse de l'entité de passation de marché ;
- 2° la nature, le contexte et l'endroit où doivent se faire les services, les termes de référence, les tâches et les résultats attendus ;
- 3° les conditions générales et spécifiques du contrat ;

- | | | |
|--|--|--|
| 4° amabwiriza yo gutegura no gutanga inyandiko z'ipiganwa agomba gusaba ko inyandiko y'ipiganwa igomba kuba irimo n'inyandiko y'ibya tekini ukwayo n'iy'ibijyanye n'amafaranga ukwayo ; | 4° instructions for the preparation and submission of proposals which shall require that a proposal include a technical proposal and a financial proposal; | 4° les instructions pour la préparation et la remise des propositions qui comprennent une proposition technique et une proposition financière; |
| 5° ahantu n'igihe inyandiko igaragaza ubushake bwo gupiganwa zigomba gutangwa; | 5° an explanation of where and when proposals shall be submitted; | 5° une explication sur la date et l'endroit où les propositions doivent être remises ; |
| 6° amabwiriza n'ingingo zizashingirwaho mu gusesengura no kugereranya inyandiko z'ipiganwa harimo : | 6° the procedures and criteria to be used to evaluate and compare the proposals including: | 6° les procédures et critères qui seront utilisés pour évaluer et comparer les propositions y comprises : |
| a) amabwiriza n'ibisabwa ku isesengura ry'inyandiko z'ipiganwa ry'ibya tekini agomba gusobanura ibijyanye n'inyandiko y'ipiganwa yujuje ibisabwa ; | a) the procedures and criteria for evaluating technical proposals which shall provide the basis on which to decide on the responsive proposal; | a) les procédures pour l'évaluation des propositions techniques et qui doivent inclure la détermination de la proposition qualifiée ; |
| b) amabwiriza n'ibisabwa ku isesengura ry'inyandiko z'ipiganwa ry'ibijyanye n'amafaranga ; | b) the procedures and criteria for evaluating the financial proposals; | b) les procédures et critère d'évaluation des propositions financières ; |
| c) n'ubundi buryo ubwo aribwo bwose bwakoreshwa mu isesengura, bushobora gusobanura no gusubiza ibibazo imbonankubone. Amabwiriza n'ibisabwa kuri ubwo buryo bw'inyongera, bugomba gushyirwa mu gitabo gikubiyemo amabwiriza agenga ipiganwa ; | c) any other additional evaluation method which may include interviews or presentations. The procedures and criteria for that additional method shall be included in the bidding document; | c) toute autre méthode additionnelle d'évaluation, qui peut inclure les interviews ou les présentations, les procédures et critères pour cette méthode additionnelle doivent figurer dans la demande de propositions ; |

- | | | |
|--|---|---|
| d) inyandiko ikumira igongana ry'inyungu n'amategeko arwanya uburiganya na ruswa, birimo no guhagarikwa gupiganira amasoko ya Leta ; | d) notice of conflict of interest restrictions and anti-fraud and corruption rules, including the grounds for potential disqualifications from future participation in public procurement ; | d) la note sur la restriction du conflit d'intérêts et la réglementation sur la lutte contre la fraude et la corruption y compris les cas de disqualification pour les futures participations aux marchés publics ; |
| e) n'izindi ngingo ziteganywa n'amabwiriza agenga itangwa ry'amasoko. | e) any other matters provided for in the procurement regulations. | e) toute autre question spécifiée dans les procédures de passation des marchés publics. |

Ingingo ya 62 : Inyandiko nsobanuramiterere y'isoko

Uretse ibikubiye mu ngingo ibanziriza iyi, inyandiko ihamagarira ipiganwa igomba kuba irimo inyandiko nsobanuramiterere y'isoko ikubiyemo ibi bikurikira:

- 1° ibigamijwe, intego n'ibirebwa n'akazi kagomba gukorwa n'andi makuru yose yafasha impuguke mu gutegura neza inyandiko y'ipiganwa;
- 2° kugaragaza neza niba gutanga ubumenyi cyangwa guhugura bisabwa kandi hakagaragazwa ku buryo busobanutse umubare w'abakozi bazahugurwa;
- 3° serivisi n'amagenzura ya ngombwa agomba gukorwa n'umusaruro utegerejwe kuvamo nka za raporo, amakuru, amakarita, amagenzura;

Article 62: Terms of Reference

In addition, the request for proposals shall include the terms of reference indicating the following information:

- 1° the objectives, goals, and scope of the assignment and providing background information which may help the consultants to prepare their proposals;
- 2° outline of any transfer of knowledge or training that is required, including details of number of staff to be trained;
- 3° the services and surveys necessary to carry out the assignment and the expected outputs such as reports, data, maps, surveys;

Article 62 : Termes de référence

En plus des informations dont il est question à l'Article précédent, la demande de propositions doit inclure les termes de référence comprenant ce qui suit :

- 1° les objectifs, buts, et l'étendue de la mission et l'information sur l'historique pour faciliter les consultants à préparer leurs propositions;
- 2° un plan de transfert des connaissances ou de formation comprenant les détails sur le nombre du personnel à former;
- 3° les services et études nécessaires pour accomplir la mission et les résultats attendus comme par exemple les rapports, les données, les cartes, les prospections ;

- | | | |
|---|--|---|
| 4° aho serivise zizatangirwa n'igihe zigomba gutangwamo; itariki iteganijwe uwatsindiye isoko agomba gutangiriraho akazi; | 4° where and when the services are to be provided and the date of commencement; | 4° le lieu de prestation des services et le temps nécessaire de rendre les services, la date prévue pour que le consultant sélectionné commence la prestation ; |
| 5° ibisobanuro birambuye kuri serivisi, ibizafasha mu kazi, ibikoresho n'abakozi bagomba gutangwa n'urwego rutanga amasoko; | 5° full details of the services, facilities, equipment, and staff to be provided by the procuring entity; | 5° les détails sur les services, les facilités, le matériel et le personnel qui devront être fournis par l'entité de passation de marché; |
| 6° Urwego rw'ubumenyi bw'abakozi b'ingenzi (imibyizi y'abakozi mu kwezi) impuguke zisabwa. | 6° an estimate of the capacity of key staff inputs (in terms of staff-months) as is required from the consultants ; | 6° une estimation de niveau du personnel clé (en homme-mois) requis du consultant; |

Ingingo ya 63: Uburyo bw'itangwa ry'amasoko ya serivisi n'ibigenderwaho mu isesengura

Article 63: Selection method and criteria

Article 63 : Méthode et critères de sélection

Urwego rutanga amasoko, kugira ngo rushobore guhitamo uhabwa isoko rugomba gukoresha bumwe mu buryo bukurikira kandi bwamenyeshejwe abapiganwa mu nyandiko ibahamagarira gupiganwa:

The procuring entity shall, in order to select successful proposal, use one of the following procedures which must have been notified to bidders in a request for proposals, by doing the following:

Pour proposer l'attributaire du marché, l'entité de passation de marché devra utiliser l'une des méthodes de sélection suivantes et qui a été portée à la connaissance des soumissionnaires dans la demande de propositions :

- | | | |
|--|--|---|
| 1° ihitamo rishingiye ku miterere myiza y'inyandiko y'ipiganwa y'ibyopiganwa ateganya gukora mu rwego rwa tekini n'igiciro bikomatanijwe hamwe ni bwo buryo bushobora gukoreshwa hose; | 1° quality and cost-based selection (QCBS) shall be the method of default; | 1° la sélection basée sur la qualité-coût devra être la méthode préférée; |
|--|--|---|

| | | | | | |
|--|---|---|--|----|---|
| 2° | ihitamo rishingiye ku miterere myiza y'inyandiko y'ipiganwa y'iby upiganwa ateganya gukora mu rwego rwa tekini; rikoreshwa iyo ubwiza bw'inyandiko ari bwo shingiro; | 2° | quality based selection (QBS); applicable where quality is the paramount factor; | 2° | la sélection basée sur la qualité, applicable lorsque la qualité est le facteur déterminant ; |
| 3° | ihitamo rishingiye ku mubare w'amafaranga ugenwe; rishobora gukoreshwa iyo akazi ka serivisi kagomba gukorwa koroshye kandi gashobora gusobanuka no kubarirwa neza n'ingengo y'imari yaragenwe; | 3° | selection under a fixed budget may be applied when the assignment is simple and can be precisely defined and when the budget is fixed; | 3° | la sélection basée sur le budget prédéterminé, applicable lorsque la tâche est simple et peut être précisément définie et lorsque le budget est prédéterminé; |
| 4° | ihitamo rishingiye ku watanze igiciro gito; rishobora gukoreshwa igihe hakenewe impuguke ikora akazi gafite amahame ngenderwaho kandi n'umubare w'amafaranga agomba gutangwa kuri iryo soko ari makeya; | 4° | least cost selection may be applied when selecting consultants for assignments of a standard and routine nature, where well established practices and standards exist and in which the contract amount is small; | 4° | la sélection basée sur le moindre coût, applicable lorsque la sélection des consultants se fait pour des tâches ordinaires, là où les pratiques et les principes sont préétablis et que le montant du marché est minime ; |
| 5° | ihitamo rishingiye ku bumenyi bwihariye impuguke ifite. | 5° | selection based on consultant's specific qualifications. | 5° | sélection basée sur les qualifications du consultant ; |
| Ibisobanuro birambuye ku ikorehwa ry'ubwo buryo biboneka mu mabwiriza n'amategeko bigenga amasoko. | Detailed procedures for the use of these methods shall be outlined in the procurement regulations. | Les détails pour l'utilisation de ces méthodes sont déterminés dans les procédures de passation de marchés. | | | |

Ingingo ya 64 : Gusesengura inyandiko z'ipiganwa za tekini

Akanama gashinzwe gutanga amasoko kagomba gusesengura buri nyandiko y'ipiganwa gashingiye ku ngingo zashyizwe mu nyandiko ihamagarira abantu kuzana inyandiko zabo z'ipiganwa zikubiyemo ibi bikurikira:

- 1° imirimo impuguke yakoze isa n'igomba gukorwa;
- 2° imiterere myiza y'uburyo bwagaragajwe imirimo izakorwamo;
- 3° ubumenyi n'ubushobozi bw'abakozi bateganijwe gukora ako kazi;
- 4° gusigira ubumenyi abakozi ba nyir'igikorwa iyo byasabwe mu nyandiko nsobanuramiterere y'isoko;
- 5° uruhare rw'abenegihugu mu bakozi b'ingenzi iyo ari ipiganwa mpuzamahanga.

Ubumere bwa buri ngingo muzimaze kuvugwa haruguru buteganywa mu mabwiriza n'amategeko agenga amasoko.

Article 64: Evaluation of technical proposals

The Tender Committee shall evaluate each technical proposal on the basis of criteria disclosed in the request for proposals including the following:

- 1° the consultant's relevant experience for the assignment;
- 2° the quality of the methodology presented;
- 3° qualifications of key personnel proposed for the assignment;
- 4° transfer of knowledge, if required in the terms of reference;
- 5° the extent of participation by nationals among key staff in case of international tendering.

Indicative weights to be attached to the above criteria shall be provided in the procurement regulations.

Article 64 : Evaluation des propositions techniques

Le Comité de passation de marchés devra évaluer chaque proposition technique sur base des critères définis dans la demande de propositions et incluant ce qui suit :

- 1° l'expérience pertinente du consultant en rapport avec la mission à accomplir ;
- 2° la qualité de la méthodologie présentée ;
- 3° la qualification du personnel clé proposé pour la mission ;
- 4° le transfert de connaissance au cas où il est requis dans les termes de références ;
- 5° le taux de participation des nationaux parmi les personnels clés dans le cas d'un marché à concurrence internationale.

L'importance de chaque disposition parmi celles qui sont ci-haut mentionnées est précisée dans les procédures de passation des marchés.

Ingingo ya 65 : Gusesengura inyandiko z'ipiganwa z'ibiciro

Inyandiko y'ipiganwa y'ibiciro igomba gufungurwa no gusesengurwa gusa ari uko ibijyanye n'isesengura rya tekini byarangiyeye.

Iyo hakoreshejwe ihitamo rishingiye ku miterere myiza y'inyandiko y'ipiganwa y'iby'ipiganwa ateganya gukora mu rwego rwa tekini n'igiciro bikomatanyijwe hamwe, inyandiko z'ipiganwa z'ibiciro z'abagize amanota ya tekini atari muni y'igipimo cy'amanota fatizo nizo zonyine zifungurwa.

Amanota yose aboneka hatarijwe aya tekini n'ay'igiciro. Uburemere bwa tekini cyangwa bw'igiciro bugenwa hakurikijwe uburemere n'imiterere y'akazi kagomba gukorwa. Umubare-nkubishwa w'amanota ya tekini n'ay'igiciro kugira ngo hagaragazwe inyandiko y'ipiganwa yatsinze bugomba kugaragara mu nyandiko ihamagarira abantu kuzana inyandiko z'ipiganwa zabo kandi hakurikijwe ibiteganywa n'amabwiriza agenga amasoko.

Article 65: Evaluation of financial proposals

The financial proposals shall be opened and evaluated only after completion of the technical proposal.

When the quality and cost-based selection procedure is used, only financial proposals of bidders who attained the minimum technical score shall be opened.

The total score shall be obtained by adding the importance of quality and cost scores. The quality and cost shall be established based on the complexity and the nature of the assignment. The coefficient for quality and cost score to be used in determining the winning proposal shall be specified in the request for proposals and in accordance with the procurement regulations.

Article 65 : Evaluation des propositions financières

Les propositions financières ne sont ouvertes et évaluées qu'à l'issue de l'évaluation des propositions techniques.

Si la sélection est basée sur la méthode qualité-coût, seules les propositions financières des soumissionnaires qui ont atteint le score technique minimum de qualification sont ouvertes.

Le total de points sera obtenu en additionnant le score technique et le score financier. L'importance technique et du coût est établie sur base de la complexité et de la nature de la tâche à accomplir. Le coefficient des points d'ordre technique et financier pour déterminer la proposition la mieux disante doit être spécifié dans la demande de propositions en conformité avec les procédures de passation des marchés.

Ni nako kandi bigenda ku ihitamo rishingiye ku ngengo y'imari yagenwe mbere cyangwa ihitamo rishingiye ku giciro gitoya, inyandiko z'ipiganwa z'ibiciro z'ababonye amanota ya tekini atari muni y'igipimo cy'amanota fatizo ni zo zonyine zifungurwa.

Iyo hakoreshejwe uburyo bw'ingengo y'imari yagenwe mbere, inyandiko y'ipiganwa ifite igiciro kiri hejuru y'ingengo y'imari ivanwa mu ipiganwa maze upiganwa ufite inyandiko y'ipiganwa yagize amanota menshi ya tekini akaba ari we uhabwa isoko.

Iyo hakoreshejwe uburyo bushingiye ku giciro gito, upiganwa wagize amanota ya tekini ari mu gipimo cy'amanota fatizo kandi yatanze igiciro gito ni we wegurirwa isoko.

Iyo hakoreshejwe uburyo bushingiye ku miterere myiza y'inyandiko y'ipiganwa y'ibyo upiganwa ateganya gukora mu rwego rwa tekini, inyandiko y'ipiganwa y'igiciro y'upiganwa wabonye amanota ya mbere muri tekini ni yo yonyine ifungurwa.

Similarly, the same shall apply to the fixed budget and least cost selection. Only financial proposals whose technical proposals obtained the minimum technical score prescribed shall be opened.

Under the fixed budget method, proposals whose cost is above the budget ceiling shall be rejected and the bidder whose proposal attained the highest technical score shall be selected.

Under the least cost method, the bidder whose proposal attained the minimum technical score and proposed the lowest cost shall be selected.

Under quality based selection, only the financial proposal of the bidder whose technical proposal attained the highest score shall be opened.

De même, lorsqu'il s'agit des sélections basées sur le budget déterminé et le moindre coût, seules les propositions financières de tous les soumissionnaires qui ont obtenu le score technique minimum requis doivent être ouvertes.

Pour la méthode de sélection basée sur le budget déterminé, la proposition dont le coût dépasse le plafond du budget devra être rejetée et le soumissionnaire dont la proposition technique est la mieux classée est retenu.

Pour la méthode de sélection basée sur le moindre coût, le soumissionnaire dont la proposition a atteint le score technique minimum et qui a proposé le coût le moins élevé est retenu.

Pour la méthode de sélection basée sur la qualité, seule la proposition financière du soumissionnaire dont la proposition technique a atteint le score le plus élevé, est ouverte.

Ingingo ya 66 : Imishyikirano yerekeye amasezerano n'impuguke yegukanye isoko

Imishyikirano n'impuguke yegukanye isoko igomba gushingira ku nyandiko nsobanuramiterere y'isoko, gutanga za raporo z'aho imirimo igiye igera, ibigenwa n'Urwego rutanga isoko mu gutuma impuguke irangiza akazi kayo, n'inyandiko y'ibicio yubahiriza ibi bikurikira:

1° aho igiciro cyashingiweho, nko kuri tekinike n'igiciro bikomatanirijwe hamwe, ku ngengo y'imari yagenwe mbere cyangwa ku giciro gito. Nta mishyikirano n'impuguke ku bihembo bye ibaho. Ibitangwa ku mafaranga asubizwa ni byo byonyine bishobora kugirirwaho imishyikirano;

2° iyo imishyikirano idashoboye kugira icyo igeraho ngo hasinywe amasezerano, urwego rutanga isoko rugirana kandi rugakomeza imishyikirano n'uwabonye amanota akurikiyeho.

Nta mishyikirano ishobora gukorerwa icyarimwe n'impuguke nyinshi zitandukanye kandi ku isoko rimwe.

Article 66: Negotiations with selected consultant

Negotiations with the selected consultant shall cover the terms of reference, deliverable, progress reports, facilities to be provided by the procuring entity and the successful bidder's financial proposal subject to the following:

1° whenever price has been a factor, such as in the QCBS, fixed budget or least cost selection procedures, consultant fees shall not be subject to negotiation. Only reimbursable expenses may be negotiated;

2° if the negotiations fail to result in a procurement contract, the procuring entity shall proceed to the next ranked bidder and so on.

Negotiations shall not be simultaneously engaged with several consultants.

Article 66 : Négociations avec le consultant retenu

Les négociations avec le consultant retenu doivent couvrir les termes de référence, les rapports sur l'état d'avancement des services, les facilités accordées par l'entité de passation de marché et la proposition financière du soumissionnaire au regard de ce qui suit :

1° chaque fois que le prix est déterminant à l'instar de la méthode de sélection basée sur la qualité – coût, le budget déterminé ou de sélection basée sur le moindre coût, les honoraires du consultant ne sont pas négociables. Seules les dépenses remboursables doivent être négociées.

2° en cas d'échec des négociations et que le contrat n'a pas lieu, l'entité de passation des marchés peut engager et continuer les négociations avec le second.

Les négociations ne doivent pas être menées avec plusieurs consultants à la fois.

Ingingo ya 67 : Imenyeshya ry'uwahawe isoko

Upiganwa wagize amanota menshi, hakurikijwe ibyavuye mu isesengura ry'ibyasabwaga mu nyandiko itumirira kuzana inyandiko z'ipiganwa, agomba guhabwa isoko, ibyo bigashoboka ari uko imishyikirano yageze ku myanzuro ishimishije.

Urwego rutanga isoko rugomba kumwandikira rumumenyeshya ko yatoranijwe ngo ahabwe isoko kandi rugahita runamenyeshya icyo cyemezo abandi bose bari ku rutonde rw'abari basabwe kuzana inyandiko zabo z'ipiganwa.

Iyo, mu minsi (7) uhereye igihe iryo menyekanisha ryabereye, ntawe ugize icyo avuga mu bitabiriye ipiganwa, amasezerano n'uwegukanye isoko agomba guhita ashyirwaho umukono n'impande zombi.

Article 67: Notification of tender award

The bidder whose proposal attains the highest score, in accordance with the evaluation criteria in the request for proposals shall be selected for award, subject to satisfactory conclusion of negotiations.

The procuring entity shall notify the successful bidder of its selection and at the same time inform all the short listed consultants of the decision.

In the absence of a challenge by any other bidder within seven (7) days of that notice, the contract shall be signed by both parties.

Article 67: Attribution du marché de consultance

Le soumissionnaire dont la proposition a atteint le score le plus élevé, conformément aux critères d'évaluation définis dans la demande de propositions doit être retenu à condition que les négociations aboutissent à des conclusions satisfaisantes.

L'entité de passation de marché doit notifier l'attribution du marché au soumissionnaire retenu et informer sans délai tous les autres consultants figurant sur la liste restreinte, de cette décision.

Si aucune réclamation de la part d'un quelconque soumissionnaire n'est faite endéans sept (7) jours dès la notification, le contrat avec l'attributaire du marché doit être immédiatement signé par les deux parties.

UMUTWE WA IV: INZIRA N'INZEGO Z'UBUJURIRE

CHAPTER IV: WAYS AND ORGANS FOR REVIEW

CHAPITRE IV : VOIES ET ORGANES DE RECOURS

Ingingo ya 68 : Uburenganzira bwo kujurira

Article 68: Right to review

Article 68 : Droit au recours

Ushobora gupiganwa cyangwa uwapiganwe ashobora kujuririra ibiriho bikorwa mu mitangire y'isoko binyuranyije n'iri tegeko cyangwa n'andi mabwiriza agenga itangwa ry'amasoko, akabikora ku rwego urwo ari rwo rwose isoko rigezeho ritangwa hakurikijwe ibiteganywa muri uyu mutwe.

A prospective bidder or actual bidder may, at any stage of the procurement proceedings and in accordance with this chapter, apply for a review of any conduct in the procurement proceedings with respect to this Law or any other procurement regulations.

Le soumissionnaire potentiel ou tout soumissionnaire peut, à n'importe quelle étape du processus de passation des marchés et conformément aux dispositions du présent chapitre, exercer un recours contre tout acte présumé contraire à la présente loi ou à toute autre réglementation relative à la passation des marchés publics

Kugira ngo ubujurire bwakirwe bugomba kuba bugaragaza neza ibikorwa byihariye byo kwirengagiza cyangwa kongeraho binyuranyije n'iri tegeko cyangwa n'andi mabwiriza agenga amasoko.

An application for review shall not be acceptable unless it identifies a specific act of omission or commission contravening this Law or any other procurement regulations.

Pour être recevable, tout recours doit préciser un fait ou un manquement à l'encontre de la présente loi et à la réglementation relative à la passation des marchés.

Ingingo ya 69 : Kujuririra Urwego rutanga isoko

Article 69: Review by the procuring entity

Article 69 : Recours gracieux

Mbere y'uko amasezerano ashyirwa mu bikorwa, ubujurire bugomba gukorwa mu nyandiko bugashyikirizwa umuyobozi w'urwego rutanga isoko.

A request for review shall be made in writing to the head of the procuring entity before the procurement contract is signed.

Avant la signature du contrat, le recours doit être formulé par écrit et adressé à l'autorité de l'entité de passation du marché.

Kugira ngo ubujurire bwakirwe, ujurira agomba kubikora mu minsi irindwi (7) ibarwa guhera ku munsu yamenyeyeho ibituma ajurira.

A request for review shall not be acceptable unless it was submitted within seven (7) days after the bidder became aware of the circumstances giving rise to the request.

Le recours ne peut être recevable que si le requérant l'a introduit endéans sept (7) jours après notification de la décision donnant lieu à sa réclamation.

Uretse iyo ikibazo cyashoboye gukemuka mu buryo bunyuzwe uwajuriye, umuyobozi w'urwego rutanga isoko agomba guhagarika itangwa ry'iryo soko kandi akagomba mu gihe kitarenze iminsi irindwi (7) abonye ubujurire, gutanga umwanzuro wanditse usobanura ingingo yashyigiyeho awufata, niba ubujurire bufite ishingiro, anagaragaza ingamba zafashwe zo kubikosora.

Unless the matter is resolved to the satisfaction of the bidder who requested for review, the head of the procuring entity shall suspend the procurement proceedings and shall within seven (7) days after receipt of the request for review, issue a written decision explaining the reasons, and where it is grounded, indicating the corrective measures to be taken if the request is valid.

Sauf si l'affaire est résolue à la satisfaction du requérant, le responsable de l'entité de passation de marché doit suspendre le processus d'attribution du marché et, endéans sept (7) jours dès réception de la demande de recours, et doit donner une décision écrite expliquant les motifs, et si la réclamation est confirmée, indiquer les mesures correctionnelles à prendre.

Iyo mu minsi irindwi (7) uherye ku munsu wakiriweho ubujurire, umuyobozi w'urwego rutanga isoko adashoboye gutanga umwanzuro cyangwa uwajuriye atanyuzwe n'icyemezo cyafashwe, uwapiganiwe isoko ajuririra akanama kigenga k'ubujurire gatanyuzwa mu ngingo ya 70 y'iri tegeko.

If the head of the procuring entity fails to issue a decision within seven (7) days from receipt of the complaint or if the bidder is not satisfied with the decision, the bidder shall lodge a complaint to the Independent Review Panel provided for by Article 70 of this Law.

Lorsque l'entité de passation de marché ne parvient pas à émettre sa décision endéans sept (7) jours à dater de la réception du recours ou si le soumissionnaire n'est pas satisfait de la décision prise, ce dernier a le droit de référer sa requête au Comité Indépendant de Recours prévu à l'Article 70 de la présente loi.

Ingingo ya 70: Utunama twigenga tw'ubujurire

Article 70: Independent Review Panels

Article 70 : Comités Indépendants de Recours

Ubujujirire ku cyemezo cyafashwe n'Akarere ako ariko kose bushyikirizwa akanama k'ubujurire kigenga kuri buri Karere hakurikijwe ibiteganywa mu gika

A request for review against any procurement related decision taken at the level of the District shall be made to the Independent Review Panel at the relevant

Le recours contre toute décision prise par le District est adressé au Comité Indépendant de Recours au niveau de chaque District, conformément aux dispositions de l'alinéa 4 de

cya 4 cy'ingingo ya 69 y'iri tegeko cyangwa, iyo amasezerano yashyizweho umukono hatubahirijwe imenyeshariteganywa mu gika cya 2 cy'ingingo ya 43 y'iri tegeko, ubujurire butangwa mu minsi irindwi (7) ikurikira umunsi ujurira yamenyeyeho cyangwa yakagombye kumenya ibyo ashingiraho ajurira.

District level in accordance with the provisions of paragraph 4 of Article 69 of this Law or, when the procurement contract has already been signed without fulfilling the debriefing requirements in the paragraph 2 Article 43 of this Law, the request shall made within seven (7) days following the time the complainant became aware of the circumstances giving rise to the complaint or should have become aware of those circumstances.

l'Article 69 de la présente Loi ou lorsque le contrat a été déjà signé sans tenir compte de la notification prévue à l'alinéa 2 de l'Article 43 de la présente loi, le recours est introduit dans un délai de sept (7) jours suivant le moment où le demandeur a pris connaissance des circonstances donnant lieu à la réclamation ou aurait dû prendre connaissance de ces circonstances.

Ibyemezo by'utunama tw'ubujurire ku rwego rw'uturere bisuzumwa n'Akanama k'ubujurire kigenga ku rwego rw'Igihugu.

Decisions of all district independent panels shall be examined by the Independent Review Panel at the National level.

Les décisions des Comités Indépendants de Recours au niveau des Districts, sont examinées par le Comité Indépendant de Recours au niveau national.

Ubujurire bukimara gukorwa, imirimo yo gutanga isoko iba ihagaritswe kugeza igihe akanama k'ubujurire kigenga gatangiye icyemezo cyako.

Once the complaint is lodged, the procurement procedures shall be suspended until a decision on the complaint is issued by the Panel.

A partir de l'introduction du recours, le processus de passation de marché est suspendu jusqu'à ce que la décision sur la demande soit prise par le Comité Indépendant de Recours.

Akanama k'ubujurire kigenga kagomba gutanga icyemezo cyako mu minsi mirongo itatu (30) ikurikira umunsi kashyikirijweho ikirego. Igihe kadashoboye kugera ku mwanzuro mu gihe cy'iminsi mirongo itatu (30) kagomba kumenyesharwego rutanga isoko n'awareze ko hakenewe igihe cy'inyongera. Igihe cy'inyongera ntigishobora kurenga iminsi mirongo itatu

The Panel shall make a decision within thirty (30) days following the receipt of the complaint. If the panel is unable to reach a decision within a thirty-day (30) period, it shall inform both the procuring entity and the complainant of the need for the extra time. The additional time shall not go beyond thirty (30) days. Failure to reach a decision with thirty (30) days or inform

Le Comité Indépendant de Recours doit émettre sa décision endéans trente (30) jours suivant le dépôt de recours. A défaut de cette décision dans un délai de trente (30) jours, il doit informer en même temps l'entité de passation de marché et le requérant de la nécessité du délai supplémentaire. Ce délai ne peut pas dépasser trente (30) jours. A défaut de prendre cette décision endéans trente (30) jours ou d'informer l'entité de passation de

(30). Iyo kadashoboye gufata icyemezo mu minsi mirongo itatu (30) cyangwa katamenyesheje urwego rutanga amasoko n'awareze ko hakenewe igihe cy'inyongera, ibikubiye mu kirego cy'awareze gifatwa nk'aho ari ukuri.

Icyemezo cy'akanama cyohererezwa Urwego rutanga isoko, ikopi yacyo igahabwa urwego bireba cyangwa nyirugusaba ko gisuzumwa.

Amabwiriza agenga amasoko agomba kugena uko akanama kazajya gakora.

Ingingo ya 71: Icyemezo cy'ibigomba gukorwa

Uretse gasanze ikirego nta shingiro gifite, akanama k'ubujurire kigenga gashobora kwanzura ko kimwe cyangwa byinshi mu byemezo bikurikira bifatwa:

1° kwamagana urwego rutanga isoko kubera icyo rwakoze cyangwa icyemezo rwafashe kinyuranyije n'ibiteganywa n'iri tegeko cyangwa andi mategeko akoreshwa;

both the procuring entity and the complainant of the need for the extra time, the claimant's claim shall be deemed sound and trustworthy.

The panel's decision shall be addressed to the procuring entity with copy to the relevant organ or to the individual that requested for the review.

Procurement regulations shall establish the procedure rules required for the functioning of the panel.

Article 71: Remedies

The Independent Review Panel may recommend one or more of the following remedies, unless it dismisses the complaint:

1° denouncing actions or decisions of the procuring entity which are contrary to the provisions of this Law or other applicable rules ;

marché et le requérant de la nécessité du délai supplémentaire, le recours du requérant est réputé véridique.

La décision du Comité Indépendant de Recours est transmise à l'entité de passation de marché avec copie à l'organe concerné et au requérant.

Les procédures de passation des marchés déterminent le fonctionnement du Comité Indépendant de Recours.

Article 71 : Réparation

Sauf en cas de rejet du recours, le Comité Indépendant de Recours peut recommander une ou plusieurs mesures suivantes :

1° fustiger les actions ou les décisions de l'entité de passation de marché qui sont contraires aux dispositions de la présente loi ou des autres lois en vigueur ;

- | | | |
|--|--|---|
| 2° gusaba urwego rutanga isoko rwakoze cyangwa rwageze ku mwanzuro unyuranyije n'ibiteganywa n'amategeko gufata icyemezo kiyashingiyeho; | 2° requiring the procuring entity that has acted or proceeded in a manner that is contrary to the provisions of these procedures to decide consistently with them; | 2° exiger l'entité de passation de marché qui a agi ou procédé de la manière contraire à la loi de décider en s'y conformant ; |
| 3° gusesa umwanzuro wose w'urwego rutanga isoko cyangwa igice cyawo cyinyuranyije n'ibiteganywa n'amategeko cyangwa icyemezo cyatumye habaho amasezerano y'isoko. | 3° annulling in whole or in part an act or decision of the procuring entity contrary to the Law or decision which resulted into the procurement contract; | 3° annuler en tout ou en partie la décision de l'entité de passation de marché contraire à la loi ou la décision ayant servi de base à l'existence du contrat ; |
| 4° iyo icyemezo cy'urwego rutanga isoko icyo ari cyo cyose kitari icyo gusinya amasezerano, kigaragaye ko kinyuranyije n'amategeko, gusubiramo icyemezo cyangwa kwifatira umwanzuro wako usimbura icyo cyemezo; | 4° if a decision of the procuring entity, other than any decision bringing the procurement contract into force, is found to be contrary to these procedures, revising the decision or substituting its own recommendation for such a decision, | 4° si la décision de l'entité de passation de marché, autre que la décision ayant permis la signature du contrat, est jugée contraire aux présentes procédures, modifier la décision ou la substituer par sa propre recommandation ; |
| 5° gutegeka ko isesengura ry'inwandiko z'ipiganwa risubirwamo hagasobanurwa impamvu zashingiweho hategekwa iryo subirwamo; | 5° ordering re-evaluation of the bids citing the grounds for such an order. | 5° exiger la réévaluation des offres sur base des arguments motivant cet ordre ; |
| 6° gutegeka kwishyura amafaranga acishirije yakoreshejwe mu gutegura no kujya mu ipiganwa iyo amasezerano yamaze gushyirwaho umukono kandi Akanama k'ubujurire kigenga kabona ko uwajuriye ari we wagombaga guhabwa isoko. | 6° recommending the payment of reasonable costs incurred in participating in the bidding process when a legally binding contract has been awarded which in the opinion of the panel should have been awarded to the complainant. | 6° recommander le paiement du montant raisonnable dû à la participation au processus de soumission lorsqu'un contrat a été attribué lequel contrat dans l'entendement du Comité Indépendant de Recours devrait avoir été attribué à la partie requérante; |
| 7° gutegeka ko itangwa ry'isoko riseswa. | 7° ordering that the procurement proceedings be terminated. | 7° exiger que le processus de passation des marchés soit annulé. |

Ubujurire ku Cyemezo cyafashwe n'Umujyi wa Kigali buhita bushyikirizwa Akanama k'Ubujurire Kigenga ku rwego rw'Igihugu.

A request for review against any procurement related decision taken at the level of the City of Kigali shall be made to the Independent Review Panel at the national level.

Le recours contre toute décision prise par la Ville de Kigali est adressé au Comité Indépendant de Recours au niveau national.

Icyemezo cy'akanama k'ubujurire kigenga ku rwego rw'Igihugu ni ndakuka keretse iyo hari ibyatangiye gukurikiranwa n'inkiko.

The decision of the Independent Review Panel at the national level shall be final unless judicial proceedings are on set.

La décision du Comité Indépendant de Recours au niveau national est définitive à moins que les procédures judiciaires aient commencé.

Ingingo ya 72 : Amwe mu mabwiriza akoreshwa mu bujurire

Article 72: Certain rules applicable to review proceedings

Article 72 : Certaines règles applicables aux procédures de recours

Kopi y'icyemezo cy'Akanama k'ubujurire kigenga igomba guhita ishyirwa ahagaragara kugira ngo abaturage bayibone ariko kandi nta makuru agomba gushyirwa ahagaragara iyo ishyirwa ahagaragara ryayo ryaba rinyuranyije n'itegeko, ryabangamira ishyirwa mu bikorwa ry'itegeko, ritaba riri mu nyungu z'igihugu, ryabangamira inyungu zemewe z'ubucuruzi z'impande bireba cyangwa ryatuma hataba ipiganwa nyaryo.

A copy of the decision of the Independent Review Panel shall be promptly made available for inspection by the general public, provided, however, that no information shall be disclosed if its disclosure would be contrary to Law, would impede Law enforcement, would not be in the public interest, would jeopardise commercial interests of the parties or would inhibit fair competition.

La copie de la décision du Comité Indépendant de Recours est immédiatement mise à la disposition du public pour consultation, néanmoins, aucune information n'est divulguée, si sa divulgation serait contraire à la loi, entraverait l'application de la loi, ne serait pas dans l'intérêt public, porterait préjudice aux intérêts commerciaux légitimes des parties contractantes ou s'opposerait à la mise en concurrence juste et équitable.

Uwapiganwe ushaka gutanga ikirego ku Kanama k'ubujurire kigenga ashobora gusabwa kubanza kuriha umubare w'amafaranga adasubizwa ugenwa mu mabwiriza agenga amasoko.

Any bidder wishing to lodge a complaint to the Independent Review Panel may be required to pay a non-refundable amount provided for in the procurement regulations.

Tout soumissionnaire qui veut adresser un recours au Comité Indépendant de Recours peut être tenu de payer une somme non remboursable fixée par les procédures de passation des marchés.

Iyo urwego rutanga isoko rubona ko kuba isoko ribaye rihagaritswe bitaba biri mu nyungu z'igihugu, rushobora gusaba Akanama k'ubujurire kigenga uburenganzira budasanzwe kuri iryo hagarikwa.

Uwajuriye uwo ari we wese afite uburenganzira bwo kugisha inama ariko ntibigomba kuba itegeko.

UMUTWE WA V: ISHYIRWA MU BIKORWA RY'AMASEZERANO

Ingingo ya 73: Ibigize amasezerano y'isoko

Amasezerano y'isoko agomba kuba agizwe n'ingingo zikurikira zatanze ku mugereka w'Igitabo cy'Amabwiriza Agenga Ipiganwa kandi agomba kugabanya impungenge ku mpande zombi z'abashyiraho umukono:

- 1° imyirondoro y'impande zigirana amasezerano;
- 2° icyo isoko rigamije;
- 3° ingingo z'iri tegeko zashingiweho mu itangwa ry'isoko;
- 4° urutonde rw'inyandiko zerekeye isoko hakurikijwe uko zigenda zisumbana;

If the procuring entity considers that a suspension of the procurement proceedings would not be in public interest, it shall request the Independent Review Panel for a waiver of the suspension.

Any complainant has the right to ask for advice but this shall not compulsory.

CHAPTER V: CONTRACT EXECUTION

Article 73: Contents of procurement contract

The contract shall include the following details which are appended to the bidding document and which alleviates fears and risks for both parties to the contract:

- 1° identification of parties to the contract;
- 2° the subject matter;
- 3° the provisions of this Law under which the tender was awarded;
- 4° contract documents depending on their priority;

Si l'entité de passation de marché constate que la suspension du processus de passation du marché ne serait pas dans l'intérêt public, elle peut demander au Comité Indépendant de Recours une dérogation spéciale sur cette suspension.

Tout soumissionnaire introduisant un recours a droit de se faire représenter mais cela ne constitue pas une obligation.

CHAPITRE V : EXECUTION DU CONTRAT

Article 73 : Contenu du contrat

Le contrat doit inclure un ensemble des conditions annexées au Dossier d'Appel d'Offres ou à la demande de propositions, qui départagent les risques contractuels équitablement et devra notamment, comporter les mentions suivantes :

- 1° identification des parties contractantes;
- 2° objet du marché ;
- 3° les dispositions de la présente loi sur lesquelles l'attribution du marché s'est basée ;
- 4° l'énumération par ordre d'importance des documents relatifs au marché;

| | | |
|--|---|--|
| 5° igiciro n'uburyo bwakoreshejwe mu kukigena; | 5° price and the pricing method used; | 5° le prix et les critères de sa fixation ; |
| 6° igihe ntarengwa cyo kurangiza imirimo cyangwa igemura, n'ibihano biteganyirijwe gihe kitubahirijwe; | 6° delivery or completion period and penalties for delays, if any; | 6° le délai de livraison/exécution du marché et pénalités en cas de retard ; |
| 7° uburyo bwo gukurikirana amasezerano y'isoko; | 7° contract progress monitoring mechanism; | 7° les modalités de suivi d'exécution du contrat de marché ; |
| 8° uburyo bwo kwakira imirimo, ibyagemuwe cyangwa serivisi haba ku buryo bw'imbumbwe cyangwa igice cy'ibimaze gukorwa; | 8° conditions for partial or total acceptance of supplies, works or services; | 8° les modalités de réception globale ou partielles des travaux, des fournitures et des services ; |
| 9° uburyo bwo kwishyura; | 9° payment modalities; | 9° les modalités de payement ; |
| 10° ubwishingizi, ingwate n'ibijyanye n'indishyi; | 10° insurance, securities required, and compensation related matters; | 10° l'assurance, les garanties et dommages et intérêts ; |
| 11° impamvu zatuma amasezerano asubirwamo, aseswa biturutse ku rwego rutanga isoko cyangwa Uwegukanye isoko; | 11° provisions regarding contract amendment or termination; | 11° les motifs de modification et de résiliation du contrat ; |
| 12° umugenga w'ingengo y'imari uzishyura n'ubwoko bw'ingengo y'imari izakoreshejwe; | 12° the Chief budget manager and the type of budget from which payment shall be made; | 12° le Gestionnaire principal du budget et la source de financement ; |
| 13° impamvu itunguranye kandi ntarengwa ; | 13° the case of force majeure; | 13° le cas de force majeure; |
| 14° Banki na konti Uwegukanye isoko azishyurirwaho; | 14° the name of the bank and account number for effecting payment; | 14° le nom de la banque et le numéro de compte de l'attributaire ; |
| 15° uburyo bwo gukemura impaka, inzego zizitabazwa kimwe n'amategeko azifashishwa mu kuzikemura. | 15° modalities for dispute settlement, review organs and applicable regulations. | 15° les voies de règlement des litiges, les organes de recours et les lois applicables. |

Ingingo ya 74 : Guhindura amasezerano y'isoko

Impinduka ibaye mu masezerano igomba gushyirwa mu nyandiko kandi igashyirwaho umukono n'impande zombi.

Impinduka ku masezerano harimo n'amabwiriza anyuranye ntibigomba guhindura imiterere rusange y'imirimo.

Iyo ibihindutse ku masezerano birengeje makumyabiri ku ijana (20%) y'inyongera cyangwa y'igabanuka hagomba gutangwa irindi isoko.

Icyiciro cya mbere : Ingingo rusange zigana ingwate zo kurangiza neza isoko

Ingingo ya 75 : Ingwate yo kurangiza isoko neza

Ingwate yo kurangiza isoko neza igomba gutangwa n'uwegukanye isoko mbere yo gushyira umukono ku masezerano y'isoko. Agaciro k'ingwate yo kurangiza isoko neza ntikagomba kujya munsi ya gatanu ku ijana (5%) cyangwa hejuru y'icumi ku ijana (10%) y'agaciro k'isoko.

Article 74: Contract amendment

Any amendment to the contract shall be carried out in writing and signed by both parties.

Contract amendments and various instructions shall not cause any alteration of the general nature of the tender.

Any amendment increasing or decreasing the contract value by more than twenty percent (20%) shall require a new tender.

Section One: General provisions related to the performance security

Article 75: The Performance Security

The performance security shall be submitted by a successful bidder before signing the procurement contract. It shall neither be less than five per cent (5%) nor more than ten per cent (10%) of the contract value.

Article 74 : Modification du contrat

Toute modification au contrat implique un avenant formel qui doit être signé par les parties contractantes.

Les modifications apportées au contrat y compris celles apportées aux différentes instructions ne doivent pas porter sur la nature et l'étendu du contrat.

Lorsque les modifications apportées au contrat excèdent vingt pour cent (20%) de la valeur du marché, il est procédé à une nouvelle procédure de passation de marché.

Section première: Dispositions générales relatives aux garanties de bonne exécution

Article 75 : Garantie de bonne exécution

La garantie de bonne exécution du marché est demandée à l'attributaire du marché avant la signature du contrat. Cette garantie ne peut en aucun cas être inférieure à cinq pour cent (5%) ou supérieure à dix pour cent (10%) du coût du marché.

Iyo amasezerano atubahirijwe yose cyangwa atubahirijwe neza ingwate yo kurangiza neza isoko igomba gufatirwa n'Urwego rutanga isoko nta yandi mananiza, bitabangamiye ikurikizwa ry'ibindi bihano biteganyijwe mu mategeko.

Ibiteganywa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo, ntibikurikizwa ku masoko ya serivisi y'impuguke cyangwa amasoko y'imirimu n'ay'ibigemurwa atarengeje agaciro kagenwe n'amabwiriza agenga amasoko.

Ingingo ya 76 : Imiterere y'ingwate yo kurangiza neza isoko

Ingwate yo kurangiza isoko neza ntigomba kubyara inyungu kandi igomba gukurikiza icyitegererezo cyatanzwe mu Gitabo cy'Amabwiriza Agenga Ipiganwa.

Igomba kuba ari ingwate ya banki, ingwate itanzwe n'Ikigo cy'Imari cyemewe cyangwa Urwandiko rwishingira ubwishyu rudasubirwaho.

In case the contract is not fully or well executed, the performance security shall unconditionally be seized by the procuring entity as a compensation without prejudice to other penalties provided for by the Law.

Provisions under paragraph one of this Article shall not apply to tenders related to consultant services, works and supplies where their estimated value does not exceed a threshold established by the procurement regulations.

Article 76: The nature of Performance Security

The performance security shall not generate interest and it shall be determined in accordance with the form provided for in the bidding document.

It may be paid in form of a bank security, a guarantee issued by an authorized financial institution or an irrevocable letter of credit.

En cas de non exécution ou d'exécution partielle du contrat, la garantie de bonne exécution est saisie d'office par l'entité de passation de marché, sous réserve d'autres sanctions prévues par la loi.

Les dispositions de l'alinéa premier du présent Article ne sont pas applicables pour les marchés de service des consultants ou pour les marchés des travaux et des fournitures dont la valeur n'excède pas le seuil fixé par les procédures de passation des marchés.

Article 76: Formes de garantie de bonne exécution

La garantie de bonne exécution ne doit pas produire d'intérêt et est constituée selon le modèle prévu dans le Dossier d'Appel d'Offres.

Elle doit être fournie sous forme d'une garantie bancaire, d'une garantie fournie par une institution financière habilitée ou d'une lettre de crédit irrévocable.

Ingingo ya 77 : Izindi ngwate zo kurangiza neza isoko

Iyo bibaye ngombwa Igitabo cy'Amabwiriza Agenga Ipiganwa kigena izindi ngwate zishobora gusabwa uwegukanye isoko ngo arangize neza amasezerano.

Ingingo ya 78 : Ifatirwa ry'ingwate yo kurangiza neza isoko

Banki cyangwa Ikigo cy'Imari cyemewe n'amategeko gisubiza Urwego rutanga isoko ingwate yose y'ubwishingizi bwo kurangiza isoko mu minsi icumi (10) y'akazi uherye igihe urwandiko rubisaba rwakiriwe.

Banki cyangwa ikigo cy'imari cyemewe n'amategeko cyishyura inyungu ingana na rimwe ku ijana (1%) kuri buri muni w'ubukererwe mu kwishyura.

Iyo bibaye ngombwa kuregera inkiko kandi amategeko yazo akemeza ko Urwego rutanga isoko rutsinze inyungu zikomeza kwiyongera kugeza igihe icyemezo cy'urukiko cyubahirijwe.

Article 77: Other forms of Performance security

The tender document shall provide for, if necessary, other forms of performance of security that may be requested from the successful bidder.

Article 78: Seizure of the performance security

The Bank or authorized financial institution shall be obliged to give to the procuring entity all the amount of the performance security upon claim by the latter within ten (10) working days from the receipt of such a claim.

The Bank or authorized financial institution shall also be obliged to pay an additional interest of one percent (1%) for every day of payment delay.

If it is necessary to take the matter to courts, and that the court rules in favour of the procuring entity, this interest shall continue to accrue up to the time the courts' decision is executed.

Article 77 : Autres formes de garantie de bonne exécution

Le Dossier d'Appel d'Offres prévoit, en cas de besoin, les autres formes de garantie pouvant être exigées à l'attributaire de marché pour la bonne exécution du contrat.

Article 78 : Saisie de garantie de bonne exécution

La banque ou l'institution financière habilitée s'engage à verser à l'entité de passation de marché l'intégralité du montant de la garantie dans les dix (10) jours ouvrables à compter du jour de la demande.

La banque ou l'institution financière habilitée s'engage à payer l'intérêt de un pour cent (1%) du montant dû, par jour de retard.

En cas de nécessité de saisir le tribunal et que celui-ci reconnaît le bien fondé de la requête de l'entité de passation de marché, cet intérêt continue à courir jusqu'à la mise en application de la décision judiciaire.

Ingingo ya 79 : Uburenganzira bwo kugabanya ku ngwate yo kurangiza isoko n'inshingano zo kongera kuzuza agaciro kayo

Urwego rutanga isoko rwemerewe gukata amafaranga ku ngwate yo kurangiza neza isoko ku mpamvu z'imikorere mibi y'uwegukanye isoko. Uwegukanye isoko asabwa mu nyandiko n'Urwego rutanga isoko kuzurisha ingwate ingana n'iyakaswe mu gihe kitarenze iminsi makumyabiri (20).

Mu gihe iyo ngwate idatanzwe cyangwa umwishingizi ntiyishyure nk'uko yabisabwe, Urwego rutanga isoko rufatira amafaranga ku nyemezabuguzi zemejwe.

Ingingo ya 80 : Isubizwa ry'ingwate yo kurangiza isoko

Ingwate yo kurangiza neza isoko isubizwa uwegukanye isoko mu byiciro bibiri : icya kabiri cyayo gisubizwa mu minsi mirongo itatu (30) nyuma y'iyakirwa ry'agateganyo ry'imirimo ikindi cya kabiri mu minsi mirongo itatu (30) ikurikira iyakirwa rya burundu ry'imirimo.

Article 79: Right to deduct and obligation to reconstitute the Performance Security

The procuring entity shall be entitled to deduct from the performance security, any amount owed to it because of the successful bidder's failure to perform the contract. The successful bidder shall be required to reconstitute within twenty (20) days the guarantee equivalent to the deducted amount.

If such a guarantee is not reconstituted or if the guarantor does not pay the amount requested, the procuring entity shall deduct this amount from the approved invoices.

Article 80: Recovery of the performance security

The performance security shall be returned to the successful bidder in two phases: the first half shall be returned within thirty (30) days following the provisional acceptance of works and the second half shall be returned within thirty (30) days following the final acceptance.

Article 79 : Droit de prélevement sur la garantie de bonne exécution et obligation de la reconstituer

L'entité de passation de marché est autorisée à prélever un montant sur la garantie de bonne exécution du fait d'un manquement de l'attributaire dans l'exécution du marché. Sur demande écrite de l'entité de passation de marché, l'attributaire doit reconstituer endéans vingt (20) jours, la garantie égale au montant prélevé.

A défaut de reconstitution de la garantie ou du versement par le garant de la somme réclamée, l'entité de passation de marché opère la retenue égale aux sommes en question sur les paiements des factures dûment approuvées.

Article 80 : Restitution de garantie de bonne exécution

La garantie de bonne exécution est restituée à l'attributaire en deux phases : la première moitié est restituée dans les trente (30) jours après la réception provisoire des prestations et l'autre moitié dans les trente (30) jours après la réception définitive des prestations.

Iyo iyo minsi itubahirijwe, ingwate yo kurangiza neza imirimo ibarirwa inyungu zingana na kimwe cy'igihumbi ($1^{0/00}$) kuri buri muni w'ubukererwe.

If such duration is not respected, the performance security shall bear interest equivalent to one thousandth ($1^{0/00}$) for every day of delayed payment.

Lorsque ce délai n'est pas respecté, un intérêt de retard égal à un millième ($1^{0/00}$) du montant total du marché est appliqué par jour de retard.

Icyiciro cya 2 : Igiciro mu masezerano

Section 2: Contract price

Section 2 : Le coût du marché

Ingingo ya 81 : Igena ry'igiciro

Article 81: Pricing

Article 81 : Fixation des prix

Igiciro kigomba kubarirwamo ibikenewe byose ku mirimo, ibigemurwa cyangwa serivisi zitangwa n'impuguke, cyane cyane imisoro, amahoro, isonerwa cyeretse iyo bidateganyijwe cyangwa bisonewe. Ibiciro kandi bigomba kubarirwamo inyungu z'uwegukanye isoko.

The contract price shall cover all the required expenses on works, goods or services and, in particular, taxes, duties, levies applicable, except when they are expressly excluded or subject to exemption. Prices are also expected to comprise a profit margin to the successful bidder.

Le coût du marché doit couvrir la valeur des travaux, des fournitures ou des services ainsi que les droits, taxes et impôts applicables à ce marché sauf s'ils font expressément objet d'une exemption. Le coût doit aussi couvrir les bénéfices de l'attributaire du marché.

Amasoko agengwa n'amasezerano mpuzamahanga ateganya ingingo zigena iby'imisoro n'amahoro zishingiye ku bitegenywa n'amategeko n'amasezerano mpuzamahanga ku isonerwa.

Tenders governed by international agreements containing tax or duties clauses shall refer to international legal texts or conventions governing exemptions.

Les marchés régis par les conventions internationales prévoient des dispositions relatives aux taxes et impôts sur base des lois et des conventions internationales relatives à l'exonération.

Ingingo ya 82 : Igiciro cy'isoko

Article 82: Contract price

Article 82 : Prix du marché

Igiciro cy'isoko gishyirwa mu masezerano kigomba kuba icya buri kintu, icy'imbumbwe cyangwa byombi.

The contract price shall be a unit price, a lump sum price or a combination of the two.

Le prix des prestations peut être unitaire, forfaitaire ou la combinaison des deux.

Ingingo ya 83 : Ibiciro ntakuka

Isoko ryose riteganywa gukorwa mu gihe kitarenze amezi icyenda (9) ritangwa ku biciro ntakuka, cyeretse habaye impamvu itunguranye kandi ntarengwa. Icyo gihe impande zombi zagiranye amasezerano zumvikana ku buryo bwo gusubiramo ibiciro. Mu gihe impande zombi zinaniwe kumvikana zitabaza ibiteganywa n'iri tegeko.

Ingingo ya 84 : Ibiciro bishobora guhinduka

Ku masoko yose ateganywa gushyirwa mu bikorwa mu gihe kirenze amezi icyenda (9), Igitabo cy'Amabwiriza Agenga Ipiganwa kigomba guteganya uburyo ibiciro bisubirwamo. Ubwo buryo bugomba kuba busobanuye mu mabwiriza agenga amasoko.

Icyakora ibiciro ntibisubirwamo ku mirimo yamaze gukorwa cyangwa yatinze gukorwa ku burangare bw'uwegukanye isoko keretse mu gihe isubirwamo rigamije kumanura ibiciro.

Article 83: Fixed prices

Any tender that is planned to be executed within a period that does not exceed nine (9) months shall be awarded on a fixed price, except in cases of force majeure. In that case, the contracting parties shall negotiate the modalities for revising the prices. If no compromise is reached between the two parties, the provisions of this Law shall apply.

Article 84: Revisable prices

For tenders planned to be executed within a period which exceeds nine (9) months, the bidding document shall determine the modalities for revising the price. Such modalities shall be defined in the procurement regulations.

However, prices shall not be revised for completed works or works that have delayed to be completed when the successful bidder is responsible for such delays except where the revision is meant for reducing the price.

Article 83 : Prix fixes

Le marché dont le délai d'exécution n'excède pas neuf (9) mois est attribué à un prix fixe, sauf en cas de force majeure. Dans ce cas, les parties au contrat s'entendent sur la révision des prix. Lorsque les deux parties ne se mettent pas d'accord, elles se réfèrent aux dispositions de la présente loi.

Article 84 : Prix révisables

Pour les marchés dont le délai d'exécution excède neuf (9) mois, le Dossier d'Appel d'Offres prévoit les modalités de révision des prix. Ces modalités sont définies par les procédures de passation des marchés.

Toutefois, les prix ne sont pas révisables pour les travaux déjà exécutés ou en retard d'exécution suite au manque de diligence de l'attributaire, sauf si cette révision entraîne la réduction des prix.

Ingingo ya 85 : Igiciro gishingiye ku isubizwa ry'amafaranga yakoreshejwe

Amasezerano ashobora guteganya serivisi zishyurwa hashingiwe ku isubizwa ry'amafaranga yakoreshejwe n'uwegukanye isoko. icyo giciro gishobora kwiyongeraho amafaranga make cyangwa umubare-nkubishwa wo kubara imisoro, inyungu n'andi mafaranga yakoreshejwe indi mirimo muri rusange.

Amasezerano agomba kugaragaza agaciro k'ibintu bitandukanye bifasha mu kugena igiciro cy'igihembo. Igitabo cy'amabwiriza agenga ipiganwa kigaragaza amafaranga ntarengwa atangwa ku byishyuwe byagenzuwe.

Icyiciro cya 3 : Avansi yo gutangira akazi n'iyishyurwa mu byiciro

Ingingo ya 86 : Amahame rusange

Nta soko ry'imirimo, ryo kugemura cyangwa irya serivisi y'impuguke ryishyurwa mbere yo gushyirwa mu bikorwa no kwakirwa n'Urwego rutanga isoko cyangwa umuntu ufite ububasha bwo kuruhagararira.

Article 85: Price on basis of reimbursable expenses

Contracts may include services paid on the basis of reimbursable expenses of the bidder. It shall be increased by a certain fee or by a coefficient to cover the overheads, taxes, and profits and any other expenses incurred in general.

The contract shall indicate the value of various elements necessary for determining of the payment price. The tender documents shall indicate the maximum amount for services rendered on the basis of reimbursable expenses.

Section 3: Advance payment and payment in installments

Article 86: General principles

No works, goods or services contract shall be paid for before they are executed or delivered and accepted by the procuring entity or its duly representative.

Article 85 : Prix basé sur les dépenses remboursables

Le contrat peut déterminer des prestations rémunérées sur base de remboursement des dépenses engagées par l'attributaire du marché. Ces dépenses sont majorées de quelques frais ou d'un coefficient permettant de couvrir les taxes et impôts, les bénéfices et les autres frais généraux.

Le contrat doit indiquer la valeur de différents éléments qui concourent à la détermination du prix de la rémunération. Le Dossier d'Appel d'Offres fixe les montants maximums remboursables pour les dépenses approuvées.

Section 3 : Avance de démarrage et paiement par tranche

Article 86 : Principes généraux

Aucun marché des travaux, des fournitures ou des services de consultants ne peut donner lieu au paiement avant l'exécution et la réception par l'entité de passation de marché ou son représentant.

Cyakora, Igitabo cy'amabwiriza agenga ipiganwa gishobora guteganya avansi ku mirimo. Iyo avansi ntishobora gutangwa amasezerano y'isoko atarashyirwaho umukono.

Ingingo ya 87 : Ingano ya avansi n'ingwate yayo

Avansi yo gutangira imirimo ntigomba kurenga makumyabiri ku ijana (20) by'igiciro cyose cy'isoko kandi yishyurwa ari uko uwegukanye isoko abanje guha Urwego rutanga isoko ingwate ingana n'amafaranga asabirwa avansi.

Iyo ngwate igomba gutangwa na Banki cyangwa Ikigo cy'Imari kibifitiye ububasha.

Ingingo ya 88 : Ikoreshwa rya avansi

Uwegukanye isoko agomba gukoresha gusa avansi yahawe mu bikorwa bijyanye n'isoko. Iyo uwegukanye isoko akoresheje avansi yose cyangwa igice cyayo mu bikorwa bindi bidafite aho bihuriye n'isoko, iyo avansi ihita ifatwa nk'umwenda ugomba kwishyurwa hafatiriwe ingwate yose cyangwa igice cyayo.

However, the bidding document may provide for an advance payment. Such an advance payment shall not be paid before the contract is signed.

Article 87: Amount of advance payment and its security

The advance payment shall not exceed twenty per cent (20 %) of the price of the tender and shall be paid upon submission by the successful bidder to the procuring entity of an advance payment security equivalent to the advance itself.

That security shall be given by a bank or any authorized financial institution.

Article 88: The use of advance payment

The successful bidder shall use the advance paid only in activities related to the tender. If the successful bidder uses the entire advance or part of it in other activities that are unrelated to the tender, the advance shall immediately be considered as a debt which shall be paid by seizing the entire security or part of it.

Toutefois, le Dossier d'Appel d'Offres peut prévoir le paiement d'une avance de démarrage. Cette avance ne peut être payée avant la signature du contrat de marché.

Article 87 : Montant de l'avance de démarrage et sa garantie

Le montant de l'avance de démarrage ne peut dépasser vingt pour cent (20 %) du prix du marché et ne peut être payée que lorsque l'attributaire produit à l'entité de passation de marché une garantie équivalente à cette avance.

Cette garantie est produite par la banque ou l'institution financière habilitée.

Article 88 : Utilisation de l'avance de démarrage

L'attributaire doit utiliser l'avance uniquement pour les opérations liées à l'exécution du marché. Si l'attributaire utilise toute l'avance ou une partie de l'avance à des fins qui ne sont pas liées au marché, l'avance devient immédiatement remboursable par saisie de toute la garantie ou de sa partie.

Ingingo ya 89 : Iyishyurwa rya avansi

Avansi yahawe uwegukanye isoko isubizwa hakoreshejwe ikatwa ry'umubare runaka w'amafaranga ku nyemezabuguzi zatanzwe kandi zemejwe. Igitabo cy'Amabwiriza Agenga Ipiganwa giteganya ijanisha ry'amafaranga azagenda akatwa kugeza igihe avansi yose yishyuriwe.

Ingwate ya avansi isubizwa uwegukanye isoko mu minsi mirongo itatu (30) uherye igihe avansi yose yatanzwe yishyuriwe.

Iyo idasubijwe mu minsi mirongo itatu (30), isubizwa habariwemo inyungu z'ubukererwe zingana na kimwe cy'igihumbi ($1^{0/100}$) kuri buri munsi w'ubukererwe.

Ingingo ya 90 : Iyishyurwa mu byiciro byinshi

Iyo imirimo itangiye, iyishyurwa mu byiciro ku bikorwa byarangiye naryo riratangira. icyakora iyishyurwa mu byiciro rishobora gukorwa cyangwa ntirikorwe ku masoko agomba kurangira mu gihe kiri munsi y'amezi atatu (3).

Article 89: Refund of the advance paid

The advance received by the successful bidder shall be refunded by deducting a certain amount from submitted and approved invoices. The bidding document shall determine the percentage to be deducted until the whole amount of the advance is refunded.

The advance security shall be returned to the successful bidder within thirty (30) days following the payment of the entire advance received.

If it is not returned within the thirty (30) days, it shall generate interest for delays equivalent to one thousandth ($1^{0/100}$) for every day of delayed payment.

Article 90: Payment in installments

When the execution of the tender commences, payments for the executed activities shall also start to be made. However, payment in installments may or may not be made for tenders which are to be completed within a period of less than three (3) months.

Article 89 : Remboursement de l'avance de démarrage

L'avance payée à l'attributaire est remboursée par retenue sur les factures dûment présentées et approuvées. Le Dossier d'Appel d'Offres fixe le pourcentage de ces retenues jusqu'au remboursement de l'intégralité de l'avance.

La garantie de l'avance est remise à l'attributaire dans les trente (30) jours à compter de la date de remboursement intégral de l'avance.

A défaut de remise de cette garantie dans les trente (30) jours, elle produit un intérêt de retard égal à un millième ($1^{0/100}$) par jour de retard.

Article 90 : Paiement par tranches

Lors du début d'exécution du marché, le paiement par tranches peut commencer. Toutefois, les marchés qui doivent être exécutés dans un délai inférieur à trois (3) mois peuvent requérir ou pas le paiement par tranches.

Umubare w'amafaranga yishyuwe mu cyiciro kimwe ntugomba kurenga agaciro k'ibikorwa byarangiye nyuma y'ikatwary'igice cya avansi.

Ingingo rusange z'amasezerano ziteganyakuri buri bwoko bw'isoko, imiterere y'ibikorwa bizishyurwa mu byiciro binyuranye n'umubare w'ibyiciro.

Iyo ibyo bikorwa birangiye abimenyeshya Urwego rutanga isoko mu nyandiko; Urwego rutanga isoko rukaba rufite igihe cy'iminsi cumi n'itanu (15) kugira ngo rugenzure icyo gikorwa, byaba ngombwa agasaba Uwegukanye isoko kugira ibyo akosora. Iyo nta cyo Urwego rutanga isoko rubivuzeho nyuma y'icyo gihe imbago zerekanywe zifatwa nk'izemewe.

When the establishment of demarcations has been established, the successful bidder shall inform the procuring entity in writing. The procuring entity shall have fifteen (15) days within which to inspect the site demarcations and where necessary to request the successful bidder to make some corrections. If the procuring entity does not respond within that period, the demarcations shall be deemed approved.

Lorsque ces opérations sont terminées, il en informe par écrit l'entité de passation de marché. Celui-ci dispose d'un délai de quinze (15) jours pour procéder à leur vérification et, s'il y a lieu, de les faire rectifier par l'attributaire. Lorsque l'entité de passation de marché garde le silence au delà du délai lui imparti, le tracé est réputé approuvé.

Uwegukanye isoko yihatira kubahiriza imbago yagaragaje.

The successful bidder shall make sure he she respects the established demarcations.

L'attributaire du marché veille au maintien des repères du tracé.

Ingingo ya 118: Ibiro by'umukozi ushinzwe gukurikirana imirimo

Article 118: The Supervising official's Office

Article 118: Bureau du fonctionnaire dirigeant

Uwegukanye isoko aha umukozi ugenzura imirimo ibiro akoreramo, biri aho imirimo ubwayo ikorerwa.

The successful bidder shall provide an office to the supervising official at the place where the works are being executed.

L'attributaire met à la disposition du fonctionnaire dirigeant, un local lui servant de bureau sur le site même du chantier.

Ingingo ya 119 : Gukurikirana imirimo buri muni

Article 119: Daily supervision of works

Article 119 : Surveillance quotidienne des travaux

Umukozi ugenzura imirimo agomba kuyikurikirana buri muni kugira ngo hatagira ibikorwa birangira atabonye ngo abyemeze.

The supervising official shall monitor the works on a daily basis so that no works are executed and completed without his or her approval.

Le fonctionnaire dirigeant est tenu de surveiller tous les jours pour se rassurer qu'il n'y a pas d'actes accomplis à son insu sans son approbation

Igihe uburemere bw'imirimo bubisaba, Urwego rutanga isoko rwifashisha ikigo cyangwa umuntu wikorera ku giti cye ukurikirana imirimo buri munsu.

Depending on the size of the works, the procuring entity may seek assistance from a firm or an individual for the purpose of carrying out a daily supervision of works.

Lorsque la nature des travaux l'exige, l'entité de passation de marché peut requérir l'assistance d'un bureau ou d'un individu pour assurer la surveillance quotidienne des travaux.

Ingingo ya 120 : Umutekano w'aho imirimo ikorerwa

Article 120: Security at the site

Article 120 : Sécurité sur le chantier

Uwegukanye isoko agomba gucunga umutekano w'aho imirimo ikorerwa mu gihe cyose imirimo igomba kumara.

The successful bidder shall ensure the security of the site at all times during the period of execution of works.

L'attributaire du marché est tenu d'assurer la sécurité du chantier pendant toute la durée des travaux.

Kubera izo mpamvu:

To this effect, the successful bidder shall:

A cet effet :

- 1° afata ingamba zose za ngombwa kugira ngo acunge umutekano w'abakozi be n'uw'abakozi boherejwe n'Urwego rutanga isoko, abahisi n'abagenzi n'undi muntu wese Urwego rutanga isoko rwemerera kugera aho imirimo ikorerwa;
- 2° agomba kubahiriza amategeko n'amabwiriza biriho, haba ku hantu imirimo y'isoko ikorerwa cyangwa ku cyo isoko rigamije;
- 3° ntashobora kwemerera abantu kugera aho akorera imirimo atabihewe uruhushya n'umukozi ugenzura imirimo;

- 1° take measures to insure the security of his or her workers and those sent by the procuring entity, passers-by and any other person authorized by the procuring entity to visit the site;
- 2° be required to respect Laws and regulations in force with respect to where the works are executed or to the objectives of the tender;
- 3° not allow any person to have access to the site without the supervising official's authorization;

- 1° il prend toutes les mesures requises en vue de garantir la sécurité physique de son personnel, des agents habilités du Maître de l'ouvrage, des passants et de toute personne admise par le Maître de l'ouvrage à accéder au chantier ;
- 2° il doit se conformer aux dispositions légales et réglementaires applicables soit à l'endroit où s'exécute le marché soit à l'objet du marché ;
- 3° il ne peut admettre sur le chantier, des personnes étrangères sans l'autorisation du fonctionnaire dirigeant ;

- | | | |
|--|---|---|
| 4° Yishingira gukora ibikwiye byose kugira ngo amazi y'imigezi akomeze gutemba, gutembesha amazi yaretse mu binogo, mu miferege n'indi migende itwara amazi cyangwa imyanda, kandi ku buryo bwa rusange agamije kwirinda ibyamutera impanuka kuri we cyangwa ku bandi; | 4° take measures to ensure that river waters continue to flow, drainage of stagnant water from potholes, canals and other channels meant for the evacuation of water and sewage in order to prevent anything that may cause an accident to him or her or to any other person; | 4° il prend sous sa responsabilité, toutes les mesures convenables pour assurer, entre autres, l'écoulement des eaux fluviales, l'épuisement des eaux des fosses, des égouts, des conduites ou des rigoles, et, de façon générale, pour prévenir tout danger de préjudice ou d'accident ; |
| 5° agumishaho ibimenyetso byerekana aho ibikorwa remezo byari biri, cyangwa akabisubiza aho yabivanye igihe imirimo yaba yaratumye bivanwaho cyangwa bikigizwayo; | 5° maintain landmarks showing where some infrastructures' installations were placed or return the installations where they had been placed if the execution of works had made it possible for them to be displaced or shifted; | 5° il maintient à leur emplacement, les repères des infrastructures rencontrées au cours de l'exécution des travaux ou les replace à leur endroit lorsque l'exécution des travaux a nécessité leur enlèvement ou déplacement momentané ; |
| 6° yishingira, kandi ku mafaranga ye, gufata ingamba zose zikenewe kugira ngo yite ku mutekano w'abantu n'uw'imitungo yegereye aho akorera, kugira ngo arinde kandi asigasire inyubako n'ibindi bikorwa remezo bihasanzwe kimwe n'ibindi bintu bisanzwe aho akorera imirimo. | 6° take at his or her expenses, necessary measures to safeguard the neighbouring persons and properties, to assure protection, conservation and integrity of constructions and other existing works as well as other installations around the site. | 6° il prend, sous sa responsabilité et à ses frais, toutes les mesures indispensables pour sauvegarder les propriétés voisines, pour assurer la protection, la conservation et l'intégrité des constructions et ouvrages existants ainsi que des installations se trouvant sur le lieu d'exécution. |

Icyakora, iyo hari abantu bagize impanuka cyangwa imitungo yononekaye kubera ibibazo bikomoka ku myigire y'umushinga cyangwa uburyo Urwego rutanga isoko rwahatiye Uwegukanye isoko gukoresha mu mirimo y'isoko, uburyozwe bw'ibyononekaye bubazwa Urwego

However, if any people are involved in an accident or property is damaged due to factors resulting from project design or due to instructions imposed on the successful bidder by the procuring entity, the liability resulting from the accident or damage shall be borne by the procuring entity as long as

Toutefois, lorsque des dommages causés aux propriétés riveraines sont la conséquence d'un risque créé par la conception ou la méthode de construction imposée par l'entité de passation de marché à l'attributaire, la responsabilité en incombe à l'entité de passation de marché tant que tel risque a été signalé conformément aux

rutanga isoko igihe icyo kibazo cyagaragajwe hakurikijwe uburyo buteganywa n'iri tegeko.

such a problem was reported by the successful bidder in accordance with the provision of this Law.

dispositions de la présente loi.

Ingingo ya 121 : Igitabo cyandikwamo ibikozwe buri munsu

Article 121: Daily site log book.

Article 121 : Journal de chantier

Iyo imirimo ikorwa igice cyangwa yose hashingiwe ku giciro cya buri murimo, cyangwa amafaranga ayigendaho ashingira ku bugenzuzi bwakozwe, cyangwa ari ku biciro by'agateganyo, mu biro by'umukozi ugenzura imirimo huzuzwa igitabo cyandikwamo buri munsu ibi bikurikira:

Where works are executed in part or wholly on the basis of the price of each type of the work or payment for such works is made on the basis of inspections carried out, or on the basis of provisional prices, the supervising official shall maintain in his office a daily site log book in which he records the following on daily basis:

Lorsque les travaux s'exécutent partiellement ou totalement à prix unitaires, en dépenses contrôlées ou à prix provisoires, il est tenu, au bureau du fonctionnaire dirigeant, un registre des attachements dans lequel sont inscrites quotidiennement :

- 1° ingano y'imirimo nyakuri yakozwe, harimo n'itari iteganyijwe;
- 2° amasaha yakozwe;
- 3° ibikoresho byakodeshejwe;
- 4° ibintu byagemuwe kandi byakiriwe;
- 5° iminsi yaranzwe n'ibihe bibi n'igihe byamaze.

- 1° quantities of works actually executed, including those not planned for;
- 2° number of hours worked;
- 3° equipment rented;
- 4° materials and supplies received;
- 5° days affected by bad weather and their duration.

- 1° les quantités de travaux réellement exécutés, y compris ceux non prévus ;
- 2° les heures prestées ;
- 3° la location du matériel ;
- 4° les fournitures quelconques reçues ;
- 5° les journées d'intempéries et la durée de celles-ci.

Uwegukanye isoko ategetswe kubishyiraho umukono mu biro by'Urwego rutanga isoko bitarenze iminsi itanu (5) uherye itariki byandikiwe n'iyoyaba atabyemeye. Iyo atabyemeye, uweguriwe isoko azenza nk'uko biteganywa n'iri tegeko.

The successful bidder shall sign them in the offices of the procuring entity within five (5) calendar days from the date the records were written, even if he or she does not agree with the contents. If he does not agree with the content, the successful bidder shall act in accordance with the provisions of this Law.

L'attributaire du marché est tenu d'y apposer sa signature dans les bureaux de l'entité de passation de marché endéans les cinq (5) jours calendrier à compter de la date des inscriptions, même s'il ne les accepte pas. Lorsqu'il ne les accepte pas, l'attributaire du marché agit conformément aux dispositions de la présente loi.

Iyo atabashije kuzuza ibivugwa mu gika kibanziriza iki, bifatwa nk'aho yemeye nta gushidikanya ibyanditswe mu gitabo.

Ingingo ya 122 : Raporo y'ibyakozwe ku munsi

Uwegukanye isoko agomba kugeza buri munsi ku uhagarariye Urwego rutanga isoko raporo y'imirimo yakozwe, igaragaza ibikoresho byakiriwe, umubare w'abakozi ba buri cyiciro bari mu kazi n'imirimo bashinzwe.

Ingingo ya 123 : Iyarara n'ibyasenyuwe

Iyo mu mirimo ikorwa harimo no gusenya, iyarara n'ibikoresho byasenywe biba umutungo w'uwegukanye isoko keretse iyo Igitabo cy'Amabwiriza Agenga Ipiganwa cyabigennye ukundi.

Iyo Igitabo cy'Amabwiriza Agenga Ipiganwa giteganyako iyarara n'ibyasenywe byose cyangwa igice cyabyo biba umutungo w'Urwego rutanga isoko, uwegukanye isoko agomba gufata ingamba za ngombwa ngo bitangirika.

If he or she fails to comply with the provisions of the preceding paragraph, the contents of the daily site log book shall automatically be deemed accepted by him or her.

Article 122: Daily statement

The successful bidder shall submit on a daily basis to the representative of the procuring entity a statement of the work done, indicating materials delivered the number of workers of each category who reported to the site and the work assigned to them.

Article 123: Materials from demolition

When works to be executed include demolitions, the materials and objects from the demolitions shall become the property of the successful bidder unless otherwise stipulated in the tender document.

Where the tender document stipulates that part of or all the materials and objects from demolitions shall become the property of the procuring entity, the successful bidder shall take all the necessary measures to ensure that such materials and objects are not damaged.

S'il est en défaut de satisfaire à ces prescriptions, il est censé avoir accepté les attachements sans aucune réserve.

Article 122 : Rapport journalier

L'attributaire du marché remet au représentant du Maître de l'ouvrage un rapport journalier des travaux exécutés en indiquant les approvisionnements en matériels fournis, le nombre des ouvriers pour chaque catégorie présents au chantier et les ouvrages auxquels ils sont employés.

Article 123: Matériaux provenant des démolitions

Lorsque les travaux à exécuter comporte des démolitions, les matériaux et objets provenant de ces démolitions deviennent la propriété de l'attributaire du marché sauf stipulation contraire du Dossier d'Appel d'Offres.

Si le Dossier d'Appel d'Offres réserve à l'entité de passation de marché la propriété d'une partie ou de tous les matériaux et objets provenant des démolitions, l'attributaire prend toutes les précautions nécessaires pour en assurer la conservation.

Agomba kwirengera ingaruka zose z'iyangizwa ryabyo bitewe n'ibikorwa bye cyangwa iby'abakozi akoresha.

He or she shall be held responsible for any damage to the materials or objects resulting from his or her activities or that of his her employees.

Il répond de toute destruction ou dégradation de ces matériaux, causés par son fait ou par le fait de ses préposés.

Hatitawe ku cyo Urwego rutanga isoko ruteganya gukoresha iyarara n'ibyasenyuwe, uwegukanye isoko agomba kubitwara ku mafaranga ye akabigeza aho bigomba kubikwa yeretswe n'umugenzuzi w'imirimo iyo uburebure bwaho butarengeje metero ijana (100) uvuye ahakorera imirimo. Iyo burengeje metero ijana (100), Urwego rutanga isoko rugomba kwishingira icyo kiguzi.

Whatever the procuring entity plans to do with the materials and objects from the demolition, the successful bidder shall bear the costs related to their movement to the place where they shall be stored as indicated by the supervising official if such place is not more than one hundred (100) meters from the site. Beyond this distance, the procuring entity shall bear the costs.

Quelle que soit la destination que l'entité de passation de marché entend donner aux matériaux ou objets provenant des démolitions dont elle s'est réservée la propriété, tous les frais relatifs à leur mise en dépôt à l'endroit indiqué par le fonctionnaire dirigeant, sont à la charge de l'attributaire, pour toute distance de transport n'excédant pas cent (100) mètres. Au delà de cette distance, l'entité de passation de marché en supporte les frais.

Uretse igihe ingingo z'Igitabo cy'Amabwiriza Agenga Iyigamba zibiteganye ukundi, uwegukanye isoko agomba kuvanaho iyarara, imyanda, ibikomoka ku byasenyuwe n'ibindi bisigazwa by'ibikoresho uko imirimo igenda irangira akurikije amabwiriza yahawe n'Urwego rutanga isoko.

Unless otherwise provided for in the tender document, the successful bidder shall, as works progress, remove the product of demolition, rubble and debris and other materials from the demolition in compliance with the instructions of the procuring entity.

Sauf dispositions contraires dans le dossier d'appel d'offres, l'attributaire du marché enlève, au fur et à mesure que les travaux évoluent, les produits de démolitions, gravats et débris en se conformant aux instructions de l'entité de passation de marché.

Ingingo ya 124 : Ibivumbuwe mu ikorwa ry'imirimo

Ikintu cyose cy'agaciro kivumbuwe igihe hakorwa imirimo yo gucukura cyangwa gusenya kigomba guhitwa kimenyeshwa Urwego rutanga isoko rukagena icyo ruzagikoresha.

Article 124: Discoveries during the execution of works

Any thing of value discovered during the excavation or demolition shall be promptly notified to the procuring entity who will decide what to do with it.

Article 124 : Découvertes au cours des travaux

Toute découverte faite dans les fouilles ou dans les démolitions et qui présente un intérêt quelconque, est portée sur le champ à la connaissance de l'entité de passation de marché qui décide de son sort.

Ibikorwa by'ubugeni, ibiranga umuco wa kera, amateka, imidari, ibiceri bya kera n'ibindi bikoresho byose by'agaciro mu rwego rw'ubuhanga n'ikoranabuhanga kimwe n'ibikoresho by'imbonekarimwe cyangwa bikozwe mu mabuye y'agaciro bivumbuwe mu gihe cy'ikorwa ry'imirimo cyangwa isenywa bigomba kuba umutungo bwite w'Urwego rutanga isoko kandi ugakorerwa ihererekanya hagati y'uwegukanye isoko n'umugenzuzi w'imirimo cyangwa n'uhagarariye Urwego rutanga isoko.

Artworks, antiquities, archeological objects, medals, ancient coins and any other valuable objects in the area of science and technology as well as rare or objects made from precious materials, discovered during execution or demolition, shall become the property of the procuring entity and handed over to the supervising official or the procuring entity's representative.

Les objets d'art, archéologiques, historiques, numismatique ou autres, présentant un intérêt scientifique et technologique, de même que les objets rares ou en matière précieuse, trouvés dans les fouilles ou dans les démolitions, restent la propriété de l'entité de passation de marché et sont soumis à la procédure de remise et reprise entre l'attributaire et le fonctionnaire dirigeant ou le représentant de l'entité de passation de marché.

Iyo habaye amakimbirane, Urwego rutanga isoko ni rwo rufata icyemezo ku buryo budasubirwaho.

If any dispute arises, the procuring entity shall make a final ruling.

En cas de contestation, l'entité de passation de marché prend sa décision souverainement.

Ingingo ya 125 : Kwemeza ibikoresho by'ubwubatsi

Article 125: Approval of materials to be used

Article 125 : Approbation des matériaux de construction

Uwegukanye isoko ntagomba kubakisha ibikoresho byagenwe bitabanje kwemezwa n'umugenzuzi w'imirimo. Urwego rutanga isoko rushobora gukoresha ubundi buryo byemewe mu kugenzura ubwiza n'ingano y'ibikoresho.

Materials to be used by the successful bidder shall not be used without prior approval by the supervising official. The procuring entity may use any means deemed to be useful to determine the quality and quantity of materials.

Les matériaux que l'attributaire du marché compte utiliser, ne peuvent être mis en œuvre sans autorisation préalable du fonctionnaire dirigeant. L'entité de passation de marché peut user de tous les moyens d'investigation utiles au contrôle de qualité et de quantité des matériaux.

Igitabo cy'Amabwiriza Agenga Ipiganwa gishobora guteganya n'igenzura rya tekini ry'ibikoresho n'ibindi bigemurwa. Iyo umwe mu bagiranye amasezerano anenze ibyavuye muri iryo genzura, buri wese mu bagiranye amasezerano afite uburenganzira bwo gukoresha isuzuma-mpinyuza n'Urwego bemeje, ikiguzi cy'iryo suzuma-mpinyuza cyishyurwa n'uwashyuye ko rikorwa.

The tender document may provide for inspection that includes technical verification of materials and other supplies. If anyone of the contracting parties disagrees with the results of technical verification, they shall have the right to sanction a counter verification conducted by an institution agreed upon between the two parties, but the costs shall be borne by the party that request for such counter verification.

Le Dossier d'Appel d'Offres peut prescrire des essais comportant la vérification technique des matériaux et autres fournitures. En cas de contestation de l'une ou l'autre partie du résultat des essais, chacun des contractants est en droit de demander un contre-essai, lequel est effectué par une institution convenue par les deux parties, mais ce aux frais de la partie requérante.

Ingingo ya 126 : Uburiganya n'inenge

Iyo habayeho gukemanga ko imirimo yakoranywe uburiganya n'inenge, uwegukanye isoko ategukwa gusenya inyubako no kongera kuyubaka. Ikiguzi kijyanye n'isenywa no kongera kubaka cyishyurwa n'uwegukanye isoko iyo ibyakemanzwe bibaye impamo cyangwa n'Urwego rutanga isoko mu gihe bigaragaye ko ikemanga ritari rifite ishingiro.

Article 126: Fraud and defect

The successful bidder may, upon suspicion of fraud or defect, be required to demolish the works executed and to reconstruct them. Costs for such demolition and reconstruction shall be borne by the successful bidder depending on whether suspicion is found to be true or by the procuring entity depending on whether suspicion is found to be not true.

Article 126 : Fraudes et malfaçons

L'attributaire peut, en cas de soupçon de fraude ou de malfaçon, être demandé de démolir les travaux exécutés et de les reconstruire. Les frais d'une telle démolition et reconstruction sont à la charge de l'attributaire du marché suivant que le soupçon se trouve vérifié ou du Maître de l'ouvrage, suivant que le soupçon se trouve non vérifié.

Ingingo ya 127 : Guhagarika imirimo by'agateganyo

Icyemezo cyo guhagarika imirimo by'agateganyo gishobora gufatwa :
1° n'Urwego rutanga isoko ku nyungu rusange z'igihugu ;

Article 127: Temporary suspension of works

The decision to suspend the works temporarily may be taken:
1° by the procuring entity for public interests;

Article 127 : Suspension temporaire des travaux

La décision de suspendre temporairement les travaux peut être prise :
1° par l'entité de passation de marché, pour cause d'intérêt public ;

2° n'wegukanye isoko ashingiye ku biteganywa n'iri tegeko.

Guhagarika by'agateganyo imirimo ntibigomba kurenza iminsi mirongo itatu (30) ikurikirana; iyo birenze iminsi yavuzwe, amasezerano ahita aseswa nta mpaka. Icyakora, iyo Urwego rutanga isoko rufashe icyemezo cyo guhagarika imirimo by'agateganyo mu gihe kirenze iminsi mirongo itatu (30), uwegukanye isoko aba afite impamvu zifatika zo gusaba urwo rwego indishyi zijyanye n'ibyo yatakaje muri icyo gihe.

Igihe cy'ihagarikwa ry'imirimo ry'agateganyo kigomba kongerwa ku gihe cyo kurangiza imirimo giteganyijwe mu masezerano igihe cyose igihe cyo kurangiza imirimo kidahuriranye n'igihe hafatiwe icyemezo cyo guhagarika imirimo by'agateganyo.

Ingingo ya 128 : Ingamba zigomba gufatwa igihe imirimo ihagaze by'agateganyo.

Iyo imirimo ihagaze by'agateganyo, uwegukanye isoko agomba gufata, ku mafaranga ye bwite, ingamba za ngombwa zigamije kurinda no kwita ku mutekano w'ibimaze gukorwa n'uw'ibikoresho, no kubirinda kononekara.

2° by the successful bidder in accordance with the provisions of this Law.

The temporary suspension of works shall not exceed thirty (30) calendar days; if it exceeds those days, the contract shall be automatically cancelled. However, if the procuring entity takes a decision to suspend the works temporarily for a period exceeding thirty (30) days, the successful bidder shall have sufficient grounds to claim for damages from the procuring entity for the loss incurred during that period.

The period during which the works are suspended shall result into the extension of the execution period of the contract as long as the contractual period did not coincide with the date the decision to temporarily suspend the works was taken.

Article 128: Measures to be taken in case of temporary suspension

When the execution of works is temporarily suspended, the successful bidder shall at his or her own costs take sufficient measures to insure the security of works already executed and materials and to protect them from degradation.

2° par l'attributaire du marché conformément aux dispositions de la présente loi.

La suspension temporaire des travaux ne peut pas dépasser trente (30) jours calendriers; passé ce délai, le contrat est immédiatement résilié. Toutefois, lorsque l'interruption est décrétée par l'entité de passation de marché pour un délai de plus de trente (30) jours, l'attributaire du marché a le droit de réclamer auprès de l'entité de passation de marché, une indemnisation pour le préjudice lui causé.

Le délai de suspension temporaire des travaux entraîne d'office la prolongation du délai d'exécution pour autant que le délai contractuel ne soit expiré au jour de la décision de la suspension temporaire.

Article 128 : Mesures à prendre en cas de suspension temporaire des travaux

Durant la suspension temporaire des travaux, l'attributaire du marché est tenu de prendre, à ses frais, toutes les dispositions nécessaires pour assurer la sécurité des travaux déjà exécutés et des matériaux et les protéger contre toute dégradation.

Ingingo ya 129 : Impamvu zitunguranye

Hakurikijwe ibikubiye muri iri tegeko, uwegukanye isoko agomba kuba azi ubwoko bw'ubutaka bw'aho ibikorwa bikorerwa kandi akaba yarateguye inyandiko y'ipiganwa akurikije ibyavuye mu isuzuma, hamwe n'imibare ubwe yakoze.

Kubera izo mpamvu, imirimo yose, ingamba afata n'amafaranga ajyana no gushyira mu bikorwa imirimo y'ubwubatsi nk'iyerekeye gutuma ubutaka butariduka, kuvana no gusubiza insinga n'ibitembo aho yabikuye, byose byishingirwa n'Uwegukanye isoko.

Icyakora, iyo mu gihe cyo gukora imirimo, uwegukanye isoko ahuye n'imbogamizi zo mu rwego rwa tekini cyangwa zo mu rwego rw'imiterere y'ubutaka bw'aho akorera imirimo ye nk'ibisigarira by'inyubako za kera cyangwa ikidendezi cy'amazi atakekaga ko bihari kandi uwegukanye isoko akaba atashoboraga kubiteganya nubwo byari bihasanzwe mbere yo gushyira umukono ku masezerano, agomba, iyo asanga bizasaba andi mafaranga y'inyongera, cyangwa iyongerwa ry'igihe cyo gukora imirimo ijyanye n'isoko rye, kubimenyesha Urwego rutanga isoko nk'uko biteganywa n'iri tegeko.

Article 129: Unexpected circumstances

In accordance with provisions of this Law, the successful bidder shall be assumed to know the nature of the soil at the site and to have prepared his or her bid in accordance with his or her own analysis and calculations.

Accordingly, all works executed, measures taken and costs inherent in the performance of works such as those intended to prevent the subsidence of the ground, displacement and reinstallation of cables and pipes into their original locations shall be borne by the successful bidder.

However, where in the course of the execution of the contract, the successful bidder encounters technical or geological obstacles such as the remains of old buildings or a pond of water, which could not have been reasonably anticipated even though they existed before the signing of the contract and if he or she believes such obstacles shall result into additional costs or extension of the execution period of the contract, he or she shall be required to inform the procuring entity in accordance with the provisions of this Law.

Article 129 : Circonstances inattendues

Conformément aux dispositions de la présente loi, l'attributaire du marché est censé connaître la nature du sol du lieu d'exécution des travaux et doit avoir établi son offre sur base des résultats de ses propres analyses et calculs.

En conséquence, tous les travaux exécutés, mesures et frais inhérents à la bonne exécution du marché tels que les travaux visant à empêcher les éboulements de terre, le déplacement et la remise en place des câbles et des tuyaux de canalisations, sont à la charge de l'attributaire du marché.

Toutefois, si au cours de l'exécution des travaux, l'attributaire du marché rencontre des obstacles d'ordre technique ou géologique tels que des vestiges de constructions anciennes ou une nappe d'eau insoupçonnée, lesquels ne pouvaient raisonnablement pas être prévus bien qu'ils fussent préexistantes à la conclusion du contrat et s'il estime que cette situation nécessite des frais supplémentaires ou une prolongation des délais d'exécution du marché, il est tenu d'en aviser l'entité de passation de marché conformément aux dispositions de la présente loi.

Mu kubimumenyeshya, asobanura neza iyo mbogamizi iyo ari yo, yerekana ku buryo burambuye ingaruka zishobora kuzabaho, ingamba ateganya gufata cyangwa yifuza gufata hamwe n'ingano y'igihe cy'ubukererwe bishobora gutera cyangwa ibindi atekereza ko byabangamira ishyirwa mu bikorwa ry'imirimo y'isoko.

In its notification to the procuring entity, the successful bidder shall fully explain the obstacle in question, indicating in detail the impact such obstacles may have, the measures he or she plans or intends to take, as well as the length of delay that this is likely to cause and any other that they may create a negative impact on the execution of works.

Dans sa notification à l'entité de passation de marché, l'attributaire du marché doit préciser l'obstacle en question, en indiquant en détail les effets prévisibles, les mesures prises ou à prendre, ainsi que l'ampleur du retard que cela va occasionner et autre impact négatif que cette situation peut avoir sur l'exécution des travaux.

Urwego rutanga isoko rufite uburenganzira busesuye bwo kongera igihe cyo gukora iyo mirimo, gusubira ku ngingo zerekeye amafaranga yagenewe isoko akoresheje amasezerano y'inyongera, gusesa amasezerano cyangwa kwanga ibyo asabwa n'Uwegukanye isoko iyo abona ko bidafite ishingiro.

The procuring entity shall have all the right to extend the period of the execution of the contract, to revise Articles concerning the pricing by means of an additional contract or to reject the claims of the successful bidder if he or she believes such claims are not sound.

L'entité de passation de marché est souveraine pour prolonger le délai d'exécution, réviser par avenant les conditions financières du marché, résilier le contrat ou rejeter les réclamations de l'attributaire du marché s'il les estime non fondées.

Ingingo ya 130 : Ukunanirwa k'uwegukanye isoko

Article 130: Failure of the successful bidder

Article 130 : Défaillance de l'attributaire

Uwegukanye isoko afatwa nk'uwaniwe kurangiza imirimo y'isoko yeguriwe :

The successful bidder shall be regarded as having failed his contractual obligations, if:

L'attributaire du marché est constitué en défaut d'exécution du marché si :

1° iyo imirimo itararangira neza mu gihe giteganyijwe mu nyandiko ihamagarira abantu gupiganwa cyangwa ku bihe ibice runaka by'imirimo byagombaga kurangirira;

1° the works are not fully completed within the period provided for by the tender document or within the period within which specified sections of the works were to be completed;

1° les travaux ne sont pas complètement achevés dans le délai prévu à l'Avis d'Appel d'Offres ou dans les délais dans lesquels les sections spécifiques des travaux devraient être achevés;

- | | | |
|---|---|--|
| 2° igihe imirimo idakomeje gukorwa ku buryo bugaragaza ko yaba yarangiye mu gihe giteganijwe ; | 2° the works are suspended in a manner that they shall not be completed within the period provided for by the contract; | 2° les travaux sont suspendus de façon qu'ils ne seront pas achevés dans les délais prévus dans le contrat ; |
| 3° iyo aciye ukubiri n'amabwiriza yanditse, yahawe n'Urwego rutanga isoko mu buryo bwemewe n'amategeko. | 3° he or she contravenes written instructions from the procuring entity in accordance with legal provisions. | 3° il ne respecte pas instructions écrites données par l'entité de passation de marché conformément aux dispositions légales. |
| Ukunanirwa k'uwegukanye isoko bigaragazwa muri raporo ikorwa n'Umugenzuzi w'imirimo nk'uko biteganywa n'iri tegeko. | The failure to execute the contract shall be communicated in a written report by the supervising official in accordance with the provisions of this Law. | Le défaut d'exécution du marché doit être communiqué dans un rapport écrit par le fonctionnaire dirigeant conformément aux dispositions de la présente loi. |
| Uwegukanye isoko ahabwa iminsi cumi n'itanu (15) y'akazi uherye igihe yaboneye raporo igaragaza ko yananiwe kurangiza imirimo y'isoko yeguriwe kugira ngo yikosore cyangwa agaragaze, mu nyandiko impamvu yireguza. Iyo atagize icyo ayivugaho akarenza igihe yahawe, bifatwa nk'aho yemeye ibikubiye muri raporo. Igihe Uwegukanye isoko atagize icyo akora ku byo yasabwe, Urwego rutanga isoko rufata icyemezo rubona gikwiye. | The successful bidder shall be given fifteen (15) working days from the receipt of the report showing that he or she failed in his or her contractual obligations so that he or she corrects his or her mistakes or otherwise defend himself or herself in writing. If he or she does not respond to the report within the given time, it shall be assumed that the successful bidder has accepted the content of the report. If the successful bidder does not correct the requirementst, the procuring entity may take any decision deemed appropriate. | L'attributaire du marché dispose d'un délai de quinze (15) jours ouvrables à partir de la date de réception du rapport de constat d'une défaillance d'exécution de marché pour se corriger ou présenter par écrit ses moyens de défense. Le silence gardé au delà du délai imparti vaut reconnaissance des faits constatés. Si l'attributaire ne corrige pas ses manquements, l'entité de passation de marché peut prendre toute mesure qu'il juge appropriée. |

Ingingo ya 131: **Isimburwa
ry'uwegukanye isoko**

Bitabangamiye ingingo z'ibihano ziteganywa muri iri tegeko, iyo uwegukanye isoko arengeje iminsi cumi n'itanu (15) ivugwa mu ngingo ibanziriza iyi, Urwego rutanga isoko rushobora gufata icyemezo cyo kurangiza imirimo hakoreshejwe uburyo bwa reji kandi bibaye ngombwa hagakoreshwa ibikoresho n'abakozi by'uwegukanye isoko.

Urwego rutanga isoko iyo rusanze ari byo bihendutse, rushobora kandi kugirana amasezerano n'undi muntu. Uko byagenda kose, ikiguzi cyo kurangiza imirimo cyishyurwa n'uwegukanye isoko kandi akirengera ingaruka zose byatera nk'uko biteganywa muri iri tegeko.

Mbere y'uko ibiteganywa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo bishyirwa mu bikorwa, Urwego rutanga isoko rutumira uwegukanye isoko kandi rugakora inyandiko igaragaza aho imirimo yari igeze n'ibikoresho bihari. Iyo raporo igomba gushyirwaho umukono n'Urwego rutanga isoko n'uwegukanye isoko iyo ahari. Nyuma urwego rutanga isoko rushyikiriza uwegukanye isoko urutonde rw'ibikoresho n'abakozi bizakoreshwa mu kurangiza imirimo igihe ari ngombwa.

Article 131: **Replacement of the
successful bidder**

Without prejudice to the penalty provisions in this Law, if the successful bidder goes beyond the period of fifteen (15) days provided for in the preceding Article, the procuring entity may decide to complete the works by force account and, if necessary use the materials and workers of the successful bidder.

The procuring entity may as well, if it finds it more economical, sign a contract with another person. In any case, the cost for the completion of the works shall be borne by the successful bidder who shall also bear all the consequences that may arise as provided for by this Law.

Before the implementation of the provisions of the first paragraph of this Article, the procuring entity shall invite the successful bidder and make a report showing the progress of the works and the materials at the site. The report shall be signed by the procuring entity and the successful bidder, if present. Thereafter, the procuring entity shall present to the successful bidder a list of materials and workers that may be used to complete the works, where necessary.

Article 131: **Remplacement de l'attributaire
du marché**

Sans préjudice des dispositions des pénalités prévues dans la présente loi, lorsque l'attributaire du marché dépasse le délai de quinze (15) jours prévu à l'Article précédant, l'entité de passation de marché peut décider de terminer l'exécution des travaux en régie et en cas de besoin utiliser les matériaux et le personnel de l'attributaire.

L'entité de passation de marché peut, s'il le juge plus économique, conclure un nouveau contrat avec une autre personne. Quoi qu'il en soit, le prix d'achèvement des travaux est supporté par l'attributaire défaillant tenu responsable des conséquences qui en découlent conformément aux dispositions de la présente loi

Avant la mise en application des dispositions de l'alinéa précédent, l'entité de passation de marché invite l'attributaire du marché et faire un rapport sur l'état des travaux réalisés ainsi que sur les matériaux se trouvant sur le chantier. Le rapport est signé par l'entité de passation de marché et l'attributaire s'il est présent. L'entité de passation de marché fait parvenir ensuite à l'attributaire, le relevé des matériaux et du personnel qui peuvent être utilisés si nécessaire.

Ingingo ya 132 : Ibyiciro by'iyakirwa ry'imirimo

Ibitabo by'Amabwiriza Agenga Iyigabanwe bishobora guteganywa iyakirwa ry'agateganyo ry'igice cy'imirimo, iyakirwa ry'agateganyo n'iyakirwa burundu ry'imirimo.

Ingingo ya 133 : Iyakirwa ry'agateganyo ry'igice cy'imirimo

Iyakirwa ry'agateganyo ry'igice cy'imirimo rikorwa ku gice runaka cy'imirimo kandi riha Urwego rutanga isoko uburenganzira bwo kumurikirwa no gukoresha igice cy'imirimo yakiriwe. icyakora guhera icyo gihe, uwegukanye isoko agumana gusa inshingano zo gusana ibyangiritse biturutse ku nenge cyangwa imyubakire mibi no gusubiramo amakosa yagaragajwe mu nyandiko y'iyakirwa ry'agateganyo ry'igice cy'imirimo. Izo nshingano arazikomeza mu gihe cyose cy'ubwishingire ku burambe buteganywa muri iri tegeko.

Igihe cy'ubwishingire ku burambe bw'ibyakozwe bushya byose gitangira kuburwa guhera ku itariki byakozwe ku buryo bwashimishije Urwego rutanga isoko.

Article 132: Types of official acceptance of works

Tender documents may provide for a partial provisional acceptance, a provisional acceptance and a final official acceptance of works.

Article 133: Partial provisional acceptance of works

Partial provisional acceptance of works shall concern part of given works and shall enable the procuring entity to take possession and utilize the part of works accepted. However, from the date of that possession, the successful bidder shall only be responsible for the repairs resulting from construction defects or poor workmanship and to make the corrections pointed out in the partial provisional acceptance report. Such responsibility shall apply during the period covered by durability guarantee in accordance with this Law.

The period for the durability guarantee for all components replaced or repaired shall begin to run from the date on which these operations were executed to the satisfaction of the procuring entity.

Article 132: Types de réceptions officielles des travaux

Les Dossiers d'Appel d'Offres peuvent prévoir une réception provisoire partielle, une réception provisoire et une réception définitive des travaux.

Article 133 : Réception provisoire partielle

La réception provisoire partielle des travaux porte sur une partie ou un tronçon de l'ouvrage et permet à l'entité de passation de marché de prendre possession de la partie des travaux reçue et de l'utiliser. Toutefois, à partir de la date de prise de possession par l'entité de passation de marché, l'attributaire du marché n'est tenu responsable qu'à la réparation des seuls dommages résultant de vices de construction ou de malfaçon, et à la levée des remarques formulées lors de la réception provisoire partielle. Une telle obligation s'applique pendant toute la période de garantie prévue dans la présente loi.

Le délai de garantie pour tous les éléments remplacés ou remis en état commence à courir dès la date à laquelle l'opération a été effectuée à la satisfaction de l'entité de passation de marché.

Ingingo ya 134 : Kwakira imirimo yose by'agateganyo

Kwakira imirimo yose by'agateganyo bireba igikorwa cyose kandi bigakorwa nk'uko kwakira igice cy'imirimo by'agateganyo bikorwa, n'inkurikizi zikaba zimwe.

Ingingo ya 135 : Igihe cy'ubwishingire ku mirimo

Uretse igihe Igitabo cy'Amategeko Agenga Ipiganwa kibiteganya ukundi, igihe cy'ubwishingire ku mirimo kigomba kuba umwaka umwe uhereye umunsi iyakirwa ry'agateganyo ry'imirimo ryabereye.

Ingingo ya 136 : Igihe cy'iyakirwa ry'agateganyo ry'imirimo cyangwa ry'igice cy'imirimo

Kwakira by'agateganyo cyangwa kwakira igice by'agateganyo bikorwa mu minsi makumyabiri (20) ikurikira umunsi wemejwe wo kurangiza imirimo cyangwa igice cy'igikorwa. Igihe imirimo irangiye mbere cyangwa nyuma y'iyoyi tariki, Uwegukanye isoko agomba kubimenyesha mu nyandiko umukozi ushinze kugenzura imirimo kandi akanaboneraho gusaba ko imirimo yakirwa by'agateganyo.

Article 134: Provisional acceptance of works

Provisional acceptance of works shall concern the entire works and be carried out in the same manner and have the same consequences as the partial provisional acceptance of works.

Article 135: Duration of the guarantee for works

Unless the tender document provides otherwise, the guarantee period for works shall be one year from the date of provisional acceptance of works.

Article 136: Date of provisional or partial provisional acceptance of works

Provisional or partial provisional acceptance of works shall take place within twenty (20) days following the date provided for the completion of works or part of the works. If works are completed before or after that date, the successful bidder shall inform the supervising official in writing, and he or she shall use this opportunity to request for the provisional acceptance of works.

Article 134 : Réception provisoire

La réception provisoire porte sur l'ensemble des travaux et se réalise dans les mêmes conditions avec les mêmes obligations que celles de la réception provisoire partielle.

Article 135 : Délai de garantie des travaux

Sauf stipulation contraire du Dossier d'Appel d'Offres, le délai de garantie des travaux est d'une année comptée à partir de la date de la réception provisoire.

Article 136 : Date de réception provisoire ou de réception provisoire partielle

La réception provisoire ou la réception provisoire partielle intervient dans les vingt (20) jours qui suivent le jour fixé pour l'achèvement des travaux ou de la partie ou tronçon de l'ouvrage. Si les travaux sont terminés avant ou après cette date, il appartient à l'attributaire d'en aviser, par écrit, le fonctionnaire dirigeant et de demander par la même occasion, la réception provisoire des travaux.

Mu minsi makumyabiri (20) ikurikira umunsi Uwegukanye isoko yabisabiye, hakorwa inyandikomvugo yo kwakira imirimo by'agateganyo cyangwa yo kwanga kuyakira. Iyo nyandikomvugo igomba kuba inagaragaza ibikwiye gukosorwa, igihe bihari.

Iyo icyo gihe kirenze, Urwego rutanga isoko rugomba kwishyura Uwegukanye isoko amafaranga angana na zero n'igice ku ijana (0,5%) kuri buri cyumweru cy'ubukererwe abarirwa ku mafaranga yateganijwe kwishyurwa nyuma y'iyakirwa ry'agateganyo. Ibyo bihano ntibishobora kurenga gatanu ku ijana (5%) by'ayo mafaranga.

Ingingo ya 137 : Imirimo ishobora kutakirwa

Kwanga kwakira imirimo biba iyo ibyakozwe bitujuje neza ibisabwa, cyangwa bidakozwe hakurikijwe amategeko agenga imirimo, kimwe n'imirimo yakoreshejwe ibikoresho bitabanje kwemerwa n'Urwego rutanga isoko.

Within twenty (20) calendar days from the date the successful bidder requested for the provisional acceptance of the works, the procuring entity shall make a statement agreeing to or refusing the provisional acceptance of works. The statement shall indicate mistakes to be corrected, if any.

When this period expires, the procuring entity shall pay to the successful bidder zero point five per cent (0.5%) of the amount that would be due for payment after the provisional acceptance for each week of delay. Such penalties shall not exceed five per cent (5%) of such amount.

Article 137: Works which may not be accepted

Refusal to accept works shall occur when the executed works do not meet the requirements or were not executed in a professional manner as well as works executed using materials not approved by the procuring entity.

Dans les vingt (20) jours calendriers suivant le jour de la réception de la demande de l'attributaire, il est procédé à un procès-verbal d'agrément provisoire des travaux ou un procès-verbal de refus de les recevoir. Le procès verbal doit être assorti des points à corriger s'il le faut.

Si ce délai est dépassé, l'entité de passation de marché est redevable à l'attributaire du marché d'une indemnité égale à zéro virgule cinq pour cent (0,5 %) par semaine de retard sur les sommes dont le paiement dépend de l'agrément provisoire des travaux avec une limite de cinq pour cent (5 %) du montant desdites sommes.

Article 137: Travaux susceptibles d'être non recevables

Le refus de réception intervient pour les ouvrages qui ne sont pas conformes aux spécifications du marché, ou qui ne sont pas exécutés conformément aux règles de l'art ainsi que pour ceux dans lesquels des matériaux non agréés par l'entité de passation de marché ont été mis en œuvre.

Kwakira imirimo cyangwa kwakira igice cyayo by'agateganyo bikorwa gusa nyuma y'ikosorwa ry'amakosa yagaragajwe mu nyandikomvugo yo kwanga kwakira imirimo.

Provisional or partial provisional acceptance of works shall only take place after correction of mistakes reported in the statement agreeing or refusing the provisional acceptance of works.

La réception provisoire ou la réception provisoire partielle n'intervient qu'après la correction des défauts relevés dans le procès-verbal de refus de réception.

Ingingo ya 138 : Kwakira imirimo burundu

Article 138: Final acceptance of works

Article 138 : Réception définitive

Kwakira imirimo burundu bireba igikorwa cyose kandi bigakorwa:

Final acceptance of works shall concern the entire works and take place:

La réception définitive porte sur l'entièreté de l'ouvrage et intervient :

1° mu minsi makumyabiri (20) ibanziriza irangira:

1° Within twenty (20) days prior to expiry of:

1° endéans vingt (20) jours qui précèdent l'expiration :

- a) ry'igihe cy'ubwishingire ku mirimo yakiriwe by'agateganyo;
- b) ry'igihe cya nyuma cy'ubwishingire ku mirimo y'isoko ryakiriwe by'agateganyo iyo habayeho inshuro nyinshi zo kwakira igice cy'imirimo by'agateganyo.

- a) the period of the guarantee period for the provisional acceptance of works;
- b) the last period of guarantee for the provisional acceptance of works if there had been several partial acceptances of works.

- a) de la période de garantie des travaux réceptionnés provisoirement ;
- b) de la dernière période de garantie des travaux réceptionnés provisoirement lorsqu'il y a eu à plusieurs reprises des réceptions provisoires partielles ;

2° mu minsi makumyabiri (20) ikurikira itariki yo gukosora inenge zose, imiterere mibi hamwe n'andi makosa yerekanywe mu nyandikomvugo y'iyakirwa ry'imirimo.

2° Within twenty (20) calendar days following the date on which all defects, poor workmanship and any other mistakes pointed out in the minute of the acceptance are corrected.

2° Endéans vingt (20) jours calendriers suivant la date de levée de tous les vices, malfaçons et autres défauts relevés et consignés dans le procès-verbal de réception.

Igihe ibyagombaga gukosorwa bitakosowe byose, hakorwa inyandikomvugo yo kwanga iyakirwa, hanyuma Uwegukanye isoko akazagaragariza Urwego rutanga isoko mu nyandiko ko noneho imirimo ishobora kwakirwa burundu. icyo gihe iyakirwa rikorwa mu minsi makumyabiri (20) ikurikira. Uwegukanye isoko ahabwa icyemezo cy'uko imirimo yakiriwe burundu cyerekana itariki yarangirijeho neza ibyo yasabwaga n'amasezerano.

Ingingo ya 139 : Imirimo ifatwa nk'aho yakiriwe burundu

Iyo Urwego rutanga isoko rudasubije urwandiko rw'wegukanye isoko rusaba iyakirwa burundu ry'imirimo, iryo yakirwa rifatwa nk'iryemewe nyuma y'iminsi makumyabiri (20) risabwe.

Ingingo ya 140 : Gusukura aho imirimo yakorewe

Nyuma yo kwakira imirimo cyangwa igice cy'imirimo by'agateganyo, Uwegukanye isoko agomba kuvanaho inyubako z'igihe gito hamwe n'ibikoresho bitagikenewe mu ishikirwa mu bikorwa ry'isoko.

When the identified mistakes are not entirely corrected, a statement refusing the the final acceptance shall be made. Subsequently, the successful bidder shall have to inform the procuring entity in writing that the mistakes were corrected and the final reception may take place. From that date, the final acceptance shall take place within twenty (20) days. The successful bidder shall be given a certificate of final acceptance of works, indicating the date on which he or she completed his or her contractual obligations.

Article 139: Works deemed finally accepted

